

**UWAHAMAGARIWE KUBA**

**UMUSHUMBA W'UMUKUMBI  
W'IMANA**

**INYIGISHO 200 ZO GUTEGURA**

**ABAPASITORI**

**© 2018**

Published by  
**J E S C H O**  
**P U B L I S H I N G   H O U S E**  
**Kampala (U), E.A.**

UWAHAMAGARIWE KUBA

# UMUSHUMBA W'UMUKUMBI W'IMANA

INYIGISHO 200 ZO GUTEGURA

ABAPASITORI

Cyanditswe na Thelma Braun  
Centre International d'Évangélisation  
Kinshasa Za re

Cyahinduwe mu rurimi rw'IKINYARWANDA na:

1. Révérend Pasteur Bimenyimana Simon Pierre
2. Pasteur Manyemana Nganizi
3. Pasteur Nkulikiyimana Musanganya
4. Pasteur Bazirushaka Barengayabo

Abarimu bo muri Centre Chrétien du lac Kivu, Goma-Za re

1996

Gisubirwamo na:

1. Révérend Pateur Jonas MVIMVIRI
2. Afatanyije na Celestin IGIRANEZA.

2018

## **KURI WILLYS**

*Watangije gahunda y'amashuri yimuka*

*(Ecole portative/Portable School)*

*mu gihugu cya Zaïre,*

*no ku bahungu bacu b'igikundiro*

*batuzaniye impinduka mu bitekerezo, n'umunezero*

*mu mibereho yacu no mu mirimo yacu muri Afrika.*

Cyacapishijwe ku mfashanyo ya:

BIBLE LITERATURE INTERNATIONAL

## **AMASHAKIRO**

I.	IJAMBO RY'IBANZE .....	5
II.	IBITABO BYA BIBILIYA .....	7
III.	INYIGISHO SHINGIRO ZA BIBILIYA (DOCTRINE) .....	37
IV.	KUBWIRIZA (HOMILETICS).....	73
V.	KURAGIRA UMUKUMBI .....	87
VI.	IMIBEREHO YEJEJWE, KWITEGURIRA UMURIMO WEJEJWE .....	121
VII.	UBUMWE HAGATI Y'AMATORERO .....	138
VIII.	BIBLIOGRAPHIE .....	140

## I. IJAMBO RY'IBANZE

Iki gitabo cyateguriwe itsinda ryihariye ry'abantu, biyemeje gukurikira Umwami Yesu Kristo, bumvise umuhamagaro we wo kumukorera mu murimo wihariye ku bantu batuye imigi n'ibyaro bakeneye Umwami Yesu.

Washyize ibyumweru umunane iruhande ku bwo kwiga amasomo, gukora umurimo hamwe no gusenga, kugira ngo ubone ubigukwiriye ngo ukore umurimo Umwami yaguhamagariye. Uri umuntu wihariye warobanuriwe umurimo wa Kristo.

Muri iki gitabo harimo amasomo 200 agomba kwigwa mu minsi 40 y'ishuri, buri munsi hakoreshwa amasaha 5 yo kwiga. Twateganya ko igithe twakigabanya muri iyi ngengabihe ikurikira:

- 8:00-8:50 Ibitabo bya Bibiliya
- 8:50-9:40 Inyigisho shingiro za Bibiliya (Indongozi)
- 9:40-10:30 Ikibwirizo
- 10:30-10: 50 Ikiruhuko
- 10:50-11:40 Kugaburira Umukumbi
- 11:40-12:30 Imibereho yejejwe (yakwigwa mu byumweru bine bibanza); imbanire n'andi matorero(amadini) mu byumweru bine bikurikiraho.

Igihe cya nyuma ya saa sita n'umugoroba byaharirwa kwiga amasomo no kujya impaka (Kuganira) ku masomo twize. Icyu ngombwa cyane ni ugukoresha aya masomo duhinduka abarobyi b'abantu mu nkengero z'ishuri. Aya masaha ashobora kuba ay'ingenzi y'umunsi!

Reka dutange icyitonderwa. Hari igithe amasomo amwe aba maremare cyane cyangwa agoranye kwigishwa mu isaha imwe y'isomo ngo abanyeshuri basobanukirwe bose. Hari ubwo ugeragezwa no kwibwira ko wakomeza iryo somo ku munsi ukurikiraho kandi buri somo ryarashyizwe mu ngengabihe y'ariya masaha 200, kandi kuko buri saha muri ayo 200 ifite akamaro kayo, nusubika isomo ntibizakorohera kurangiza. Mu gihe utarangije kwigisha amasomo ateganyijwe, ushobora kuyakomeza nyuma ya saa sita, kugira ngo ugendane n'igihe ku buryo watangira ayandi masomo ku munsi ukurikira.

Iyi minsi 40, yeguriwe kwiga Ijambo rihebuje ry'Imana no kugutegurira umurimo wayo w'ubusonga, ishobora kuba iminsi y'agahebuzo kuruta indi yose y'ubuzima bwawe. Turagusabira ko byakubera bityo kandi numara guhabwa impamyabumenyi, uzakoreshe ibyo wigishijwe byose mu gukorera Umwami no kuyobora abantu; bamwe ubageza ku gakiza abandi ubakuza ndetse no ubageza mu busabane n'Umwami Imana.

## ***IBITABO BYA BIBILIYA***

### **IGICE CYA 1: IBITABO BY'ISEZERANO RYA KERA**

**IJAMBO RY'IBANZE:** Ibyumweru umunani byonyine ntibihagije mu kumenya neza no kwiga ibikubiye mu bitabo 66 twita Bibiliya. Iminsi umuntu warambye yamara ku isi nayo ntiyaba ihagije mu kwiga ibyo bitabo. Ariko bizagushobokera gusogongera ku buryohe bw'ubutunzi buri kuri buri rupapuro rwayo, no kugira akamenyero ko gushakashaka ibirenzeho buri munsi w'ubuzima bwawe. Ibyanditswe Byera bivugana ubwenge biti: “Ujye Ugira umwete wo kwishyira Imana nk’ushimwa, ...” (2 Timoteyo 2:15). Uko wimenyereza biruseho Ibyanditswe Byera urushaho kubikunda, bikagukundisha n’Uwanditse Bibiliya. Nibwo uzabona imigisha itabarika mu mibereho yawe no mu murimo wawe.

## **ISOMO RYA 1: UMUSOGONGERO**

Bibiliya ni Ibyahishuwe by'Imana byandikiwe kwerekana ubushake bw'Imana ku bantu. Ingingo nyamukuru ni "Agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo". Bibiliya igizwe n'ibitabo 66, byanditswe n'abanditsi 40 mu gihe kigera ku myaka 1600. Isezerano rya Kera ryanditswe ahanini mu rurimi rw'Igiheburayo, Isezerano Rishya ryandikwa mu Kigiriki. Abanditsi bari: abami, abasizi (poètes/Poets), Ibikomangoma (abana b'abami), abahanuzi, abanyabwenge mu gutekereza (philosophes/ Philosophers) n'abategetsi. Bamwe bari barize cyane abandi bari abarobyi batigeze biga mu ishuri.

Muri uku kwezi kubanza kw'amasomo tuziga Isezerano rya Kera. Rigizwe n'ibitabo 39 bigizwe n'izi ngingo zikurikira:

- 1. Ibitabo 5 by'Amategeko**
- 2. Ibitabo 12 by'Amateka**
- 3. Ibitabo 5 by' Ubusizi**
- 4. Ibitabo 17 by'ubuhanuzi (Abahanuzi bakuru 5 n'abahanuzi bato 12)**

Bibiliya ni igitabo kirusha ibindi byose kuboneka hose ku nyoko-muntu. Gikeneye gusomwa, kwigwa, kwizerwa no gukurikizwa.

## **ISOMO RYA 2: ITANGIRIRO**

Ibitabo bitanu (5) bibanza bya Bibiliya byanditswe na Mose kandi byitwa ibitabo by'Amategeko. Ijambo "Itangiriro" risobanura "inkomoko cyangwa kuvuka". Itangiriro ni igitabo kivuga ku nkomoko y'ibintu byose – inkomoko y'Isi (1:1-25), inkomoko y'inyoko-muntu (1:26-27), inkomoko y'icyaha mu Isi (3:1-7), isezerano ryo gucungurwa (3:8-24), inkomoko y'imibereho y'umuryango (4:1-15), inkomoko y'amajyambere yazanywe n'umuntu (4:16-9:29), inkomoko y'amahanga yo mu Isi (10,11) n'iy'ishyanga ry'Abaheburayo (12-50).

Igitatabo cy'Itangiriro kivuga amateka yo kugwa k'umuntu. Gitangizwa n'ijambo Imana kigaherukwa n'ijambo isandugu yo

guhambamo. Izi nizo ngingo z'ingenzi zigabanya iki gitabo mo ibitekerezo bibiri byagutse:

**I. Kwinjira kw'icyaha hano ku Isi (1-11)**

1. Kuremwa, igice cya 1, 2
2. Kugwa, igice cya 3, 4
3. Umwuzure, igice cya 5-9
4. Umunara w'i Babeli no kunyuranywa kw'indimi igice 10, 11

**II. Umuteguro wo kuza k'Umucunguzi, igice 12-50**

1. Aburahamu, umuntu wizera, igice 12-23.
2. Isaka umwana ukundwa, igice 24-26.
3. Yakobo ukundwa kandi uhanwa n'Umwami Imana, igice cya 27-37
4. Yozefu wanyuze mu mibabaro agakomeza gukiranukira Imana, igice 37-50.

**ISOMO RYA 3: KUVA**

Ijambo “**Kuva**” risobanura “Kuvayo”

Abagiye mu Misiri bari abantu 70 bonyine, ariko mbere yo gusohoka muri Egiputa (Misiri) bari bariyongereye baba ishyanga ry'abantu miliyon i eshatu. Igitabo cy'Itangiriro kitubwira ibijyanye no kugwa k'umuntu. Icyo Kuva kitubwira umurimo wo gucungurwa n'Imana Isumbabyose. Iki gitabo gitangirira mu mwijima kikarangizwa n'ikuzo.

Kuva 12 hatwereka inkuru itangaje ya Pasika, ishusho iboneye mu Isezerano rya Kera y'agakiza kacu bwite kabonerwa mu kwizera amaraso y'Umwami wacu Yesu Kristo yamenetse ku bwacu.

Ibice by'ingenzi by'igitabo cyo Kuva ni ibi bikurikira:

1. Imana itegura Mose, Uzabatura ubwoko bwayo, (igice cya 1-11).
2. Kubaturwa, ku bw'amaraso n'ubushobozi bw'Imana, (igice cya 12-14).
3. Urugendo rwo kujya ku musozi wa Sinayi, kwigishwa kw'abantu iby'Umwuka (igice cya 15-18).

4. Guhabwa amategeko, nk'indorerwamo y'Imana itwereka gukabya kwacu mu byaha (igice cya 19-25).
5. Igishushanyo mbonera no kubaka ihema ry'ibonaniro, rihamya ko Imana atura hagati mu bwoko bwayo (igice cya 25-40)

#### **ISOMO RYA 4: ABALEWI, KUBARA, GUTEGEKA KWA KABIRI**

**Abalewi** ni igitabo cy'Ishusho y'Imana kigenewe gufasha abisiraheli kubahugurira inyigisho z'Iyoboka-Mana bahabwa. Buri shusho yari igendereye kugaragaza umurimo wa Yesu Kristo. Ciyitwa igitabo cyo guhongererwa "Mube abejewe" ni cyo ibitambo bivuga. Hari uburyo butanu bw'ibitambo: igitambo cyoswa, igitambo cy'ibiribwa, igitambo cy'amahoro, igitambo cy'ibyaha n'igitambo cy'ibicumuro. Iminsi mikuru yatangarizaga Abayuda ngo: "Muhore mwiyeza". Hariho amoko umunani y'iminsi mikuru; Isabato, Pasika, Pantekote, Amakondera, Guhongererwa, Ihema ry'ibonaniro, Umwaka w'Isabato na Yubire. Ibitambo byagereranyaga amaraso yakizaga. Iminsi mikuru yavugaga ku byo kurya bitunga ubugingo.

**Kubara** ni igitabo kuvuga ku byo Kuzerara mu Butayu, kuva kuri Sinayi kugeza ku rugabano rw'i Kanani; igihugu cy'isezerano. Dushobora kucyita kandi igitabo cyo kwivovota. Igitekerezo gikuru ni ibijyanye n'imyifatire n'imyitwarire. Kubara ni igitabo kigaragaza urugendo rw'umwizera.

1. Igice cya 1-10 biduha amategeko y'Imana.
2. Igice cya 11-20 bitubwira inkuru yo kugwa k'ubwoko.
3. Igice cya 21-36 handitswemo uburyo Abisiraheli bagarukiye Imana bakongera kuyigiraho igikundiro, kunesha kwa nyuma, ndetse n'ibindi byo mu butayu.

Aba nibo bantu b'ingenzi muri iki gitabo: Mose, Aroni, Miriyamu, Yosuwa na Kalebu.

**Gutegeka kwa Kabiri** ni igitabo cy'urwibutso. Ni igiteranyo cy'ibibwirizo (amagambo) n'indirimbo bya Mose yahaye abana ba Isiraheli abasezera. Iki gitabo cyerekana imigisha iva mu kumvira n'imivumo iva mu kutumvira. Gikubiymo ibyabaye mu gihe kijya kungana n'amezi abiri gusa, abariwemo n'iminsi 30 yo kuririra Mose. Yesu yakoreshje kenshi

amagambo yo mu Gutegeka kwa Kabiri. Yasubije Satani mu Byanditswe bivuye muri cyo. Gutegeka kwa Kabiri ni igitabo kidutera amatsiko y'Ijuru hano ku Isi.

**Gusubiramo:** *mu gitabo cy'Itangiriro tubonamo umuntu yononeka. Icyo Kuva, tubonamo umuntu acungurwa, icy'Abalewi, umuntu aramya Imana, icyo Kubara umuntu akora umurimo, mu cyo Gutegeka kwa Kabiri umuntu yiga kumvira.*

## ISOMO RYA 5: YOSUWA, ABACAMANZA NA RUSI

Igitabo cya **Yosuwa** ni cyo kibimburira ibitabo by'amateka. Cyuzuyemo ukuri ko mu Mwuka, guterwa umwete n'ubwenge. Mose yari amaze gupfa ariko urugendo rugomba gukomeza. Yosuwa asohoza ibyo Mose yatangiye. Igitabo kivuga ku muyobozi ukomeye kigabanyijemo ibice bibiri:

1. Kwigarurira igihugu cy'isezerano (igice cya 1-12)
2. Gutura mu gihugu cy'isezerano (igice cya 13-24)

Igitabo cy'**Abacamanza** kivuga amakuru y'imyaka y'ubuyobe ku bwoko bwa Isiraheri. Ubwo bwoko bwibagiwe Imana (Abacamanza 2:13) n'Imana nayo ireka ubwoko bwayo (Abacamanza 2:23). Igitabo cy'Abacamanza gikubiyemo ibyakurikiye urupfu rw'umuyobozi mukuru Yosuwa, kugeza ku iyimikwa ry'umwami w'abisiraheli Sawuli. Nta mwami wariho mu myaka 350 yabanje mu gihugu cy'isezerano. Iyi nteruro ikunda kugaruka cyane mu gitabo cyose cy'Abacamanza. "Buri wese yakoraga icyo abona kimubereye cyiza, mu maso ye" iki gitabo kitwereka gukomeza kugwa k'umwana w'umuntu n'ubuntu bw'Imana buhoraho. Gishobora kugabanywamo ibice bukurikira: Guhakana Imana inshuro zirindwi (7); kujyanwa mu buretwa mu mahanga arindwi no kubohorwa inshuro zirindwi.

**Rusi** atubwira ibya Yesu Kristo, umucunguzi wacu ufite kamere ya muntu. Iki gitabo ni ishusho nziza ku buyobe buboneka mu bihe by'Abacamanza kandi ni n'ishusho y'igikundiro Ya Kristo n'Itorero. Mu gitabo cya Rusi hatwereka ibyabayeho mu gihe cy'ubuyobozi bwa Gidiyoni cyangwa Yefuta. Rusi yari nyirakuruza wa Dawidi sekuruza (umukurambere) wa Kristo. Iki gitabo kitubwira inkomoko y'umuryango wa

Mesiya n'Ishyanga Mesiya yagombaga kuvukamo. Rusi yari Umumowabukazi, wo mu gisekuru cya Loti, uwoko bw'abanyamahanga. Mbega ishusho nziza y'ubuntu bw'Imana bwo kwinjiza abanyamahanga mu muryango wa Kristo!

## ISOMO RYA 6: IGITABO CYA 1 N'ICYA 2 CYA SAMWELI

Igitabo cya **1 Samweli** nicyo gitamo cya mbere mu bitabo bitandatu by'Abami. Hariho ibitabo bibiri bya Samweli, bibiri by'abami, na bibiri by' Ibyo ku Ngoma. Ibivugwa mu gitabo cya mbere cya Samweli byabaye mu gihe cy'imyaka 115, ni uguhera ku kuvuka kwa Samweli, ugakomereza mu bihe by'imidugararo bya Sawuli, ukageza ku gihe cy'intangiriro y'ubwami bwa Dawidi. Iki gitabo cyagabanywamo ibice bitatu by'ingenzi hakurijwe abantu batatu b'ingenzi:

1. Samweli, Umuhanuzi w'Imana (igice cya 1-7)
2. Sawuli, umwami utumvira Imana wo kugwa (igice cya 8-15)
3. Dawidi, umuntu w'Imana (igice cya 16-31)

Igitabo cya **2 Samweli**: Igitabo cya 1 Samweli kitubwira ku kugwa k' umwami watoranijwe n' abantu, Sawuli. Icyu kabiri cya Samweli kitubwira ku kwima ingoma k'umwami watoranijwe n'Imana, Dawidi no ku gukomezwa kw' "Inzu ya Dawidi" ari yo Mesiya yagombago gukomokamo. Dawidi yari umuntu ufite umutima uhuje n'uko Imana ishaka – ntiyari intungane, ariko yahoraga yihana mu gihe cyose aguye mu cyaha. Yari afite impano nyinshi – Umushumba w'intama, umuririmbyi w'ibwami, umusirikare, inshuti nyakuri, kapiteni watawe na bagenzi be, umwami, umugaba mukuru w'ingabo, umubyeyi w'urukundo, umusizi, umunyabyaha, umusaza w'umutima umenetse ariko buri gihe wakundaga Imana.

Iki gitabo twakigabanyamo ibice 2:

1. Gutsinda kwa Dawidi (igice cya 1-10)
2. Ingorane za Dawidi (igice cya 11-24)

## ISOMO RYA 7: IGITABO CYA 1 N'ICYA 2 CYABAMI

Igitabo cya 1 n'icya 2 cy'Abami ni uruhererekane rukomeza ibyabaye mu bitabo bya Samweli. Byafashe imyaka 400, kandi bivuga ku

kwaguka hanyuma kwisenya k'ubwo bwami no kwigabanyamo kwabwo. Ubwami bw'amajyepfo; Yuda bwagize abami 20, ubwami bw'amajyaruguru; Isiraheli bwagize abami 19. Ubu bwami bwombi bwajyanyweho iminyago. Ijwi ry'ubushobozi bw'Imana ryumvikaniraga muri yari Eliya, umuhanuzi wahanuye umunsi w'inkazi w'urubanza, mu gitabo cya 1 Abami, na Elisa, umuhanuzi w'ubuntu n'urukundo, mu gitabo cya 2 Abami

Ibice by'ingenzi bigize ibi bitabo uko ari bibiri:

1. Urupfu rwa Dawidi (1 Abami 1-2).
2. Ikuzo ry'ubwami bwa Salomo (1 Abami 3-11).
3. Kwigabanya k'ubwami (1 Abami 12- 2 abami 16).
4. Abashuri bafataho umunyago Isiraheli (2 Abami 17).
5. Kugwa no gutwarwa mu bunyage kwa Yuda i Babuloni (2 Abami 18-25).

## **ISOMO RYA 8: IGITABO CYA 1 N'ICYA 2 CY'IBYO KU NGOMA**

Ibitabo by'Ibyo ku Ngoma byanditswemo ibisa n'ibyabaye mu bitabo by'Abami ariko mu buryo butandukanye. Mu bitabo by'Abami amateka y'ishyanga ahereye ku iyimikwa ry'abami naho Ibyo ku Ngoma ni uguhera ku gicaniro. Mu bitabo by'Abami, ingoro y'umwami niyo yibandwaho cyane; naho mu bitabo by'Ibyo ku Ngoma byibanda ku Ngoro y'Imana. Mu bitabo by'Abami handikwamo iby'amateka ya politiki, Ibyo ku Ngoma hakavugwamo ibijyanye n'iyobokamana. Ibitabo by'Abami bitwereka uburyo bwite bwo kugenzura k'umuntu; naho Ibyo ku Ngoma bikatwereka uburyo bw'Imana bwo kugenzura ibintu. 2 Ingoma handitswemo ububyutse butanu bukomeye: ku ngoma ya Asa (igice cya 15), Yehoshafati (igice cya 20), Yowasi (igice cya 23,24), Hezekiya (igice cya 29-31), na Yosiya (igice cya 35).

Izi nizo ngingo z'ingenzi zo mu 1 Ngoma:

1. Ibisekuru (Amasekuruza) (igice 1-9),
2. Ubwami bwa Sawuli (igice cya 10)
3. Ubwami bwa Dawidi (igice cya 11-29)

Hano hagaragara ingingo z'ingenzi zo mu 2 Ngoma:

1. Ubwami bwa Salomo (1-9)

## 2. Gucikamo ibice k'Ubwami n'amateka ya Yuda (10-36)

### ISOMO RYA 9: EZIRA, NEHEMIYA NA ESITERI

**Ezira** na **Nehemiya** batubwira inkuru yo kugaruka k'ubwoko bwatoranyijwe n'Imana nyuma yo kujyanwa i Babuloni. Ezira yari umutabyi, Nehemiya yari umulayiki. Ubwa mbere abana ba Isiraheli bavuye mu Egiputa bayobowe na Mose, ubwa kabiri bava i Babuloni bayobowe na Ezira. Abayuda bamwe bari baratahutse ariko mu gihe Ezira yageraga i Yeruvalemu yasanze ibintu byararushijeho kuba bibi kuruta uko yabitekerezaga. Abayuda bashyingiranaga n'abo muri icyo gihugu kandi bagakurikiza imihango yose bari barigishijwe n'abapagani (9:1-4). Ezira byaramushenguye (9:5-15). Nuko ubwo bwoko buteranira aho ari bugarura umutimanama bwumvishwa uburemere bw'icyaha cyabwo (10:1-44). Ezira abahamagarira ako kanya kongera kwiyunga n'Imana bundi bushya.

Nehemiya yageze i Yerusalem mu myaka 13 nyuma ya Ezira. Yaje afite ububasha yahawe n'umwami w'Abaperesi bwo kongera kubaka inkike z'i Yerusalem. Yari umuhanga mu by'ubwubatsi. Hari abamurwanyaga benshi. Umurimo warangiyе mu minsi 52.

Dore ibice by'ingenzi bigize ibi bitabo byombi:

1. Kuva i Babuloni bayobowe na Zerubabeli (Ezira 1-6)
2. Kuva i Babuloni bayobowe na Ezira (Ezira 7-10)
3. Kongera kubaka inkike (Nehemiya 1-7)
4. Ububyutse n'ivugurura (Nehemiya 8-13)

**Esiteri** – Izina “Uwiteka” ntabwo rigaragara muri iyi nkuru iryoshye. Ariko kuri buri rupapuro huzuyemo Imana yihishe inyuma ya buri jambo. Iki gitabo kitwigisha ku bufasha bw'Imana. Imana ni yo iyobora byose mu Isanzure. Ibyabaye muri iki gitabo byibanda ku minsi mikuru itatu:

1. Umunsi mukuru w'umwami Ahasuwerusi, umwami w'ubuperesi, igihe Vashiti yasendwaga nuko Morudekayi akabona uburyo bwo kuzana Esiteri umukobwa w'imfubyi yareraga, kugirango yerekwe umwami Ahasuwerusi hanyuma akaba umwamikazi (igice cya 1-2).
2. Umunsi mukuru wa Esiteri, ubwo umwanzi w'abayuda, Hamani ashirwa hanze kandi agacirwa urubanza rwo gupfa; Morudekayi akahahererwa icyubahiro (igice cya 7)

3. Umunsi mukuru wa Purimu wizihijwe kubwo gucungurwa kw'Abayuda bagakira icyago giteye ubwoba (igice cya 9)

## ISOMO RYA 10: YOBU

**Yobu** ni igitabo cya mbere muri bitanu bigaze ibitabo by'ibisigo. Ibi bitabo bivuga ku bunararibonye bw'umutima. Bitekerezwa ko iki gitabo cyanditswe mbere y'ibindi bitabo byose bya Bibiliya. Iki gitabo gitanga igisubuzo kuri iki kibazo: “kuki abubaha Imana bababazwa?” Iyi nkuru itangirira ku byabaye mu Ijuru, hanyuma ikatubwira ibya Yobu wari umukire akaza gukena. Ibi byakurikiwe n'impaka zabaye hagati ye n'inshuti ze.

1. Inkuru itangirira ku byabaye mu Ijuru (igice cya 1:1-12; 2:1-6), hagakurikiraho
2. Yobu ava mu bukire ajya mu bukene (1:13-22; 2:7-10), hanyuma,
3. Impaka zikomeye hagati ya Yobu n'inshuti ze enye: Elifazi, Biludadi, Zofari na Elihu (igice cya 2:1-37:24). Amaherezo,
4. Igihe cyiza kigerwaho ubwo Imana yatangiye kuvuga (igice 38-42).

Yehova asobanurira Yobu ko iyo abantu buri gihe babonye Imana, hari ikintu kigaragara. Biremewe ko abubaha Imana bababazwa kugira ngo bisobanukirwe; nyuma yaho Imana ikabaha ikuzo. Imana iba ifite umugambi wuzuye ubwenge muri iyo mibabaro uko ingana. Imana iba Ishaka kweza izahabu Iyejesheje umuriro.

## ISOMO RYA 11: ZABURI

Igitabo cya **Zaburi** ni igitabo kirimo guhimbaza, gusenga no kuramya. Zaburi zogenza kandi zinahimbaza Umwami Imana. Imibereho yose y'umuntu ifitanye isano na Yo. Imibereho y'umwizera ishushanywa n'ibyo anyuramo byose nk'ibyishimo, agahinda, gutsindwa no gutsinda. Zaburi zuzuyemo ibya Kristo. Zaburi zivuga imiterere na gahunda yo kubabazwa kwe n'urupfu rwe.

Umuntu umwe yakoze urutonde rwa Zaburi akurikije ibitabo by'Amategeko:

1. Umugabane w'Itangiriro (Zaburi ya 1-41). Tubonamo umuntu mu bihe by'umugisha, hanyuma hakaza kugwa kwe no kongera kubyuka.
2. Umugabane wo Kuva (Zaburi 42-72). Hagaragaza ishusho yo kugwa kw'Abisiraheli no gucungurwa.
3. Umugabane w'Abalewi (Zaburi 73-89). Herekana ubuhungiro bwacu ku Mana, mu gihe cy'amakuba n'igihе cyiza.
4. Umugabane wo Kubara (Zaburi 90-106). Iki gika cyibanda ku Isi n'impanuka zishobora kuyigwira n'uburyo yarindwa.
5. Umugabane wo Gutegeka kwa Kabiri (Zaburi 107-150). Izi Zaburi zerakana ubuziranenge n'isumbwe by'Ijambo ry'Imana.

## **ISOMO RYA 12: IMIGANI, UMUBWIRIZA N'INDIRIMBO YA SALOMO**

Salomo yari umwami ukomeye cyane akaba ikirangirire kubw'ubukire n'ubwenge yari afite. Yanditse imigani 3000 n'indirimbo 1005 (1 Abami 4:31,32). Salomo yari umunyabwenge n'impuguke mu by'ubumenyi, umuhanga mu bwubatsi bw'urusengero rware rumwe mu bintu bitangaza byo ku Isi kandi yari n'Umwami. Igitabo cy'Imigani cyuzuyemo amagambo y'ubwenge.

Igitabo cy'Imigani gishobora kugabanywamo mu buryo bukurikira:

1. Inama agira abasore (igice cya 1-10)
2. Inama agira abantu bose (igice cya 11-20).
3. Inama agira abami n'abategetsi (igice 21-31).

**Umubwiriza** – haditswemo ibyo ugutekereza kose k'umuntu n'iby'iyobokamana mu buryo karemano byashoboye kuvumbura ku bijyanye n'ibusobanuro n'intego by'ubuzima. Ibitekerezo biboneka muri iki gitabo ntabwo byatanzwe n'Imana, ahubwo ni ibitekerezo by'umuntu Imana yandikishije. U mwanditsi wacyo ni Salomo. Iki gitabo kitubwira inkuru y'imibereho ye bwite idashimishije. Atwibutsa imibereho ye mu gihe yabaga adafitanye ubumwe n'Imana. Salomo yari umunyabwenge ariko ntiyakurikizaga ubwenge bwe bwite.

Ijambo rikunda kugaruka muri iki gitabo ni “Ubusa” (nta kigira umumaro) munsi y'Ijuri.

**Indirimbo ya Salomo** yiswe indirimbo y'urukundo rwa Gikristo. Hariho ubusobanuro bune bw'ingenzi buboneka muri iki gitabo:

1. Gishyira imbere “Ikuzo ry’urukundo rwo gushyingiranwa).
2. Gishyira imbere urukundo rw’Uwiteka ku Bisiraheli.
3. Ni Ishusho ya Kristo n’Itorero.
4. Cyerekana imiterere y’ubumwe bwa Kristo n’umwizera ku giti cye.

Urukundo umuntu akunda Kristo ku giti cye ni rwo rukenewe cyane muri iki gihe cya none mu Itorero.

### **ISOMO RYA 13: YESAYA**

Iki ni cyo gitabo cya mbere mu bitabo 17 by’Abahanuzi. Abahanuzi bari abantu Imana yahagarukije mu gihe cy’iminsi y’umwijima y’amateka ya Isiraheli. Bari abavugabutumwa muri icyo gihe. Igihe cy’abahanuzi cyafashe imyaka 500, uhoreye mu kinyejana cya 9 kugeza mu cya 4 mbere ya Kristo. Abo bahanuzi bavugiraga imbere y’abami n’abantu kimwe nta bwoba, bababwira iby’ibaya byabo no gusubira inyuma kwabo.

Igitabo cya Yesaya cyibanda ku bice bibiri bya ngombwa bitandukanye: Mu gice cya 1 umuhanuzi yerekana ishusho y’Ubwoko bwa Isiraheli. Mu gice cya gisheruka yahishuye Yesu yikoreye umutwaro w’ibaya byacu, hanyuma Kristo agahabwa ikuzo n’icyubahiro.

Iki gitabo cya Yesaya ni Bibiliya ntoya mu miterere. Gifite ibice 66, nk’uko Bibiliya ifite ibitabo 66. Harimo imigabane ibiri minini nk’uko iri muri Bibiliya, umugabane wa mbere ugizwe n’ibice 39 nk’ibitabo by’Isezerano rya Kera, n’umugabane wa kabiri ugizwe n’ibice 27 nk’ibitabo bigize Isezerano Rishya. Iki gitabo cyahawwe izina “Inkuru Nziza nk’uko yanditswe na Yesaya”. Kuvuka kwa Kristo ku mwari Mariya, imiterere Ye, ubuzima bwe, urupfu Rue, kuzuka Kwe, no kugaruka Kwe, byose bigaragara mu buryo busobanutse kandi buboneye.

### **ISOMO RYA 14: YEREMIYA N’ AMAGANYA YA YEREMIYA**

Yeremiya yiswe “umuhanuzi urira”. Ubutumwa yari ahamagariwe gutanga bwamuteye agahindamu mutima. Ni ubutumwa butakiriwe neza na gato n’abantu bugenewe. Bamwitaga umugambanyi kuko yababwiraga ko ibyo bizababyarira kujyanwa i Babuloni (igice cya 38:17-23). Ikintu

Abisiraheli bari basigaranye ni kimwe –kwemera ko batsinzwe. “Ibihe cy’abanyamahanga” byari bimaze gutangirana na Babuloni, umutwe wa zahabu wo mu iyerekwa rya Daniyeli.

Yeremiya yahanuye imyaka 70 bazaba mu bunyage i Babuloni (igice 25:9-12). Hanyuma, abona umucyo uzaba nyuma y’umwijima kandi nta wundi muhanuzi wavye nka we mu buryo bweruye ku by’ibihe bizaza (ahazaza) nka we. (igice cya 23:3-8; 30; 31; 33:15-22). Yeremiya yatanze ingero nyinshi z’ibifatika (ibantu) yahawen’Uwiyeka mu kwigisha abantu. Ubutumwa bwe usibye no kuba butari bumenyerewe abantu n’abantu baranabwanze, n’abanzi be nicyo cyatumaga bamusabira ko yicwa.

Bitekererezwa ko ari Yeremiya wanditse igitabo cy’**Amaganya**, igitabo cyiza cy’ibisigo kigizwe n’imivugo 5 itandukanye. Cyose ntabwo ari agahinda gusa. Kuko hejuru y’ibicu by’amarira y’umusizi urira kubw’ibaya by’abantu be izuba ry’Imana riracyahamurikira (igice cya 3:22-27).

## ISOMO RYA 15: EZEKIYELI

Ezekiyeli yari umuhanuzi mu gihe cy’ubunyage i Babuloni. Yagerageje gukuramo Abisiraheli ibyiringiro bipfuye byo gusubira vuba muri Palesitina no kubategurira inkuru yo kurimbuka guteye ubwoba kwa Yelusalemu, bakundaga cyane.

Ubutumwa bwe bwari ubw’Umwuka kuruta ubw’abandi bahanuzi bose. Kuko avuga cyane ku byerekeye kamere y’Imana. Yahanuye mu gihe cy’iminsi y’amakuba mu mateka ya Israheli. Abantu ntibashaka kumwumva cyangwa kumva ubutumwa bwe. Bituma ashaka ubundi buryo bwo kubigisha. Aho guhanura aca amarenga mu migani ahubwo ibigereranyo akabikina mu buryo bw’ikinamico. (24:24). Ezekiyeli ni umuhanuzi w’icyubahiro cy’Imana. Dore incamake y’iki gitabo – cyibanda cyane ku kurimbuka kwa Yerusalem:

1. Mbere yo gufatwa k’umugi wa Yerusalem (igice cya 1-24). Ezekiyeli yatangiye ubuhanuzi bwe imyaka 6 mbere y’uko Yerusalem irimburwa, kandi akomeza kuhamya ukuri kwabyo kugeza igihe byasohoreye.

2. Gufatwa k'umugi (25-32). Nyuma yaho ubuhanuzi bwe buvuga ku banzi ba Yuda no gutsindwa k'ubwoko bw'abanyamahanga.
3. Nyuma yo gufatwa k'umurwa (33-38). Amaherezo, agaragaza ko i Buyuda hazasanwa hakongera gusubirana ubwiza haguturwa.

## **ISOMO RYA 16: DANIYELI**

Daniyeli yiswe umuhanuzi w'inzozi kubera ko Imana yamuhiburiye amabanga Yayo. Yeretswe ibyo mu gihe kizaza kandi avugwa kenshi mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Ubuzima bwe n'imirimo ye bihurizwa mu gihe cy'imyaka 70. Yajyanywe bunyago ari mu kigero cy'imyaka 16 kandi yabayeho kugeza ku myaka isaga 90. N'ubwo yari umunyage, yarazamuwe aba minisitiri w'intebe w'i Babuloni. Igishimishije ni uko yakomeje kuba intungane ku Uwiteka Imana.

Dore ibice by'ingenzi bigize igitabo cye:

1. Imibereho bwite ya Daniyeli (1:1-2:3)
2. Imibereho ya Daniyeli muri rusange, imiterere y'ibihe by'abanyamahanga (2:4-7:28)
3. Iyerekwa ry'ubuhanuzi bwa Daniyeri – ubuhanuzi bw'amateka y'amahanga (8-12)

## **ISOMO RYA 17: HOSEYA, YOWELI, AMOSI**

Hoseya ni igitabo cya mbere mu bitabo 12 byiswe iby'abahanuzi bato, bitwa batyo kubera ingano y'amagambo ari muri ibi bitabo. Izina Hoseya risobanura “agakiza”, yiswe “Yeremiya w'ubwami bw'amajyaruguru”. Yari umulayiki wahamagawe n'Imana gutanga ubutumwa bwihariye ku bwoko bw'Abisiraheli bwayobye ko Imana ibakunda.

Hoseya yategetswe gucyura maraya, babyarana abahungu n'umukobwa umwe. Umugore we yongera gusubira mu busambanyi, nuko Hoseya aramusenda. Ariko Imana imitegeka kongera kumugarura no kumukunda.

Ubutumwa bwe bwerekana ko Isiraheli bataye Imana ariko Imana ikabakunda ibihe byose, kandi ko izagarura Isiraheli mu gihugu cyabo.

Dore ibice by'ingenzi bigize igitabo cya Hoseya:

1. Umuhanuzi n'umugore we w'umusambanyi, Gomeri (igice cya 1-3)
2. Umwami Imana na Isiraheli, uwoko bwayo butumvira (4-14).

**Yoweli** yabaye umuhanuzi w'i Buyuda. Yanditse mu gihe cy'icyorezo cyateye cy'inzige. Abigereranya n'imanza zizabaho mu gihe kizaza. Yavuze inshuro eshanu ku "munsi w'Uwiteka", avuga ku bijyanye n'umunsi w'urubanza.

Kubaturwa mu buryo bw'Umwuka niryo sezerano rigarukwaho mu gitabo cya Yoweli. Yagiriwe ubuntu bwo guhanura ko Imana izasuka Umwuka wayo ku bantu b'ingeri zose (2:28-32). Ibi byasohoye mu kuri Pantekote (Ibyakozwe n'Intumwa 2:16-21).

**Amosi** yari umworozi, ubutumwa bwe bwarebaga ahanini abantu bo mu bwami bw'amajyaruguru. Yubahaga Imana cyane ku buryo nta muntu n'umwe yatinyaga na gato. Amosi yatangiye kubwiriza avuga iby'urubanza Umwami Imana izacira ibihugu bitandatu bituranye na Isiraheli. Nyuma agaruka hafi atanga ubutumwa bucira imanza ubwoko bwose bwa Yuda na Isiraheli.

### ISOMA RYA 18: OBADIYA, YONA, MIKA

Igitabo cya **Obadiya** nicyo kigufi mu Isezerano rya Kera, cyanditswe ku rupapuro rumwe kikagira imirongo 21. Uko kiri kose kiracyadufitiye ubutumwa kugeza n'uyu munsi. Ni ubuhanuzi bwo gucira Edomu urubanza. Gikubiyemo imitwe mikuru y'ingenzi: kurimbuka kw'abibone n'ibygomeke, no kubohora abanyantege nke n'abacisha bugufi. Abedomu bakomoka kuri Esawu, ari we wagaye ubukuru bwe. Edomu yakomeje kuba umwanzi wa Isiraheli. Yararimbutse nk'uko byahanuwe na Obadiya.

Obadiya, nk'abandi bahanuzi, yahanuye ibyo kuza k'umunsi w'Umwami no gushyirwaho kw'ingoma ya Mesiya.

Igitabo cya **Yona** nta buhanuzi bubonekamo, n'ubwo Yona we yari umuhanuzi. Ni inkuru y'ikintu cy'ingenzi cyabaye mu buzima bwa Yona bwite, iki kikaba ikimenyetso gihambaye cy'ibizaba mu mateka y'Isi – kuzuka kwa Yesu Kristo. Muri iki gitabo, Imana yateguye ibintu bine: Urufi

runini (1:17); uruyuzi (4:6); inanda (4:7); umuyaga ukomeye uva i burasirazuba (4:8). Imana yitaye umuhanuzi wayo!

Hari ibintu bibiri by'ingenzi byabaye muri iki gitabo: urufi runini rumira Yona; n'umugi munini w' i Ninewe wuzuyemo ibyaha, wahinduwe mu gahe gato n'ubutumwa bw'umumisiyoneri udakomoka aho kandi udafututse.

Tugomba kuzirikana ibintu biri muri iki gitabo: icya mbere Yona ni ikigereranyo cya Yesu, mu gupfa kwe, guhambwa kwe no kuzuka kwe. Icyakabiri, Yona ni ikigereranyo cya Isiraheli; yanze kumvira Imana amirwa n'andi moko yo mu Isi, ariko bakazavanwayo Kristo aje. Isiraheli izaba umuhamya ahantu hose.

**Mika** yamamaje icirwa ry'irubanza kuri Yerusalem no ku migi ya Isiraheli. Ariko yihutiye kubabwira amagambo y'ibyiringiro. Yeretswe ko nyuma yo kurimbura no guhanwa hazaza umunsi uhebuje ubwo Mesiya azaba yimye ingoma. Mesiya azaza (4:8). Azavukira i Betelehemu.

Uburyo bumenyerewe bw'imbizi buva mu butumwa butatu bwa Mika, buri bumwe butangirwa n'ijambo "Mwumve":

1. Ubutumwa bwa mbere (1:2) bwarebaga abantu bose
2. Ubutumwa bwa kabiri (3:1) bwahawwe abategetsi ba Isiraheli
3. Ubutumwa bwa gatatu (6:1) bwari ubutumwa bwe bwite yinginga Isiraheli ngo bihane bagarukire Imana.

## ISOMO RYA 19: NAHUMU, HABAKUKI, ZEFANIYA

Ijambo rikuru mu gitabo cya **Nahumu** ni ukurimbuka kwa Ninewe, umujyi Yona yari yaraburiye. Igitabo cya Nahumu cyanditswe hafi imyaka 150 nyuma y'ububyutse bw'igihe cyo kwa Yona. Kwihana kwabo ntikwaramye, Ninewe hararimbuka kandi hazize ibyaha byaho (3:1-7)

Ninewe ni urugero rw'ubwoko bwose butera Imana umugongo. Umuntu cyangwa ubwoko bwose bwihutira kureka Imana bubigambiriye ubwabwo buba bwihagurukirije urupfu no kurimbuka ubwabwo.

**Habakuki:** yabajije ibibazo abona ibisubizo. Ikibazo, "Kuki ukiranirwa atera imbere?" ni cyo kigirwaho impaka. Mu ngorane ze zose, yegereye Imana mu gusenga ndetse ategereza igisubizo yihanganye (2:1). Nyuma y'isengesho rye ry'ukuri (3:1-16), icyubahiro cy'Imana

cyanitamuruye. Amagambo, "Umukitanutsi azabeshwaho no kwizera kwe" (2:4) yagize igisobanuro kidasanzwe gitera guhinduka. Ayo magambo aboneka no mu Isezerano Rishya (Abaroma 1:17, Abagalatiya 3:11, Abaheburayo 10:38).

**Zefaniya:** ni igitabo cyuzuyemo umujinya n'imanza by'Imana (1:15); (3:8), ariko dusangamo ijwi rituje ry'urukundo rw'Imana (3:17). Zefaniya yarwanyije uburyo bunyuranye bwo kuramya ibigirwamana. Byashoboka ko ari we ntandaro y'ububyutse mu bihe by'ubwami bwa Yosiya. Igitabo gitangirana agahinda kikarangizanya n'indirimbo.

## ISOMO RYA 20: HAGAYI, ZEKARIYA, MALAKI

Abahanuzi benshi mu Isezerano rya Kera banditse mbere yo kujyanwa mu bunyage. Babiri bonyine nibo bahanuye mu gihe cy'ubunyage ari bo; Ezekeyeli na Daniyeli. Aba batatu; Hagayi, Zekariya na Malaki bo bahanuye nyuma yo kugaruka kw'Abisiraheli mu gihugu cy'isezerano.

Kongera kubaka bundi bushya no gusubiza urusengero uko rwari ruri nicyo cyari kiraje ishinga (kibabaje) Hagayi. Yacyashye abantu kubw'umwete muke bagize mu kongera kubaka, abatera umwete kandi abafasha muri iyo mirimo. Igitabo cye kigizwe n'urutonde rw'ubutumwa bune bugufi bwanditswe mu gihe cy'amezi ane. Kwibutsa inshingano kwe kwazanye impinduka ikomeye. Abantu barahaguruka bongera kubaka Urusengero (1:12-15)

**Zekariya** ni umuhanuzi w'umusore wahoraga hafi y'umuhanuzi ukuze Hagayi, yakomeje Abisiraheli mu gihe basanaga Urusengero, ababurira kutazongera kubabaza Imana nk'uko ba se babigenje. Yerekanye ishusho y'uburyo imigisha izakomeza iteka ryose muri Isiraheli mu myaka iri imbere.

Zekariya yahanuye iby'Umukiza kuruta abandi bahanuzi uretse Yesaya. Arebye kure mu gihe kizaza abona Umukiza mu kwicisha bugufi kwe, mu mibabaro Ye, kandi nanone, mu cyubahiro cye gitangaje n'ikuzo rye rikomeye.

Igitabo cya **Malaki** ni (ikiraro) kiri hagati y'Isezerano rya Kera n'Irishya. Habayeho guceceka kw'imyaka 400 uhoreye kuri Malaki ukageza



Amasekuruza ye y'ibwami, yerekana mu gice cya mbere kandi aragenda akagera kuri Abrahamu. Incuro 29 amagambo yo mu Isezerano rya Kera agarukwaho, kuruta mu bundi Butumwa Bwiza, byerekana ko Yesu Kristo

ati “Umwana wanjye” (1 Petero 5:13). Tubona uruhare runini rwa Petero muri ubu Butumwa Bwiza.

Iki nicyo gitabo gito mu bitabo by’Ubutumwa Bwiza, bwuzuyemo ibikorwa byinshi n’ibantu byasohojwe. Mariko yanditse ubu butumwa ari i Roma, abwandikira mu by’ukuri Abaroma, bari abantu b’abanyamirimo kandi bizeraga iby’ubushoboz n’ibikorwa. Bitaga cyane ku bikorwa kuruta amagambo. Havugwamo amagambo make yo mu Isezerano rya Kera. Habonekamo imigani ine gusa. Nta jambo ry’ibanze rirerire. Amagambo nka “mura ako kanya”; “bidatinze” yerekana ubwira, yakoreshejwemo inshuro 40. Ibitangaza nibyo bifashe umwanya w’ingenzi muri Mariko; 20 ni byo bivugwamo.

## **ISOMO RYA 24: LUKA**

**Luka** atwereka Yesu nk’Umuntu w’intungane. Ubu Butumwa bwandikiwe abagiriki, butwereka amasekuruza ya Yesu kugeza kuri Adamu, umuntu wa mbere, aho kugarukira kuri Aburahamu. Nk’umuntu w’intungane, Yesu agaragazwa cyane asenga, kandi n’abamarayika bamukorera.

Luka yari umuganga kandi yari mugenzi wa Pawulo. Niwe wenyine munyamahanga wanditse igitabo mu Isezerano Rishya. Yari umuntu wize kandi usesengurana ibantu ubuhanga. Kandi ni we wanditse igitabo cy’Ibyakozwe n’Intumwa. Atwereka Yesu nk’urugero rufatika rw’umuntu w’intungane.

Ubu ni Ubutuma Bwiza ku banyabyaha. Butwereka urukundo n’imbabazi za Kristo, wigize umuntu ngo akize umwana w’umuntu.

Ni Dogoteri Luka waduhaye ubusobanuro bwimbitse ku byerekeranye n’igitangaza cy’ukuvuka kwa Yesu Kristo. Niwe wenyine uvuga inkuru y’uko abashumba baje kureba Yesu. Ni Luka uvuga iby’urugendo rwa Yesu mu rusengero afite imyaka 12. Nk’umuntu, Yesu yakoresheje amaboko ye imirimo, Yarababajwe. Bitanu mu bitangaza bitandatu byavuzwe ni ugukiza. Ni Luka wenyine wavuze ku gukiza ugutwi kwa Marikusi (22:51).

Luka ni ubutumwa bw’abatita ku by’Isi. Yavuze byinshi ku nshingano z’umugore. Ni igitabo cy’ ubusizi cyuzuyemo indirimbo nziza.

Ni Luka uvuga cyane ku masengesho y'Umwami Yesu kuruta undi mwanditsi uwo ari wese.

## ISOMA RYA 25: YOHANA

**Yohana** atwereka Yesu Kristo nk'Umwana w'Imana. Hose muri ubu Butumwa Bwiza hagaragaza ishusho kandi hakerekana ubumwe Yesu afitanye n'Imana.

Bwanditswe na Yohana “umwana w'inkuba” (Mariko 3:17). Ni intumwa Yesu yakundaga. Ise yari Zebedayo, umurobyi w'umukire, kandi nyina yari Salome, umugore wakurikiye Yesu n'umwete. Yakobo yari mwene se.

Yohana yanditse nyuma y'igihe kigera ku kinyejana, abandi banditsi b'Ubutumwa Bwiza baramaze kwandika. Yesu yamuhamagaye ari nko mu kigero cy'imyaka 25. Yabanje kuba umwigishwa wa Yohana Umubatiza. Mu bihe bye bya nyuma yafungiwe ku kirwa Patimosi, hagati y'umwaka wa 80 n'umwaka w' i 100 nyuma ya Yesu. Muri icyo gihe Isezerano Rishya ryari ryararangije kwandikwa uretse inyandiko ze bwite.

Ubu Butumwa ni bwo buhanitse kandi bufite isumbwe kuruta ubundi Butumwa Bwiza, bugaragaramo inshuro 35 aho Yesu yita Imana “Data”. Akavugana ubutware ati “Ni ukuri ni ukuri” inshuro 25.

Yohana yemeza ko yanditse ubu Butumwa Bwiza kugira ngo abantu bizere ko Yesu ari we Kristo. Yohana abihanya inshuro zirindwi (1:34; 1:49; 6:69; 10:36; 11:27, 20:28; 20:31). Yandikamo ibitangaza birindwi (7) (2:1-11; 4:46-54; 5:1-47; 6:1-14; 6:15-21; 9:1-41; 11:1-57). Ubumana bwa Kristo bwahishuwe inshuro zirindwi ngo “Ni njye” zo muri iki gitabo.

## ISOMA RYA 26: IBYAKOZWE N'INTUMWA

Mu Butumwa Bwiza bwa Luka yerekanye ibikorwa Yesu yatangiye gukora ku Isi. Mu Ibyakozwe n'Intumwa akomeza atwereka ibyo Yesu yakomeje gukora binyuze mu mbaraga z'Umwuka Wera. Kuzamurwa mu Ijuru nicyo gikorwa gisoza muri Luka. Ni nacyo gikorwa tweretswe mu ntangiriyo y'igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa. Iki gitabo kitubwira ibikorwa by'Umwuka Wera binyuze mu ntumwa. Umwuka Wera avugwa muri iki gitabo inshuro 70. Ijambo “Umuhamya” rikoreshwamo inshuro 30.

Gitangirana n'ikibwirizo cy'i Yerusalemu mu murwa mukuru w' i Yerusalemu w'igihugu cy'Abayuda. Kikarangirana n'ikibwirizo cy'Ubutumwa muri Roma umurwa mukuru w'igihangange n'ubushobozi ku Isi. Mu gihe cy'ikinyejana kimwe intumwa zagiye mu mpande zose kandi zabwiririje mubihugu byose byari bizwi muri icyo gihe (Abakolosayi 1:23).

Guhera mu gice cya 1-12, tubona Petero ahamya imbere y'Abayuda. Ubutumwa bwe ni "Mwihane". Igice cya 13-28, tuhasanga Pawulo ahamiriza amahanga avuga yeruye ati "Mwizere".

Ibyakozwe n'Intumwa ni igitabo kiyobora abajyana Ubutumwa. Iki gitabo cyerekana impamvu abantu bajyana ubutumwa – kuzana abantu ku bumenyi bw'agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo. Itorero rya mbere ryakurikije gahunda inononsoye kugira ngo rirarangize gahunda ryihaye. Ryatoranyije ahantu hagombaga guhurira abantu benshi nk'izingiro ryo gutangiriramo ibikorwa. Ryishingikirazaga ku Mwuka Wera kandi ryari rifite ishyaka ryinshi. Ingendo eshatu z'ivugabutumwa za Pawulo ni ingero nziza z'umurimo w'ivugabutumwa ukomeye cyane ku byerekeye umurimo w'ubumisyoneri.

## ISOMO RYA 27: ABAROMA

Abaroma ni urwandiko rwa mbere mu nzandiko 13 zanditswe na Pawulo, ariyo mpamvu zitwa inzandiko za Pawulo. (Dushyiramo n'Abaheburayo n'ubwo tudafite icyemezo gihamye ko ari we warwanditse. Pawulo yavutse mu muryango w'Abayuda w'umwimerere. Uruhurirane rw'ubwenegihugu bwe bw'Abaroma, amashuri ye ya kigiriki n'idini rye rya Kiyuda byamuhaye ubushobozi mu murimo we ukomeye.

Abashyitsi bavuye i Roma, bari i Yerusalemu mu kwizihiza Pasika kandi bizeye kuri Pentekote, basubiye mu murwa mukuru batwaye imbuto y'Ubutumwa, bahatangiza Itorero. Nyuma y'imyaka 28, Pawulo yiyyumvisemo ko akwiriye gusura iryo torero nuko abohereza iyi baruwa ari i Korinto aho yabaye igihe cy'amazi 3, mu rugendo rwe rwa 3 rw'ubumisyoneri.

Igitabo cy'Abaroma kitwerekwa ukuntu Imana ikoresha uburyo bwo guhindura abahamwe n'ibyaha ikabahindura abantu beza. Iki nicyo gitabo gikuru kivuga iby'agakiza kacu.

Ingingo z'ingenzi zigize iki gitabo:

Igice cya 1-8, inyigisho shingiro za Bibiliya. Ibice bitatu bya mbere (Reba by'umwihariko 1:18, 3:20), byerekana imibereho iteye ubwoba y'ibyaha ku muntu. Hakurikiraho gukiranuka kw'Imana kubonerwa mu gutsindishirizwa (3:21; 5:11). Nanone hagakurikiraho ubutumwa bwo kwezwa kw'abakiranutsi (5:12-8:38). Ibice 9-11 ni gahunda yateganijwe mu bushake bw'Imana, ibi bice byerekana umugambi w'Imana ku Bisirayeli binyuze mu mateka.

Ibice bine biheruka (12-16, ni ibyo gushyirwa mu bikorwa n'umukristo). Byerekana inshingano z'umukristo.

## **ISOMO RYA 28: URWANDIKO RWA 1 RW'ABAKORINTO N'URWA 2 RW'ABAKORINTO**

Mu gihe cya Pawulo, Korinto wari umurwa w'abanyamubiri kandi naho hari izingiro ry'ibyaha by'uburyo bwose mu bwami bw' Abaroma. Wari umurwa mukuru ukomeye mu Bugiriki hose. Ubukire bwaho bwari igitangaza. Ubusambanyi bwarashinze imizi. Mu guhangana n'iyi miterere yo kononeka, Pawulo yabwirije Ubutumwa Bwiza i Korinto, ahatangiza itorero ndetse anandika n'izi nzandiko ebyiri.

Abantu b'i korinto bohereje intumwa n'urwandiko (7:1, 16:17), kandi Urwandiko **rwa 1 rw'Abakorinto** ni igisubizo cya Pawulo cyerekeye imyitwarire n'imibereho yari muri iryo torero. Ryari itorero ry'abanyamubiri kandi ryaracitsemo ibice. Abakristo bareganaga na bagenzi babo mu butegetsi, imyifatire ku igaburo ryera yari iteye agahinda. Abagore ntibagiraga ikinyabupfura n'abayoboke baryo bajyaga impaka ku byerekeye gushyingiranwa n'impano z'Umwuka Wera.

Mu gice cya 15, Pawulo yatanze ubimenyetso byinshi ku byerekeye umuzuko wa Kristo.

**Mu 2 Abakorinto**, Pawulo yerekanye ibyishimo bye kubw'inkuru zishimishije z'uko bakiriye urwandiko rwa mbere kandi ashimangira ko ari intumwa. Muri uru rwandiko aduha inkuru ku byerekeye amateka ye bwite kuruta mu zindi nzandiko.

Uru rwandiko rutangijwe "n'amagambo guhumuriza" (1:3) kandi rukarangizwa n'amagambo yo "guhumuriza" (13:11).

## **ISOMO RYA 29: ABAGALATIYA**

Ari mu rugendo rwa kabiri rw'ivugabutumwa, Pawulo yatangije amatorero i Galatiya mu karere k'icyaro. Abigishamategeko bakurikiye Pawulo bigisha agakiza kabonerwa mu mirimo. Abigisha b'ibinyoma batangiye “kuroga” abantu bababwira ko bagomba gukurikiza imigenzo y'ubwoko bwose abayuda bakurikizaga. Pawulo yashatse kubamenyesha ko nta na kimwe, yewe ko n'imirimo itabasha kubageza kuri Kristo. Agakiza kabonerwa mu kwizera Kristo – nta handi. Igihe Pawulo yumvise ko Abagalatiya bari batangiye kwemera inyigisho z'ibinyoma yabonye ko byihutirwa nuko, ahitamo kubandikira urwandiko ubwe (6:11)

Uru rwandiko ni urumenyekanisha umudendezo w'Umukristo. Rwerekana itandukaniro hagati y'amategeko n'Ubuntu.

Ni ubutumwa butavuguruzwa, bw'ukuri guhamye kandi bugomba kubahwa. Muri rwo ntihabonekamo intashyo yo kubashimira no gushima. Nta n'umwe wavuzwemo mu izina. Habonekamo amagambo y'imbaraga akora ku mutima. Ni urwandiko rwo kurwana ishyaka. Ni urwandiko Martin Luther yakundaga kurutaho. Mu Byanditswe Byera byose ni rwo rufite imbaraga zo kwemeza no gushimangira inyigisho zo gutsindindishirizwa no kwizera.

## **ISOMO RYA 30: ABEFESO**

Abefeso ni rumwe mu nzandiko enye zandikiwe mu nzu y'imbohe. (Izindi eshatu ni Abafilipi, Abakolosayi na Filimoni). Pawulo yavuze ku by'ubwiru bukomeye bw'itorero. Kenshi na kenshi uru rwandiko barwita “Urwandiko Rwera mu zera za Pawulo”, cyangwa urwa gatatu rw'ijuru rwa Pawulo.

Pawulo yabujijwe n'Umwuka Wera kwinjira muri Aziya, aho Efeso wari umurwa n'ihuriro ry'ingenzi cyane mu rugendo rwe rwa kabiri rw'ivugabutumwa. Yagiye i Burayi, agera kure i Korinto, hanyuma agaruka anyuriye muri Efeso. Asubirayo nanone mu rugendo rwe rwa gatatu, nuko akorayo umurimo imyaka ibiri (Ibyakozwe 18:19; 19:8-10). Abantu bo muri Efeso bumvise inyigisho za Bibiliya Pawulo yagishije kuruta abandi bose.

Yasanze abantu bamwurwanya, ariko Imana iramurengera. Yakundaga itorero rya Efeso.

Byari byiza kumenya ibice by'ingenzi bigize iki gitabo cyuzuye ubukire mu by'Umwuka.

1. Umwanya umwizera afite muri Kristo, ahantu ho mu Ijuru (igice cya 1-3)
2. Imigendere y'umwizera (igice cya 4-6)
  1. Mu itorero (igice cya 4),
  2. Mu myitwarire (5:1-20),
  3. Mu kubana n'abandi (5:21-6:9),
  4. Mu ntambara (6-10-24).

### **ISOMO RYA 31: ABAFILIPI, ABAKOLOSAYI**

Izi nzandiko, nk'urw'Abefeso n'urwa Filimoni zandikiwe mu nzu y'imbohe.

Urwandiko **rw'Abafilipi** ni urwandiko rw' "ishimwe" rwajyanywe na Epafulodito ku itorero ry'i Filipi. Rwerekana ishimwe rya Pawulo na Timoteyo ku bw'impano bakiriye.

Pawulo yari afitiye urukundo rwihariye itorero ry'i Filipi. Yasanze agatsiko k'abagore iruhande rw'umugezi, kandi Lidiya arakizwa. Nyuma y'ibyo Pawulo na Sila barafatwa bajyanwa mu nzu y'imbohe barabakubita. Mu gicuku basenga banashima Imana no guhimbaza Imana, umushyitsi munini unyeganyeza inzu y'imbohe. Umukuru w'abarinzi b'imbohe n'umuryango we bizera Umwami Imana kandi barabatizwa (Ibayakozwe 16).

Ibyishimo ni ryo buye ry'umusingi muri uru rwandiko:

1. Ibyishimo mu mibabaro (igice cya 1)
2. Ibyishimo mu mirimo (igice cya 2)
3. Ibyishimo muri Kristo (igice cya 3)
4. Ibyishimo mu kunyurwa (igice cya 4)

Pawulo yanditse urwandiko rw'Abakolosayi kuko inyigisho z'ibinyoma zigishwaga muri bo kandi agomba kubikosora. Abakristo batekerezaga ko bagomba gukomeza umuhango wo gukebwa no gukurikiza

amategeko ku birebana n'ibyokurya hamwe n'iminsi mikuru ndetse bakomeza kuba mu gihirahiro ku byerekeye gusenga abamarayika. Ntabwo bumvaga igitekerezo cy'Ubumana bwa Kristo, kandi ntabwo bigeze basobanukirwa ko ibyo bakenera byose byabonerwa muri Yesu.

Pawulo yabakosoye:

1. Mu nyigisho zabo bigishijwe mbere za Bibiliya (igice cya 1-2)
2. Mu buryo bw'ibyo bashyira mu bikorwa mu mibereho (igice cya 3-4)

## **ISOMO RYA 32: URWANDIKO RWA 1, N'URWA 2 RW'ABATESALONIKE**

Pawulo na Sila batangije itorero ry'i Tesalonike mu rugendo rwa Pawulo rwa kabiri rw'ivugabutumwa (Ibyakozwe 17:1-10). Nta n'ukwezi bamazeyo kubera agatsiko k'abantu bayobowe n'abayuda bahagurukiye kubarwanya. Itorero rishya ryerekanye imbaraga z'igitangaza. Abensi mu bayoboke bari abanyamahanga bahindutse bakava mu mico yabo ya gipagani kandi bagombaga guhangana n'abaturanyi babo bari bababangamiye birenze ibyavugwa.

Pawulo yagize amakenga yifuza kumenya intabwe bagezeho. Timoteyo yamuzaniye amakuru (3:16), kandi yifuzaga kubakomeza umutima kugira ngo bashikame mu kwizera. **1 Abatesalonika** harimo amagambo make y'inyigisho shingiro za Bibiliya, ariko hakabamo menshi yo gukomeza umutima. Pawulo avugamo byinshi ku byerekeye kugaruka kwa Yesu (1:10; 2:19; 3:13; 4:16-18; 5:23), mu kubakomeza imitima mu mibereho yabo ya gikristo no ku murimo w'Umwami.

**2 Abatesalonika** rwanditswe igihe gito nyuma y'urwa mbere. Ijambo rikuru ni ukugaruka kwa Kristo. Bamwe bari mu gihirahiro nyuma yu gusoma urwandiko rwa mbere. Uru rwandiko ruvuga ibimenyetso bizabanziriza ukugaruka kwa Yesu, kandi ruteru umwete abakristo mu kwihanganira imibabaro no gutotezwa, bagira umuhate mu mirimo bakora ndetse no gutegerezza bihanganye ukugaruka kwa Yesu.

## **ISOMO RYA 33: URWANDIKO RWA 1 N'URWA 2 RWA TIMOTEYO**

Inzandiko eshatu, ebyiri zandikiwe Timoteyo na rumwe kuri Tito, zizwi nk'inzandiko zandikiwe abashumba (abapasitoro) kuberako zuzuyemo inama zatanzwe n'umushumba ufite ubunararibonye, aziha abasore bagitangira imirimo yabo, aba nabo bakazahugura abandi bakozi nabo ubwabo bazafasha abandi mu gukora imirimo ijyanye n'ubusumba.

Se wa Timoteyo yari Umugiriki ariko nyina akaba umuyahudikazi. Bishoboka ko yakiriye agakiza afite imyaka 15 igihe Pawulo yasuraga umudugudu we kavukire w'i Lusitira (Ibyakozwe 14:6-7; 16:1-3; 1 Timoteyo 1:2). Nyuma y'imyaka 7 afatanya na pawulo mu mirimo y'ivugabutumwa.

**1 Timoteyo-**Amaze gufungurwa ubwa mbere, Pawulo yasuye Efeso. Bibaye ngombwa ko ahava asigira Timoteyo ububasha bwose bw'imirimo. Timoteyo wari umuntu utinya kandi ucika intege vuba, yisanze mu bigeragezo bikomeye mu gihe yari asigaye wenyine. Pawulo amwandikira ari i Korinto kubwo kumukomeza umutima no kumuha inama azakurikiza.

**2 Timoteyo-** ni urwandiko rwa nyuma rwa Pawulo yanditse ari mu nzu y'imbohe i Roma, yizeraga ko igihe cye cyo kugenda kiri bugufi. Yafashwe mu buryo butunguranye ari i Tirowa, ntiyabona umwanya n'uburyo bwo gufata ibitabo bye n'inyandiko ze (4:13) n'ikori rye ry'imbeho. Yari wenyine, ategereje kwicwa. Yandikiye Timoteyo amusaba, amwihanangiriza kuza kumureba, aherekejwe na Mariko, kandi amuzaniye ibintu bye yasize inyuma.

Amagambo y'uru rwandiko ni: Umubabaro, umurimo, kwhakana agakiza, n'Ijambo ry'Imana.

## **ISOMO RYA 34: TITO NA FILEMONI**

Tito yari umunyamahanga utagira amaraso y'Abayuda. Ni umwe mu bizeye kubera inyigisho za Pawulo (1:4). Pawulo yahaye Tito umurimo ukomeye wo gukemura ibibazo byinshi byari mu itorero ry'i Korinto (2 Abakorinto 7:6-7). Pawulo yari afitiye icyizere ubushobozi bwa Tito kuko

nyuma yashinzwe gukora imirimo y'ubuyobozi i Kereti ku bw'imibereho itoroshye iryo torero ryarimo (1:5). Tito yari umuntu uzi gufata ibyemezo, ushobora gucubya ibantu mu bihe bigoye. Birashoboka ko yari afite ubushobozi kuruta Timoteyo, kandi biranashoboka ko yamusumbyaga n'ubunararibonye.

Urwandiko rwa Tito rwuzuyemo inama zo gukurikizwa kandi zo guhangana n'inyigisho z'ibinyoma. Ijambo rikuru ry'ingenzi rikubiyemo inama n'imbuzi ku bijyanye n'inshingano ku murimo n'inyigisho shingiro, by'umwihariko zikerekana umumaro wo gukomeza kwita ku kamaro k'imirimo myiza.

**Filemoni** ni urwandiko rwiza rwo gusenga no kwinginga, rwingingira Filemoni kubabarira Onesimo, imbata ye yari yaramutorotse kugira ngo amugarure mu rugo rwe.

Filimoni agaragara nk'umuntu wateye imbere (5-7, 22), bishoboka ko yari yarizeye ku b'ikibwirizo cya Pawulo (19). Onesimo yari yatorokeye i Roma aho yinjiwemo n'inyigisho za Pawulo kandi akaza kwizera (10). Hano tuhabona ubuhamya bwiza bwo guhinduka kwa Onesimo n'icyifuzo cyiza cyo gusaba kubabarirwa.

### **ISOMO RYA 35: URWANDIKO RYANDIKIWE ABAHEBURAYO**

Urwandiko rwandikiwe **Abaheburayo** ntirwashyizweho umukono, ariko abantu benshi bizera ko ari Pawulo warwanditse. Rwandikiwe ahanini abakristo b'abaheburayo. Intego y'uru rwandiko yari iyo kwerekana uko icyubahiro kiri mu guhindukirira Kristo kiruta kure icyubahiro cy'ubutambyi bwo mu Isezerano rya Kera. Kristo ni umutambyi w'umuziranenge, watambye igitambo kizira inenge.

Ibice 10 bitangira byerekana uko Umwana w'Imana ari mukuru hejuru y'abamarayika, Mose, Yosuwa, Aroni na Melikisedeki. Ibice 11 kugeza ku cya 13 byerekana imibereho yo kwizera.

### **ISOMO RYA 36: URWANDIKO RWA YAKOBO**

Biragaragara ko uwanditse uru rwandiko ari Yakobo mwene se wa Yesu, wari umuyobozi w'Itorero ry'i Yerusalem (Ibyakozwe 12:17; 15:13). Yishwe ahowe Kristo mu mwaka wa 62 Nyuma ya Yesu (A.D)

Uru rwandiko rwandikiwe Abayuda bakiriye agakiza babaga hanze y'igihugu Cyera (Isiraheli). Ariko kandi Ubutumwa bwe burasobanutse kandi bworoshye gushyirwa mu bikorwa mu buryo bw'uko bunogeye imibereho y'abakristo bose. Umutwe mukuru w'iki gitabo ni: Idini nyakuri ribonekera mu gukora imirimio myiza.

Ibice bimwe byarwo bikoreshwa n'Abakristo mu bihe byihariye: ibihe bikomeye (1:2-4); abakristo b'abatunzi (1:9-11; 5:1-6); ku bw''imyitwarire yabo nk'abayoboke b'Itorero (2:1-9); ku bafite inshingano mu matorero (3:1); abakristo bagenda nabi (5:19-20)

Yakobo akoresha imvugo inoze atanga ingero mu kwigisha kwe: 1:6, 11, 17, 23, 26,3:3, 5, 7, 12; 4:14; 5:1-2, 7.

### **ISOMO RYA 37: URWANDIKO RWA 1 N'URWA 2 RWA PTERO**

**1 Petero** ni urwandiko rw'abakristo bari mu mubabaro bakaba baratatanye kubera gutotetzwa. Ni urwandiko rwuzuye ubuzima. Rurimo amagambo yuzuye imbaraga kandi avuye ku mutima. Kandi ni ikibwirizo kuruta uko ari icyigisho. Ijambo rikuru ni “Umubabaro” ribonekamo inshuro zisaga 15.

Muri rwo Petero avuga ku bwiza bw'agahebuzo bw'Agakiza muri Kristo n'imibereho ya gikristo, uko umukristo agomba kuba ahagaze n'ibyo ashinzwe. Asesengura inshingano zerekeye abayoborwa n'ishingano kuri bose, kuba umwenegihugu mwiza n'ishingano mu rugo rwizera. Yerekana Kristo nk'isoko y'ibyiringiro (1:3), Umwana w'intama w'igitambo (1:19), ibuye rikomeza imfuruka (2:6), urugero nyakuri (rukiranuka) (2:21), urugero rwiza rw'uhababarijwe kuba inshungu (2:23), uwishyizeho ibyaha (2:23), umushumba w'imitima (2:25), n'Umwami ukwiye icyubahiro (3:22).

**2 Petero** ni urwandiko rwihanangiriza ku byerekeye abigisha bononnye inzira zabo n'abazana ubuyobe. Petero yibanda cyane ku Ijambo ry'Imana no kuzasohora kudashidikanywa kw'amasezerano y'Imana. Nko muri 2 Timoteyo, urwandiko rwa 2 Petero rwemeza ko imperuka y'ibintu byose iri hafi kandi ko Itorero rigomba kuzanyuzwa mu bihe bigoranye mu bihe biri imbere.

Inzandiko za Petero ziduha urutonde rw'ibintu 7 by'igiciro: gucishwa mu muriro (1 Petero 1:7); amaraso ya Kristo (1w:19); ibuye rizima

(2:4); Kristo ubwe (2:6); umutima weguriwe Imana kandi utuje (3:4); kwizera k'uwakiriye agakiza (2 Petero 1:1); amasezerano y'Imana (2 Petero 1:4).

## ISOMO RYA 38: INZANDIKO ESHATU ZA YOHANA N'URWA YUDA

Intumwa Yohana yanditse izi nzandiko eshatu.

Dushobora kwita **1 Yohana** urwandiko rwo kwemeza kudashidikanywa. Amagambo y'ingenzi ni aya: ubumwe, kumenya n'urukundo. Yibanda cyane ku bumenyi bw'Umwuka buteguriwe umwizera. Ijambo "Kumenya" n'andi nka ryo abonekamo inshuro zirenga 30. Ingingo nkuru ni:

1. Imana ni ubugingo n'umucyo (igice cya 1, 2)
2. Imana ni Iyera kandi nu Urukundo (igice cya 3,4)
3. Kwizera n'urukundo niyo mahame yo kunesha mu ntambara duhangana n'Isi n'imbaraga z'ikibi z'uburyo bwose (igice 5)

**2 Yohana** rwanditswe kubwo kwihanangiriza inshuti ku byerekeye inyigisho ziyobya no kutifatanya n'abigisha b'ibinyoma (umurongo wa 7-11). Ijambo "Urukundo" ribonekamo inshuro enye, kandi ijambo "Ukuri" ribonekamo inshuro 5.

**3 Yohana** rwandikiwe Gayo, umukristo wari indashyikirwa wari uzi kwakira abashyitsi. Afashe uruhare rw'ingenzi muri uru rwandiko hamwe n'abandi babiri: Diyoterefu, uwo Yohana yaje gucyaha ubwo bahuraga nawe, na Demetiriyo; umukristo w'intangarugero wari ufite ubuhamya bwiza cyane.

**Urwandiko rwa Yuda** rwanditswe na murumuna wa Yesu na Yakobo. Yuda yandikiye umutwe w'abakristo wari umerewe nabi ku bw'abantu bari barabinjiyemo rwhishwa bababuza amahoro kandi baratangiye kubacamo ibice bakoresheje inyigisho zabo z'ibinyoma. Yuda yari agendereye kubatera inkunga kugira ngo bahagarare batanyeganyega bahangane n'abo bigisha.

## **ISOMO RYA 39: IBYAHISHUWE**

**Ibyahishuwe** byanditswe na Yohana igihe yari yarajugunyewe ku kirwa Patimo. Byanditswe mu gihe cy'imibabaro (cy'akaga) (2:10) kandi akaga gakomeye kaje hanyuma (2:10) ubwo kuramya umwami w'abami w'i Roma byari bimaze kugirwa itegeko. Niyo mpamvu inzandiko zandikiwe amatorero n'iki gitabo cyose. Cyari gikenewe ngo gihumurize abakristo ngo bahagarare bashikamye.

Iki gitabo kirakomeye kucyumva ariko kandi ni icy'ingenzi kuko gitanga ishusho yose ijyanye n'umuteguro w'ugusohora k'ubuhanuzi bwose, ubwo ikibi kizacirwaho iteka ryose, Kristo akima ingoma nk'Umwami mu cyubahiro cw'iteka ryose.

Iki nicyo gitabo cyonyine cya Bibiliya kirimo isezerano rihoraho ku basomyi baryumvira (1:3), kandi kikatura umuvumo ku bazagerageza kongera cyangwa kugabanya ibigikubiyemo (22:18,19).

## **ISOMO RYA 40: IBICE BY'INGENZI BY'IBYAHISHUWE**

- 1.** Amagambo abanza (1:1-20)
- 2.** Inzandiko zirindwi ku matorero arindwi (2:1; 3:22)
- 3.** Iyerekwa ry'Ijuru (4:1-11)
- 4.** Ibimenyetso birindwi (5:1-8:5)
- 5.** Impanda ndwi (8:6-11:19)
- 6.** Ikiyoka n'inyamaswa ebyiri (12:1-13:18)
- 7.** Umwana w'Intama n'abacunguwe 144.000; guca imanza byavuzwe n'abamarayika (14:1-20)'
- 8.** Inzabya ndwi (15:1-16:21)'
- 9.** Ubutegetsi no kugwa kwa Anti-Kristo (17:1-20:15)'
- 10.** Umurwa w'Imana (21:1-22:5)'
- 11.** Umwanzuro (22:6-21)

Ibice bya nyuma biduha itandukaniro rigaragara n'ibice bya mbere by'Itangiriro. Itangiriro rivuga kuremwa kw'izuba, uko icyaha cyaje mu Isi, kuvumwa, kunesha kwa satani no kubuzwa kwegera igitu cy'ubugingo

Ibyahishuwe bivuga aho icyaha cyakuweho, umuvumo utazongera kubaho ukundi, aho Satani atagira umwanya, kandi aho dushobora kurya ku mbuto z'ubugingo.

**“Ngwino vuba, Mwami Yesu!”**

## **INYIGISHO SHINGIRO ZA BIBILIYA**

Dukurikije umutwe w'izi nyigisho hari ubwo wakwanzura ko zigiye gukomera kandi ko wenda zizarambirana. Ariko uzabona ko aho kuba ibyo, aya masomo akusanyiriza hamwe ibihamya binyanyagiye mu Byanditswe Byera bijyanye n'ukuri kw'ifatizo ko kwizera kwacu.

Ijombo “Doctrine” risobanura “Inyigisho”. Kandi izi nyigisho zizasubiza ibibazo wibazaga n'ibyo uzabazwa n'abantu b'itorero ryawe, no mu murimo wawe mu gihe kizaza. Niwigana ubushishozi izi nyigisho uzamenya kuzigisha ku buryo “batazayobywa n'inyigisho z'uburyo bwinshi bw'inzaduka.” (Abaheburayo 13:9).

## **URUTONDE RW'IBICE BIGIZE IZI NYIGISHO**

- 1.** Inyigisho zerekeye Imana
- 2.** Inyigisho zerekeye Yesu Kristo
- 3.** Inyigisho zerekeye Umwuka Wera
- 4.** Inyigisho zerekeye umuntu
- 5.** Inyigisho zerekeye Agakiza
- 6.** Inyigisho zerekeye Itorero
- 7.** Inyigisho zerekeye Ibyanditswe
- 8.** Inyigisho zerekeye Abamarayika
- 9.** Inyigisho zerekeye Satani
- 10.** Inyigisho zerekeye Ibantu biheruka.

## **IGICE CYA 1: INYIGISHO SHINGIRO ZEREKEYE IMANA**

### **ISOMO RYA 1: UKUBAHO KW'IMANA**

Hari ibihamya byinshi ko Imana iriho. Muri iri somo tuzasuzuma bimwe:

- 1. Igihamya cy'Ibyanditswe:** Bibiliya itangira yemeza ku mugaragaro yuko Imana iriho (Itangiriro 1:1). Ihamya yeruye ko umupfapfa ari we uhakana ko Imana iriho (Zaburi 14:1).
- 2. Uguhamya kw'Ibyaremwe:** Ubwiza n'icyubahiro bw'ibiba mu isanzure bihamya ko Imana iriho (Zaburi 19:1), ibyaremwe bitwigisha icyubahiro cy'Uwiteka iteka ryose (Abaroma 1:20).
- 3. Igihamya cy"umutimanama:** Umuntu avuka afite ukwemera kwa kavukire ko hari Ikinyabugingo kiruta byose.
- 4. Ibindi bihamya:** Hariho n'ibindi bihamya byinshi bigaragaza ko Imana iriho, turebe bimwe byo muri byo:
  1. Isi iriho: ni ukuvuga ko hariho uwayishyizeho cyangwa icyayihanze
  2. Imiterere y'Isi igaragaza idashidikanya yuko hariho Ikinyabubasha cyagize uyu mugambi
  3. Ikiremwa-muntu kigira kamere ebyiri: imwe y'ubwenge, indi yo kumenya guhitamo hagati y'icyiza n'ikibi. Ibi byerekana yuko Umuremyi agomba kuba Ikinyabugingo kizima, umunyabwenge, kandi azi no guhitamo
  4. Ubuzima bugomba kugira intangiriro; ku bw'ibyo bugomba kugira inkomoko ku Kinyabugingo runaka gifite ubugingo buhoraho.

**Umwanzuro:** mugenzure Abaheburayo 11:6 “kuko uwegera Imana akwiriye kwizera yuko iriho”. Twegera Imana nk’abana dufite guca bugufi mu kwizera, twishingikiriza ku byahishuwe by’Imana mu Byanditswe ndetse no ku bigaragara byaremye, tuyizera dushyize ibyiringiro byacu byose kuri Yo.

## ISOMO RYA 2: IMITERERE N'IMICO Y'IMANA

Ubumenyi nyakuri bwihariye ku Imana bushobora kubonerwa muri Bibiliya. (Yohana 1:18; 1 Yohana 4:12). Tugenzure ibihamya bimwe Bibiliya iduha ku byerekeye Imana.

1. **Imico yayo:** imiterere n'imico bigaragazwa no kumenya kuva kugenzura, amarangamutima n'ubushake. Imana yacu irihariye ifite ubugingo (Iriho) kandi ifite imico n'imiterere idahinduka (Yeremiya 10:10; Abatesalonike 1:9).
2. **Kamere yayo:** Imana ni Umwuka. Umwuka ntugira inyama, amagufwa, cyangwa amaraso (Yohana 4:24)
3. **Ubumwe bwayo:** Uwiteka Imana yacu ni Imana Imwe, bikaba binyuranye n'ubwinshi bw'imana z'abapagani (Gutegeka 6:4; Yesaya 44:6).

**Umwanzuro:** Uko twiga kurushaho ibyerekeye Imana, niko dusobanukirwa yuko Imana yacu ari Imana ikomeye.

## ISOMO RYA 3: IMICO NA KAMERE BY'IMANA

Ese ijambo “Imico” cyangwa “kamere” rigaragara nk’irikomeye? Ibi ni ukuvuga mu buryo bworoshye: imiterere yihariye y’umuntu runaka (itaboneka ku bandi). Muri iri somo turiga imico n’imiterere y’Imana.

1. **Ni Ihoraho:** kuba Imana y’ukuri Igomba kutagira itangiriro cyangwa Iherez (Zaburi 90:2; 1 Timoteyo 1:17).
2. **Ntihinduka kandi ntihinduranya:** (1 Samwel 15:29; Malaki 3:6; Yakobo 1:17).
3. **Ishobora byose:** ibi bisobanuye ko ifite imbaraga zose n’ubushobodzi bwose (Yobu 42:2; Yeremiya 32:27).
4. **Ibera hose icyarimwe:** ni ukuvuga ko iba hose kandi icyarimwe (Zaburi 139:7-9).
5. **Izi byose:** Ifite ubumenyi byose (1 Ingoma 28:9; 2 Ingoma 16:19; Yobu 42:2; Zaburi 94:11; Yesaya 40:28).

**Umwanzuro:** umuntu w’umunyantegenke akaba n’umukene akeneye Imana ifite imico n’imiterere tumaze kwiga mu iki cyigisho. Ni mpamvu ki buri umwe muri iyi mico ari iya ngombwa ku bantu?

## ISOMO RYA 4: IMICO MYIZA Y'IMITERERE Y'IMANA

Imwe mu mico myiza y'imiterere y'Imana yagombye kuba ingingo nkuru y'ikibwirizo. Dukore urutonde rw'imwe muri yo:

1. Imana ni Iyera (Kuva 15:11; Yesaya 6:3; 1 Petero 1:16).
2. Imana ni Irakiranuka (Ezra: 9:15; Zaburi 116:5; Yeremiya 12:1).
3. Imana ni Inyembabazi (Zaburi: 103:8; Abaroma 9:18).
4. Imana ni Urukundo (1 Yohana 4:8-16; Yohana 3:16; 16:27).
5. Imana ni iyo kwizerwa (1 Abakorinto 1:9; 2 Timoteyo 2:13).

Mu byumweru bikurikiraho muzatekereze kuri iyi mico myiza y'imiterere y'Imana yacu: **Ni Inyacyubahiro** (Kuva 15:11; Zaburi 145:5); **Ni Imana igira ubuntu** (Kuva 34:6; Zaburi 116:5); **Itinda kurakara** (Kubara 14:18; Mika 7:18). **Ni Imana ifuhu** (Yosuwa 24:19; Nahumu 1:2); **Yuzuye impuhwe** (1 Abami 8:23). **Ni Imana ikomeye** (2 Ingoma 2:5; Zaburi 86:10). **Ntigenzurwa/Gukomera kwayo ntikurondoreka** (Yobu 11:7; Zaburi 145:3). **Ni Imana itaboneka/yihisha** (Yobu 23:8-9; 1 Timoteyo 1:17). **Imana ni Nziza** (Zaburi 25:8; Zaburi 119:68). **Iratunganye** (Zaburi 25:8; Zaburi 92:15). **Ntihinduka** (Zaburi 102:26,27; Yakobo 1:17). **Ni umucyo** (Yesaya 60:19; 1 Yohana 1:5). **Ni Imana nyamana** (Yeremiya 10:10). **Ni Imana Ikiranuka** (Matayo 5:48). **Ni Itangirika** (Abaroma 1:23). **Ni Idapfa** (1 Timoteyo 1:17, 6:16). **Uwiteka ni umuriro ukongora** (Abaheburayo 12:29). **Nta yindi ihwanye na Yo** (Kuva 9:14; Gutegeka kwa Kabiri 33:26)

**Umwanzuro:** Kwera kw'Imana gusabaga ko icyaha gihanwa. Ni mu buhe buryo Imana ishobora kuzura urukundo kandi ikanubahiriza imiterere y'ukwera kwayo? Ni mu buhe buryo Ishibora icyarimwe kugirira imbabazi ntinabere umunyabyaha wahamwe n'icyaha? Igisubizo gishobora kubonerwa i Kaluvari honyine, igitekerezo kigaragaza uburakari bw'Imana mu guhana icyaha n'imbabazi zayo ku munyabyaha uhamwe n'icyaha.

## ISOMO RYA 5: UBUTATU BWERA

Hariho Imana imwe, Ihoraho iteka, itwigaragariza mu Butatu Bwera: Data wa twese, Umwana n'Umwuka Wera. Tekereza kuri iyi mirongo yo mu Byanditswe Byera itwereka ubutatu:

- Umubatuzo wa Yesu (Matayo 3:13-17)** – Data yavugije mu Ijuru, Umwana yarabatijwe, n'Umwuka Wera amanukira ku Mucunguzi mu ishusho y'inuma.
- Imvugo ikoreshwa mu gihe cy'umubatizo muri Matayo 28: 19** – “Mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka Wera.”
- Imigisha yo mu 2 Abakorinto 13:14** – “Ubuntu bw’Umwami wacu Yesu Kristo n’urukundo rw’Imana no kubana n’Umwuka Wera.”
- Ibyanditswe bijyanye no kuremwa k’umuntu bikoresha amagambo ari mu bwinshi (**ubwinshi bw’abakoze uwo murimo**):** Itangiriro 1:26: “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe.”

**Umwanzuro:** Umuntu na we, agizwe n’ibice bitatu: umwuka, ubugungo n’umubiri. Kuko twaremwe mu ishusho y’Imana.

## **IGICE CYA 2: INYIGISHO SHINGIRO KURI YESU KRISTO ISOMO RYA 6: GUSOHOZWA KW’IBYAHANUWE**

Muri buri jambo ryavuzwe kuri Yesu muzabonamo ibyahanuwe mu Isezerano rya Kera, bikurikiwe n’ibyanditswe bivuga gusohora kwabyo mu Isezerano Rishya nyuma y’imyaka amagana. Ibi ni ibihamya bitangaje.

- Kristo yagombaga guturuka muri Isirayeli (Kubara 24:17-19; Matayo 1:17).
- Kristo yagomabaga kuvuka mu muryango wa Dawidi, mu bwoko bwa Yuda (Itangiriro 49:10; Yesaya 11:1; Luka 1:31-33).
- Yagombaga kuvukira i Betelehemu (Mika 5:2; Luka 2: 4-7).
- Kristo yagombaga kubyarwa n’umwari (Yesaya 7:14; Matayo 1:18, 22,23).
- Kuza kwa Yesu kwabanjirijwe n’integuza (Yesaya 40:3; Matayo 3:3).
- Mesiya yari Imana (Yesaya 9:8; Yohana 1:14).
- Mu bwana bwe yagombaga kumara igihe mu Misiri (Hoseya 11:1; Matayo 2:13-18).
- Yagombaga kubabazwa no guhongerera ku bw’Icyaha (Yesaya 53:4-6; Abakorinto 5: 21).

9. Yagombaga kujya i Yerusalem ahetswe n'icyana cy'indogobe (Zekariya 9:9; Matayo 21:2-5).
10. Bagombaga kumuha vino ivanze n'indurwe ari hafi yo guca umutima ku musaraba (Zaburi 69:21; Matayo 27:34).
11. Mu magufa ye nta na rimwe ryagombaga kuvunwamo kabiri bitandukanye n'ibyakorwaga n'Abaroma mu gihe babaga babambye umuntu (Zaburi 34:20; Yohana 19:33-36).
12. Abantu bagombaga gufindira imyambaro Ye (Zaburi 22:18; Matayo 27:35).
13. Yagombaga kuvuga amagambo runaka mu gihe yendaga guca umutima (Zaburi 22:1; Mariko 15:34).
14. Yagombaga kuzuka mu bapfuye (Zaburi 16:10; ibyakozwe 2:3)  
**Umwanzuro:** buri bumwe bwo muri ubu buhanuzi ni ikindi gihamya cy'ubushobodzi no kumenya byose ku Mana yacu!

### **ISOMO RYA 7: UBUMANA BWA KRISTO**

Tuzi yuko Kristo ari Imana kuko afite imico n'imiterere yose yihariwe n'Imana. Mwige iyi mirongo ibyerekana:

1. Ni Uwiteka – Mika 5:2; Yohana 8:58; Abakolosayi 1:17; Ibyahishuwe 1:8.
2. Ntahinduka –Abaheburayo 13:8.
3. Ni Ishobora byose – Luka 8:24; Matayo 28:18.
4. Abera hose icyarimwe –Matayo 18:20; Yohana 1:48; 3:13; Matayo 28:20.
5. Azi byose –Mariko 11:2-6; Yohana 2:24-25; Luka 5:22; Matayo 24:3-31.
6. Arera –Mariko 1:24; Ntagira icyaha –1 Petero 2:22; Yohana 19:4.
7. Ntabera –Yohana 2:14-17, igihe cyo kweza Urusengero; Ibyakozwe 17:31 – Umucamanza Ukiranuka.
8. Yuzuye urukundo – Yohana 15:13, na Yohana 11:36.
9. Ni umunyambabazi – Tito 3:5 – Yapfuye ku bwacu.
10. Ni umwizerwa – 2 Timoteyo 2:13.

Imirimo itanu y'Imana yahawe Yesu: Kurema (Yohana 1:3); Kuramira (Abaheburayo 1:3); Kubabarira (Luka 7:48); Kuzura abapfuye (Yohana 6:39); Guca imanza (Yohana 5:22).

**Umwanzuro:** Kuzuka kwa Yesu mu bapfuye ni ikimenyetso gikomeye kigaragaza ko ari Imana.

## **ISOMO RYA 8: UBUMUNTU BWA KRISTO**

Kugira ngo abe umucunguzi, Yesu ntiyagombaga kuba gusa Imana no kubyarwa n'umwari, ahubwo yagombaga no kuba umuntu wuzuye (1 Timoteyo 2:5). Reba ibi bihamya by'ubumuntu bwe:

1. Yahawe amazina y'abantu (Matayo 1:21). Amagambo “Umwana w'Umuntu” aboneka inshuro 77.
2. Yari afite igisekuru cy’umuntu (Matayo 1:1-16).
3. Yarashonje (Matayo 4:2) kandi Yagize inyota (Yohana 4:7; 19:28).
4. Yagize umunaniro (Yohana 4:6), Yarasinziriye (Matayo 8:24).
5. Yarakunze (Mariko 10:21; Yohana 11:36); Yagize impuhwe (Matayo 9:36).
6. Yararakaye kandi agira agira intimba (Mariko 3:5).
7. Yasuhuje umutima (Yohana 11:33); Yararize (Yohana 11:35; Luka 19:41).
8. Yari afite umubiri (Yohana 1:14); Yari afite ubugingo (Matayo 26:38); yari afite umwuka (Luka 23:46).
9. Yarapfuye (Abaheburayo 9:27; Luka 23:33-46).

**Umwanzuro:** Imana ikaba n'umuntu, Haleluya mbega Umucunguzi!

## **ISOMO RYA 9: IMIBEREHO YA KRISTO (IGICE CYA MBERE)**

Hari ibyanditse byinshi kandi mu buryo burambuye ku bijyanye n'ibihe yabayeho mu isi by'Umwami wacu:

1. Nk'Imana, Yesu yabayeho kuva mbere. Yariho mbere y'ibintu byose.
2. Matayo na Luka banditse ibyo kuvuka kwe abyawé n'umwari.
3. Yakebwe amaze iminsi umunani avutse (Luka 2:21)
4. Yajyanywe mu Rusengero amaze imyaka 12 avutse (Luka 2:41-48)

5. Yamaze imyaka ye ya mbere y'ubuzima ari umubaji i Nazareti (Mariko 6:3)
6. Amezi atandatu ya mbere y'umurimo we yayamaze i Yudeya, i Samariya n'i Galilaya
7. Igice cya kabiri cy'imirimo ye cyafashe hagati y'amezi atandatu kugera ku munani aho yabwirizaga akiza indwara, kandi akora ibitangaza i Kapernawumu n'i Galilaya. Nguru urutonde rw'ibitangazabye Yesu yakoze:
  1. Ku bidukikije (Matayo 8:26-27)
  2. Ku badayimoni (Mariko 5:12-13; Matayo 8:28-32; 9:32,33; 15:22-28; 17:14-18; Mariko 1:23-27)
  3. Ku ndwara – Ubumuga (Matayo 8:13; 9:6); Umuntu wari umugaye (Yohana 5:9); Ukuboko kunyunyutse – (Matayo 12:13); umwuka mubi utera ubumuga (Luka 13:12); kujya imugongo bidashira (Matayo 9:20-22); Urushwima (Luka 14:2); ubuganga (Matayo 8:15);yahaye ikiragi kongera kuvuga (Matayo 9:33); Yahumuye impumyi (Yohana 9:1-38). Yazibuye igipfamatwi (Matayo 11:5). Yakijije ibibembe (Matayo 8:3; Luka 17:19). Yesu yakijije byibura indwara z'ubwoko 10.
  4. Ku rupfu – Lazaro (Yohana 11:43,44); Umukobwa wa Yayiro (Matayo 9:18-26), Umwana w'umupfakazi w' i Nayini (Luka 7:12-15).
  5. Ibindi bitandukanye: Yahinduye amazi divayi (Yohana 2:1-11); Yahagije abantu 5.000 (Yohana 6:1-14). Yagendeye hejuru y'amazi (Yohana 6:16-21); Ahaza abantu 4.000 (Matayo 15:32-39). Yavumye igiti cy'umutini (21:18-22); Yabonye igikoroto/igiceri mu kanwa k'isamaki (Matayo 17:27). Yakoreshsheje uburobyi bw'igitangaza (Luka 5:1-11; Yohana 21:6).
  6. Igitangaza gikomeye kiruta ibindi byose kwari ukuzuka kwe ubwe (1 Abakorinto 15:4; Abaroma 1:4).

## **ISOMO RYA 10: IMIBEREHO YA KRISTO (IGICE CYA KABIRI)**

8. Igice cya gatatu cy'umurimo wa Yesu, uwo yakoreye bwa nyuma i Galilaya, wamaze hafi umwaka umwe muri Galilaya no mu nkengero zaho. Iteraniro rinini riramukurikira. Nibwo yabwirije ikibwirizo ku musozi. (Matayo 5-7).
9. Mu gice gikurikiraho, Abafarisayo baramuhize ngo bamwice. Yesu yagiye i Kaperinawumu, i Fenisiya, Betisayida, i Kayisariya, n'i Filipi hanyuma agaruka i Galilaya.
10. Amezi ya atandatu ya nyuma yayamaze yigisha, abwiriza, kandi anakora n'ingendo.
11. Icyumweru cya nyuma cy'imibereho ya Yesu gikubiyemo umunsi wa mashami, igaburo ryera, Gutsemani, gucirwa urubanza no gupfa ku musaraba.
12. Nyuma y'iminsi itatu nk'uko byari byarahantuwe yazutse mu bapfuye.
13. Nyuma y'iminsi 40 azutse, mu maso y'abantu benshi, yazamutse mu Ijuru (Ibyakozwe 1:10,11).

**Ibiganiro:** Ni ibihe bintu byabaye mu mibereho ya Yesu byerekana Ubumana bwe? Ni ibiki byabaye mu mibereho ye byerekana ubumuntu bwe?

## **ISOMO RYA 11: UKUZUKA KWA YESU KRISTO**

Ukuzuka kuvugwa inshuro 104 mu Isezerani Rishya ni urufatiro rw'inyigisho shingiro mu Byanditswe Byera. Idini rya Gikristo ni ryo ryonyine rifite uwaritangije ukiraho na magingo aya.

### **1. Ibihamya by'umuzuko:**

1. Imva irarangaye (Matayo 28:6; Luka 24:3).
2. Ubuhamya bw'abamarayika (Matayo 28:5-6; Luka 24:5-7).
3. Abantu baganiriye nawe nyuma y'uko azuka (Petero, Mariya, Kelewopa na Toma).
4. Yesu yarariye arananywa, ndetse yerekana n'inkovu ze.
5. Abantu 500 bamwiboneye icyarimwe n'amaso yabo (1 abakorinto 15:6).

6. Yabonekeye Sitefano ku munsi bamwisheho (Ibyakozwe 7:56).
  7. Yabonekeye Pawulo ari mu nzira ijya i Damasiko (Ibyakozwe 9:5).
  8. Abantu amamiriyoni baamaze guhamya ko ari umucunguzi wabo, uriho koko.
  9. Ibihamya bindi bidashobora guhinduka (Ibyakozwe 1:3)
- 2. Umubiri wa Kristo wari umeze ute amaze kuzuka.**
1. Yari afite umubiri n'amagufwa (Luka 24:39).
  2. Wari umubiri w'ubwiza (Abafilipi 3:21).
  3. Wari umubiri udupfa na rimwe (Abaroma 6:9).
  4. Wari umubiri w'umwuka (1 Abakorinto 15:44).

**Umwanzuro:** kuri ubu umwanzi umuntu atinya cyane ni urupfu, ariko ukuzuka ni imbaraga ziruta izindi, kuko gutsinda/kumenagura bidasubirwaho ubushobozi bw'ikuzimu.

### **IGICE CYA 3: INYIGISHO SHINGIRO KU MWUKA WERA ISOMO RYA 12: IMICO N'IMITERERE Y'UMWUKA WERA**

Kuki bavuga ko Umwuka Wera ateye nka mwene-muntu (Umupersona)?

Dore impamu zimwe:

- 1. Bibiriya ikoresha insimburazina iyo ivuga Umwuka Wera.**  
Muri Yohana 16:7,8 na 16:13-15, tubonamo insimburazina ikoreshwa mu rurimi rw'ikigiriki mu gusimbura izina “Umwuka Wera”. Reba kandi Yohana 15:26.
- 2. Umwuka Wera afite imiterere imeze nk’iy’umuntu.**
  1. Imbaraga z’Ubushake (1 abakorinto 12:11).
  2. Aratekereza (Nehemiya 9:20; Abaroma 8:27).
  3. Ubwenge (1 Abakorinto 2:10-12).
  4. Ubushobozi (Ibyakozwe 1:8).
  5. Ashobora gukunda (Abaroma 15:30)
  6. Ashobora kugira agahinda (Abefeso 4:30).
- 3. Akora ibintu nk’ibyo umuntu ashobora gukora.**
  1. Arondora amayo berane y’Imana (1 Abakorinto 2:10).

2. Aravuga (Ibayahishiwe 2:7); abasha gutaka (Abagalatiya 4:6).
3. Yinginga ku bw'abantu (Abaroma 8:26).
4. Arahamya (Yohana 15:26); Arigisha (Yohana 14:26; 16:12-14).
5. Arayobora (Abaroma 8:14).
6. Arategeka (Ibyakozwe 16:6-7). Ahamagara abantu kandi akabaha umurimo bakora (Ibyakozwe 13:2).

**Niwe mufasha mukuru** (Yohana 14:16). Ijambo “parakletos” ryo mu rurimi rw’ikigiriki risobanura ngo “Uhagaze mu ruhande rwawe”, niwe uguherekeza.

**Umwanzuro: Umwuka Wera afite imiterere ya mwenemuntu,** kuko aratekereza, arumva, aribaza, agira intego, arashaka, aramenya, arakunda, agira agahinda, byose nk’iby’umuntu.

### **ISOMO RYA 13: UBUMANA BW’UMWUKA WERA**

Umwuka Wera ni Imana Ishoborabyose, angana n’Imana Data wa twese n’Umwana muri byose.

- 1. Umwuka Wera afite imico n’imiterere y’Ubumana.**
  1. Ni Uwiteka (Abaheburayo 9:14).
  2. Abera hose icyarimwe (Zaburi 139:7- 10).
  3. Ashobora byose (Luka 1:35; Itangiriro 1:27).
  4. Azi byose (1 Abakorinto 2:10-11).
  5. Arera (Luka 11:13).
  6. Ni ukuri (1 Yohana 5:6).
  7. Ni Umugwaneza (Nehemiya 9:20).
  8. Arasabana (2 Abakorinto 13:14)
- 2. Umwuka Wera akora ibintu bishorwa n’Imana yonyine.**
  1. Kurema (Yobu 33:4).
  2. Agakiza (1 Abakorinto 6:11); kandi ni ikimenyetso cy’agakiza (Abefeso 1:13).
  3. Gutanga ubugingo (Yohana 6:63).
  4. Ishingiro ryo kubyarwa ubwa kabiri (Yohana 3:5-6).
  5. Atanga ubuhanuzi (2 Petero 1:21).

6. Yemeza abantu ibyo gukiranuka, n'iby'umunsi w'urubanza uzaza (Yohana 16:8-11).

**Umukoro:** Erekana mu Isezerano Rishya imirongo itatu ivuga ku Mwuka Wera, uretse iyatanzwe haruguru.

## **ISOMO RYA 14: AMAZINA N'IBIMENYETSO BY'UMWUKA WERA**

### **1. Amwe mu mazina y'Umwuka Wera.**

1. Umwuka Wera (Lika 11:13)
2. Umwuka w'ubuntu (Abaheburayo 10:29).
3. Umwuka utwika (Matayo 3:11-12; Yesaya 4:5).
4. Umwuka w'ukuri (Yohana 14:17; 15:26; 16:13; 1 Yohana 5:6).
5. Umwuka w'ubugingo (Abaroma 8:2).
6. Umwuka w'ubwenge n'ubumenyi (Yesaya 11:2; 61:1,2; Luka 4:18).
7. Umwuka w'isezerano (Abefeso 1:13).
8. Umwuka w'ubwiza (1 Petero 4:14).
9. Umwuka w'Imana n'Umwuka wa Kristo (1 Abakorinto 3:16; Abaroma 8:9).
10. Umufasha (Yohana 14:16).

### **2. Ibimenyetso by'Umwuka**

1. Amazi (Yohana 3:5; 7:37-39). Amazi y'ubugingo, amara inyota, amazi aboneza, amazi atangirwa ubuntu, amazi menshi.
2. Umuriro (Matayo 3:11) – umuriro umurika, utwika, weza, uhishira byose.
3. Umuyaga (Yohana 3:8) – Umuyaga ugira ubushobozzi, uhembura ubugingo, urigenga, ntuboneka ariko tubona ibikorwa byawo.
4. Amavuta (Zaburi 45:7) – Amavuta areza, atera imbaraga, atanga umucyo, arakiza.
5. Imvura n'urume (Zaburi 72:6) – Imvura igarura imbaraga, yuhagira, itagira ingano, yeza imbuto.
6. Inuma (Matayo 3:16) – Inuma ni ikimenyetso cyo guca bugufi.

7. Ijwi (Yesaya 6:8). Ijwi riyobora, rivuga, riburira.
8. Ikimenyetso (Ibyahishuwe 7:2; Abefeso 4:30). Ikimenyetso gihama umwimerere kandi ni ingwate y'ubuzima.

**Ikiganiro:** Ni buryo ki imirimo y'Umwuka Wera igaragarira mu bimenyetso byawo ari iri iy'umumaro ku mukristo?

## **ISOMO RYA 15: IBICUMIRO KU MWUKA WERA**

Bimwe mu bicumuro ku Mwuka Wera bikorwa n'abatizera ibindi bigakorwa n'umwizerwa. Hari n'ubwo bishobora kurenga urugero mu ngero zimwe. Icya ngombwa ni ukumenya ko gucumura ku Mwuka Wera bizana Ingaruka mbi.

1. Ibicumuro bikorwa n'utizera.
  1. Kurwanya Umwuka Wera (Ibyakozwe 7:51).
  2. Guhemura Umwuka Wera (Abaheburayo 10:29).
  3. Gutuka Umwuka Wera (Matayo 12:31-32).
2. Ibicumuro bikorwa n'uwigera
  1. Guteza agahinda Umwuka Wera (Abefeso 4:30-31; Yesaya 63:10).
  2. Kubeshya Umwuka Wera (Ibyakozwe 5:3-4).
  3. Kuzimya Umwuka Wera (1 Abatesalinike 5:19).

**Umwanzuro:** Kurwanya Umwuka Wera bigira ingaruka ku murimo wo kubyarwa ubwa kabiri. Guteza agahinda Umwuka Wera bizana ingaruka ku gutura mu mutima k'Umwuka Wera. Kuzimya Umwuka Wera bigira ingaruka mu gukora imirimo ku Mwuka Wera.

## **IGICE CYA 4: INYIGISHO SHINGIRO KU MUNTU**

### **ISOMO RYA 16: IMITERERE KAREMANO Y'UMUNTU.**

Umuntu yaremwe mu ishusho y'Imana asa n'Imana (Itangiriro 1:26; 9:6). "Ishusho" isobanura igicucu cy'ikintu runaka cyangwa ikiranga ishusho runaka. Ugusa kw'ibantu runaka bigaragaza yuko hariho imiterere igaragarira amaso isangwa ku gicucu cy'ishuso n'ishusho nyirizina.

1. "Ishusho y'Imana". Ntibivuga ko umuntu asa n'Imana ku mubiri kuko Imana ari Umwuka.

2. Umuntu akiremwa (ma mbere) yari umunyabwenge. Yise inyamaswa amazina (Itangiriro 2:19-20). Yahawe ubushobozi bwo kuvuga, bwo guhitamo agafata icyemezo no gutekereza.
3. Yari afite ubushobozi bwo guhitamo hagati y'ikibi n'icyiza n'ubwenge bw'iby'Umwuka.

**Ikiganiro:** Ni irihe tandukaniro riri hagati y'ubuzima bw'abantu mbere yo kugwa n'ubwa nyuma yaho?

## ISOMO RYA 17: KUGWA K'UMUNTU

Amateka **yo kugwa** k'umuntu yigishwa n'andi mayobokamana, kandi n'iyobokamana rya gikristo rirabyigisha. Igice cya 3 cy'Itangiriro gitanga amakuru arambuye kuri aya mateka mabi ya mwene umuntu ateye agahinda.

Iyi nkuru ntitubwira uburyo icyaha cyinjiye mu Isanzure kuko Satani yari yaramaze gucumura kandi yarukanwa mu Ijuru. (Ezekiyeli: 28:12-15; Yesaya14:9-14). Iyi nkuru itwereka ukuntu icyaha cyinjiye mu nyokomuntu kandi kikaduhindura abanyabyaha.

### 1. Nyirabayazana wo kugwa. (Itangiriro 3:1)

1. Satani ntiyigaragaje mu Ishusho ye y'ukuri, ahubwo yagaragaye mu ishusho y'inzoka nziza.
2. Yateye Adamu na Eva mu gihe umwe yari ukwe – Hari imbaraga mu bumwe.
3. Yabateye anyuriye mu byifuzo byabo (ipfa); irari ry'ibyo kurya n'iryo kumenya – Ariko ntibagenzurwaga.

### 2. Intambwe ziganisha ku kugwa:

1. Eva yari bugufi bw'igit – yagombaga guhunga ahantu yageragerezwa.
2. Yakunze ikintu cyari cyarabujijwe.
3. Yagiranye ibiganiro na Satani.
4. Yashidikanyije agoreka Ijambo ry'Imana. Yongeraho ngo “ntumuzagikoreho”, akuramo “abigambiriye”, agabanya uburemere bw'Ijambo ry'Imana mu guhindura “muzapfa nta kabuza” abisimbuza “kugirango mutazapfa”

**Ikiganiro:** Ni ayahe mayeri Satani akoresha kugira ngo ashuke abantu muri iki gihe? Aya mayeri yaba yarahindutse cyane cyangwa nanubu aracyari yayandi?

## **ISOMO RYA 18: INGARUKA ZO KUGWA**

### **1. Ingaruka z'ako kanya**

1. Bahindutse abanyabyaha – bapfuye mu buryo bw’umwuka (Abefeso 2:1).
2. Amaso yabo arahweza, bamenya ko bamabaye ubusa.
3. Bahishe amaso y’Imana – Icyaha kiba gitandukanyije umuntu n’Imana.

### **2. Imana ibaturaho umuvumo (Itangiriro 3:14-19)**

1. Ku Nzoka: yavumwe birengeje buri nyamaswa yose yo mu ishamba.
2. Umuvumo ku Mugore: Ububabare mu ibyara.
3. Ku Mugabo: Ubutaka bwaravumwe bumeramo amahwa n’imifatangwe. Azagira imibabaro mu buzima bwe bwose, gututubikana ko mu maso he niko kuzamuhesha umutsima, azapfa asubire mu mukungugu yakuwemo.

### **3. Ingaruka zizakurikiraho**

1. Abantu bose ni abanyabyaha imbere y’Imana guhera ubwo (Abaroma 5:12).
2. Abari mu Isi bose ni abo gucirirwa urubanza (Abaroma 3:19).
3. Abantu bose batabyawewe ubwa kabiri babarwa nk’abana ba Satani, si abana b’Imana (Yohana 8:44)
4. Inyiko-muntu yose yinjijwe munsi y’ububata bwa Satani (2 Abakorinto 4:4)
5. Kamere yose y’umuntu ubwenge, mu guhitamo hagati y’icyiza n’ikibi, mu mwuka no mu mubiri yokojwe n’icyaha (Abefeso 4:18; Abaroma 7:18).

**Umwanzuro:** N'ubwo umuntu yaguye, Imana yasereranyije umucunguzi n'inzira y'agakiza (Itangiriro 3:15). Nyuma y'imyaka hafi ibihumbi 4 Imana yasohoje isezerano ryayo i Kaluvari.

## **IGICE CYA 5: INYIGISHO SHINGIRO ZEREKAYE AGAKIZA**

### **ISOMO RYA 19: KWIHANA**

**Kwihana** ni Ijambo rifashe umwanya munini mu Byanditswe, rivugwamo inshuro zirenga 100.

#### **1. Ubusobanuro bw'ijambo Kwihana.**

1. Uko bidakwiye gufatwa – Si ukugira agahinda gusa kubera icyaha. Abensi barira ku bw'ibyaha ariko mu kanya gato bakabisubiramo. Yuda Isikariyota na Esawu (Abaheburayo 12:17) bababajwe n'ibyaha byabo ariko ntibihannye.
2. Uko bikwiye gufatwa – Ni uguhinduka mu bitekerezo kuzana guhinduka mu migendere cyangwa imyitwarire (Matayo 21:28-32).

#### **2. Umumaro wo kwihana.**

1. Kwihana ryari ingingo nkuru mu kibwirizo cya Yohana Umubatiza (Matayo 3: 1,2)
2. Yesu yabwirije ibijyanye no kwihana (Matayo 4:17).
3. Yategetse abigishwa be kubwiriza ibijyanye no kwihana (Mariko 6:12).
4. Nyuma y'umunsi wa Pantekote abigishwa be babwirije ibijyanye no kwihana (Ibyakozwe 2:38; 20:21).
5. Icyo Imana ishaka ni uko abantu bose bihanna (2 Petero 3:9).
6. Kutubaha Imana bizana kurimbuka kw'iteka ryose (Luka 13:3)

#### **3. Ingaruka zo kwihana:**

1. Bizana umunezero mu Ijuru (Luka 15:7, 10).
2. Bizana kubabarirwa ibyaha (Yesaya 55:7; Ibyakozwe 3:19).
3. Umwuka Wera amanukira uwihanye (Ibyakozwe 2:38).

**Umukoro:** Tegura ingingo nkuru z'ikibwirizo ku kwihana ukoresheje umwe mu mirongo yavuzwe haruguru.

## **ISOMO RYA 20: UKWIZERA**

Kwizera ni ijambo ry'urufatiro mu migendere no mu kwatura agakiza ku mukristo, kuko dukizwa no kwizera (Abefeso: 2:8). Igihe Yesu Kristo yaganiraga n'abantu akanabakiza, yasuzumaga ibiranga kwizera muri buri wese. Muribuka ibyabaye ku:

1. Umugore w'umusirofoyinike wari ufite ukwihangana no kwizera (Mariko 7:26).
2. Umutware w'abasirikare werekanye kwicisha bugufi mu kwizera (Matayo 8:8-10).
3. Impumyi yerekanye ukwizera kwayo k'ukuri (Matayo 10:51).

### **1. Ubusobanuro bwo kwizera:**

1. Kwizera ni ukwemera, kwiringira, gukiranuka no kudahemuka (Abaheburayo: 11:1). Kwizera gukiza ni ibyiringiro byihariye by'umuntu muri Yesu Kristo.
2. Hariho uburyo bubiri bwo kwizera ku birabana n'agakiza:
  - a. Imyemerere iyobora indi – ubumenyi bw' amateka ya Kristo no kwemera ibya Bibiliya muri byose.
  - b. Imyemerere yo mu mutima – Ukwemera guturuka mu mutima guhatira umuntu guhinduka bitewe n'uko kwizera. Kwizera Yesu Kristo k'ukuri ni ukumwemera ukageza ku kumwakira (Yohana 1:12; Abakolosayi: 2:6). Kwizera nyakuri si ukumenya si no kubyemera; kwizera nyakuri kujyana no kubyakira ukabigira ibyawe.

### **2. Zimwe mu ngaruka zo kwizera**

1. Twakijijwe no kwizera (itangiriro 15:6; Abaroma 5:1; Abagalatiya 3:26).
2. Twezwa no kwizera (Ibyakozwe 26:18).
3. Kuruhurwa, amahoro, ubwishingizi, n'umunezero biva mu kwizera (Yesaya 26:3; Abafilipi 4:6-7; Abaheburayo 4:1-3; 1 Petero 1:5).
4. Kubwo kwizera Imana dukora ibitangaza (Abaheburayo 11:32-40; Matayo 21:21; Yohana 14:12).

**Ibiganiro:** Tanga ingero zo z'imyemerere iyobora indi n'imyemerere yo mu mutima umaze kubona.

## **ISOMO RYA 21: GUHINDURWA MUSHYA CYANGWA KUBYARWA UBWA KABIRI**

Nta bundi buryo bwo kuba umukristo butari ukubyarwa guturuka mu Ijuru.

### **1. Kubyarwa ubwa kabiri ni iki?**

1. Kubyarwa ubwa kabiri si umubatizo. Umubatizo ni umuhango w'itorero ugaragaza ko umuntu runaka yamaze kuba umukristo.
2. Ntabwo ari ubugorozi. Ubugorozi ni igikorwa cya muntu cyo guhindukira ukava muri bimwe mu byaha. Naho kubyarwa ubwa kabiri ni ughhindurwa mu mwuka mu kanya gato, ugahinduka, bikorwa n'imbaraga zidasanzwe z'Imana.
3. Kubyarwa ubwa kabiri ni ughhindurwa mu mwuka bikorwa mu kanya nk'ako guhumbya, kuvuka bushya, ukuremwa bushya (2 Abakorinto 5:17; Abefeso 2:1).

### **2. Impamvu abantu bagomba kubyarwa ubwa kabiri.**

1. Buri muntu wese agomba kubyarwa ubwa kabiri – ntawe usigaye (Yohana 3:3-7; Abagalatiya 6:15).
2. Imiterere ya kamere y'icyaha y'umuntu irabimuhatira (Yohana 3:5-7; Yeremiya 13:23; Abaroma 7:18; Abaroma 8:8).
3. Ukwera kw'Imana kubihatira umuntu (Abaheburayo 12:14).

### **3. Uburyo bwo kubyarwa ubwa kabiri.**

1. Kubyarwa ubwa kabiri ni umurimo w'Imana (Yohana 1:13; Tito 3:5; Yohana 3:5). Ni umwihariko w'umurimo w'Imana.
2. Hari uruhari rw'umuntu – Yohana 1:12-13 iyi mirongo ihursta hamwe ibi bintu byombi – uruhare rw'Imana n'uruhare rw'umuntu – hamwe no kubyarwa ubwa kabiri “Abamwakiriye ... babyawe n'Imana”

**Umwanzuro:** Umuntu abyarwa ubwa kabiri iyo yemeye Ubutumwa Bwiza (1Abakorinto 4:15; Yakobo 1:18; 1 Petero 1:23), no kwemera ubwe kwakira Yesu Kristo (Yohana1:12-13; Abagalatiya 3:26).

## **ISOMO RYA 22: GUTSINDISHIRIZWA**

### **1. Ubusobanuro bwabyo**

**Ni** uguhinduka kw'imibanire hagati y'Imana n'umuntu cyangwa uburyo agaragara mu maso y'Imana. Kubyarwa ubwa kabiri bifitanye isano no guhinduka kwa kamere y'umwizera, gutsindishirizwa bijyana n'uko umuntu agaragara imbere y'Imana. Birenze imbabazi; gutsindishirizwa bisobanuye kwatura ko umuntu ari umukiranutsi.

Gutsindishirizwa ni igikorwa kijyanye n'ubutabera bw'Imana aho abizera Yesu Kristo bahabwa uburenganzira bwo kuba abakiranutsi mu maso Ye, ntibongere guhamwa no kubarwaho icyaha.

### **2. Gutsindishirizwa bigizwe n'ibantu bibiri:**

1. Kubabarirwa icyaha, no kuhanagurwaho icyaha n'igihano cyacyo cyose (Mika 7:18-19; Ibyakozwe 13:38; Abaroma 8:1, 33, 34).
2. Gahabwa ugukiranuka kwa Kristo no kongera kugarurirwa igikundiro ku Mana (2 Ingoma 20:7; Yakobo 2:23; Abaroma 5:17-21).

### **3. Uburyo bwo gutsindishirizwa:**

1. **Uko bitafatwa:** Umuntu ntabasha gutsindishirizwa ku bwo gukora imirimo itegetswi n'amategeko (Abaroma 3:20, 28; Abagalatiya 2:16; 3:10).
2. **Uko bifatwa:** Ni kubw'ubuntu bw'Imana si ikiguzi (Abaroma 3:24)
3. Ni ku bw'amaraso ya Yesu Kristo – ubuntu bwo gutsindishirizwa (Abaroma 3:24; 5:9; 2 Abakorinto 5:21; Abaheburayo 9:22)
4. Ni mu kwizera Yesu Kristo – Igisabwa kugira ngo umuntu gutsindishirizwa (Abagalatiya 2:16; 3:11; Abaroma 3:22, 26; Ibyakozwe 13:39).

**Ibiganiro: Ni gute Gutsindishirizwa gutandukanye n'imbabazi?**

## **ISOMO RYA 23: KUGIRWA UMWANA**

### **1. Ubusobanuro bwo kugirwa umwana**

Ijambo “kugirwa umwana” risobanura “guhindurwa umwana”. Ijambo ryakoreshejwe mu mategeko y’abaroma. Ibi bishatse kuvuga ko umuntu afata umwana w’undi muntu akamugira uwe bwite (Adoption). Uwo mwana mushya akagira umwanya umwe n’inyungu zimwe nk’umwana wabyawe na se ubwe. (Reba Abagalatiya 4:5; Abaroma 8:15, 23; 9:4; Abefeso 1:5).

Kuva 2:10 n’Abaheburayo 11:24 haduha ingero nziza cyane zifite ibisobanuro bw’Ibyanditswe ku bijyanye no “Kugirwa umwana”, n’uko bikoreshwa.

### **2. Imwe mu migisha ijyana no kugirwa umwana.**

Turi abo gukundwa n’Imana mu buryo bwihariye (Yonaha 17:23), kandi tukitabwaho bya kibyeyi na Yo (Luka 12:27-33).

Dufite izina ry’umuryango (1 Yohana 3:1, Abefeso 3:14-15), ishusho y’umuryango (Abaroma 8:29), urukundo rw’umuryango (Yohana 13:35, 1 Yohana 3:14), Umwuka uduhindura abana (Abaroma 8:15; Abaglatiya 4:6), n’umurimo mu muryango (Yohana 14:23-24; 15:8).

Twemera igihano cya Data (Abaheburayo 12:5-11), guhumurizwa na Data (Yesaya 66:13; 2 Abakorinto 1:4), n’umurage (1 Petero 1:3-5, Abaroma 8:17).

### **3. Igihamya cyo kugirwa umwana.**

Abagizwe abana mu muryango w’Imana:

1. Bayoborwa n’Umwuka Wera (Abaroma 8:14; Abaglatiya 5:18).
2. Biyumvamo ko ari abana b’Imana (Abaglatiya 4:5-6).
3. Bafite umudendezo bwo kwegera Imana (Abefeso 3:12).
4. Bakunda bene Se (1 Yohana 2:9-11; 5:2).
5. Barumvira (1 Yohana 5:1-3).

**Ibiganiro:** Tanga zimwe mu ngero ku tandukaniro riri hagati yo kuba Umwana w’Imana no kuba umukozi w’Imana?

## **ISOMO RYA 24: UKWEZWA**

Ukwezwa gufitanye isano n'imiterere n'imigendere yacu. Gutsindishirizwa ni byo Imana idukorera naho kwezwa byo, Imana ibikorera muri twe.

### **1. Ubusobanuro **bw'ijambo “Ukwezwa”.****

Hariho ibitekerezo bibiri muri ubu busobanuro:

1. Kwitandukanya n'ikibi (2 Ingoma 29:5, 15-18; Abatesalonike 4:3). Ukwezwa gufitanye isano n'ibyo dukora ngo twitandukanye n'icyaha cyose cyaba icyanduza umubiri cyangwa umwuwa.
2. Ni ukwiyereza Imana (Abalewi 27:14, 16; Kubara 8:17; Yohana 10:36). Igitoranyirijwe umurimo w'Imana cyose kiba cyerejwe Imana.
3. Gikoresherezwa Imana (Ezekiyeri 36:23)

### **2. Igihe cyo Kwezwa?**

Ukwezwa gushobora kugaragazwa mu gihe cyashize, ubu, n'igihe kizaza; cyangwa ukwezwa kw'ako kanya, ukwezwa gukomeza, n'ukwezwa gushyitse.

1. Ukwezwa kw'ako kanya (1 Abakorinto 6:11; Abaheburayo 10:10, 14). Mu gikorwa cyoroshye cyo kwizera Kristo, uwizera ahita yezwa muri ako kanya.
2. Ukwezwa gukomeza (2 Petero 3:18; 2 Abakorinto 3:18; 1 Abatesalinike 3:12). Duhindurwa tuva ku rugero rumwe tujya ku rundi, mu miterere n'imyifatire, cyangwa ikuzo.
3. Ukwezwa gushyitse kandi kwa burundu (1 Abatesalonike 5:23; 1 Abatesalonike 3:13).

### **3. Uburyo bwo kwezwa:**

Ubwo buryo bureba Imana n'umuntu: Imana n'umuntu barafatanya ngo babigereho.

1. Ku ruhande rw'Imana, ni igikorwa cy'Ubutatu:

- a. Imana Data wa twese (1 Abatesalonike 5:23-24, Yohana 17:17;

- b.** Yesu Kristo; Umwana (Abaheburayo 10:10; Abefeso 5:25, 27; 1 Abakorinto 1:30);
  - c.** Umwuka Wera (1 Petero 1:2; 2 Abatesalonoke 2:13).
2. Ku ruhande rw'Umwuntu:
- a. Kwizera umurimo wo gucungura wa Yesu Kristo (1 Abakorinto 1:30). Aha niho hari ibanga ry'imibereho yejejwe – Ukwakira kwa buri kanya ubutunzi bwose bubonerwa mu buntu bwa Yesu Kristo igithe cyose bibaye ngombwa ko bukenerwa.
  - b. Kwiga Ibyanditse Byera no kubyumvira (Yohana 17:17; Abefeso 5:26; Yohana 15:3).

**Ibiganiro:** Muganire ku byerekeye ibikorwa bigaragaza intabwe zo kwezwa, ni ukuvuga, igithe n'uko izo ntambwe zikurikirana.

## ISOMO RYA 25: AMASENGESHO

Imibereho ya gikristo itarimo gusenga ntiramba; Amasengeso ni umwuka w'ubuzima ku mukristo.

### 1. Umumaro w'amasengesho:

1. Kudaha agaciro amasengesho bitera Umwami Imana agahinda (Yesaya 43:21,22; 64:6,7).
2. Ibibi byinshi biza kubera kubura kw'amasengesho (Zefaniya 1:4-6; Danieli 9:13,14).
3. Ni icyaha kudaha agaciro amasengesho (1 Samweli 12:23).
4. Guhora umuntu asenga ni itegeko rikwiriye (Abakolosayi 4:2; 1 Abatesalonike 5:17)
5. Amasengesho ni inzira Imana yaduhaye mu kwakira impano zayo. (Danileli 9:3; Matayo 7:7-11, 9:24-29; Luka 11:13).
6. Intumwa zabonaga amasengesho nk'igikorwa cy'ingenzi kuruta indi mirimo yazo yose (Ibyakozwe 6:4; Abaroma 1:9).

### 2. Uburyo bwo gusenga:

Gusenga kugizwe byibura n'ibice **bine**:

1. Kuramya – Guhimbaza no gusingiza Imana (Zaburi 95:6).

2. Kwatura – Kwihana icyaha cyose umuntu yiyizaho (Zaburi 32:5).
  3. Gushima – Tuzana ishimwe ku Mana (Abafilipi 4:6).
  4. Kwinginga – Kwingingangira, Gusaba, Gusabira abandi, ibyifuzo (1 Timoteyo 2:1).
- 3. Inkomyi ku masengesho**
1. Kutizera (Yakobo: 1:6-7).
  2. Umutima ukubarira (Mariko 11:25).
  3. Gukiranirwa (Zaburi 66:18).
  4. Gusaba nabi (ibyo kwaya) (Yakobo 4:3)
- 4. Amwe mu masezerano yo gusenga.** (Mariko 11:24; Yohana 15:7, 1 Yohana 5:14,15; Abefeso 3:12, 20; Abafilipi 4:6; Matayo 7:7,8; Luka 11:9-13; Abaherayayo 4:16).

**Ibiganiro:** Ni ibihe bisubizo bya vuba aha by' amwe mu masengesho yawe umaze kwakira? Ni iki usengera ubu?

## **IGICE CYA 6: INYIGISHO SHINGIRO ZEREKEYE ITORERO ISOMO RYA 26: UBUSOBANURO BW'ITORERO N'UKO RYATANGIYE**

Muri iki gihe ikiraje Imana ishinga ni uguhuzwa kw'itorero.

### **1. Ubusobanuro bw'ijambo “Itorero”**

1. Itorero rya gikristo ni ishyirahamwe ryashyizweho n'Isezerano Rishya, Ryatangiye kuri Pantekote kandi birashoboka ko rizarangirana n'ukuzamurwa igihe Yesu azaba agarutse.
2. Ijambo “Itorero” ni ijambu rikomoka mu rurimi kigiriki “Ecclesia” risobanura ngo “guhamagarwa ngo bave hanze”. Abakristo bahamagawe hanze y'imigenzereze y'ab'Isi, kuba muri Kristo (1 Abakorinto 1:2).
3. Ijambo “Itorero” rishobora kugreranywa n'umukumbi w'abizera b'ahantu runaka (Abakolosayi 4:15).
4. Iri jambo kandi rishobora gukoreshwa mu buryo bw'itorero rusange (1 Abakorinto 15:9). Iri jambo ryerekana abizera b'Isi yose.

5. Itorero rirebeka/rigaragara rigizwe n'abo amazina yabo yanditswe ku rutonde rw'abayoboke b' itorero ry'ahantu runaka; baba barakijije cyangwa batarakizwa. Itorero ritarebeka/ritagaragara rigizwe n'abo amazina yabo yanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama (Ibayishuwe 21:27).
6. Itorero rikora ni Itorero ry'ukuri rya gikristo rikiri hano ku Isi. Itorero rinesha ni igice cy'Itorero rya Kristo ryamaze kujyanwa mu Ijuru.

## **2. Uko Itorero ryatangiye**

1. Itorero ryatangijwe na Yesu Kristo, Petero amaze kwatura mu ruhame iby'ukwemera kwe (Matayo 16:16-18). Petero yahamije ko Yesu ari Umwana w'Imana, Mesiya. Umucunguzi wacu ntiyubatse Itorero rye kuri Petero, ahubwo mu by'ukuri yaryubatse ku magambo ya Petero.
2. Dukurikije amateka, ryatangiye ku munsi wa Pantekote (Ibyakozwe 2), mu gihe Umwuka Wera yamanukiraga intumwa. (Reba Ibyakozwe 2:47; 1:13; 5:12; 2:46; 12:12)

**Ikiganiro:** Ni ubuhe buryo bunyuranye busobanura ijambo “Itorero”?

## **ISOMO RYA 27: KUBA UMUYOBOKE W'ITORERO, N'INTEGO Y'ITORERO**

### **1. Ibisabwa ngo ube umuyoboke w'Itorero**

1. Kuba warihannye (Ibyakozwe 2:38)
2. Kugira ukwizera muri Yesu Kristo, nk'Umucunguzi, Umwami n'Umwana w'Imana (Matayo 16:16-18).
3. Kuba waramaze kwakira agakiza, guhinduka, kubyarwa ubwa kabiri (Ibyakozwe 4:47).
4. Kuba warabatijwe mu Butatu Bwera (Ibyakozwe 2:38).
5. Gukomeza kuba mu nyigisho z'intumwa (Ibyakozwe 2:42).

## **2. Intego y'itorero**

1. Kuramya no guhesha ikuzo Kristo hano mu Isi (Abefeso 1:4-6).
2. Kubwiriza Ubutumwa Bwiza ku bari mu Isi (Matayo 28:19-20; Mariko 16:15).
3. Kwigisha no guhugura abakristo (Abefeso 4:11-15, 1 Abatesalonike 5:11; 1 Abakorinto 12:1-31).
4. Mu kuba umuhamya udatezuka (Ibyakozwe 1:8).

**Ibiganiro:** Ni ayahe makosa akorwa muri rusange ku bijyanye no kuba umuyoboke w'itorero?

## **ISOMO RYA 28: INGERO Z'ITORERO N'IMIHANGO Y'ITORERO**

### **1. Ingero z'itorero ziboneka muri Bibiliya.**

1. Umubiri: Yesu Kristo ni umutwe w'itorero natwe turi ingingo; turi umubiri we (Abakolosayi 1:18; Abefeso 1:22,23, Abakolosayi 2:19).
2. Urusengero: Inzu, Ubuturo bw'Umwuka Wera w'Imana (Abefeso 2:20-22). Kristo ni ibuye ry'urufatiro rikomeza imfuruka natwe turi ibice binyuranye by'iyo nzu.
3. Umugenzi wa Kristo (2 Abakorinto 11:2). Kristo ni umukwe (Yohana 3:29). Ubukwe buzaba (Ibyahishuwe 19:7).

### **2. Imihango y'itorero, iri uburyo bubiri:**

1. Umubatizo (Matayo 28:15-20; Mariko 16:16; Ibyakozwe 2:38-41; 8:36-40; 10:47-48).
2. Igaburo ryera (Ibyakozwe 2:42-46; 20:7; 1 Abakorinto 11:20-34).

**Ikiganiro:** Sobanura uburyo bwo kuba umuyoboke w'itorere ukoresheje ingero z'itorero zatanzwe haruguru.

## **IGICE CYA 7: INYIGISHO SHINGIRO KU BYANDITSWE BYERA ISOMO RYA 29: GUHUMEKWA KWA BIBILIYA**

### **1. Ibivugwa kuri Bibiliya**

1. Bibiliya ni umubumbe w'ibitabo 66: Isezerano rya Kera rifite ibitabo 39 naho Isezerano Rishya rifite ibitabo 27.

2. Yanditswe n'abanditsi bagera kuri 40 (36-40), b'ingeri zinyuranye, no mu mpande zinyuranye z'Isi mu gihe cy'imyaka 1600.
3. Isezerano rya Kera ryanditswe bwa mbere mu rurimi rw'igiheburayo hamwe n'igice cy'Icyarameya (Danieli na Ezira). Isezerano Rishya ryanditswe mu Kigiriki.
4. Bibiliya ni cyo gitabo kimaze igihe. Kiruta byose ubukuru. Hagombye igihe cy'imyaka 1600 ngo cyandikwe. Umwanditsi wacyo umwe yapfuye mu myaka 1450 mbere y'uko uwanyuma avuka.

**2. Ubusobanuro bwo guhumekwa.**

1.

2. Igitangaje cy'uburyo cyegeranyijwe: Umubumbe w'ibitabo 66 ariko bigize igitabo kimwe kuko gifite umwanditsi umwe: Umwuka Wera. Ntiyivuguruza.
3. Igitangaje cy'igihe kimaze kibayeho; ni igitabo cya kera kuruta ibindi byose.
4. Igitangaje mu kugurwa: ni igitabo kigurwa kuruta byose.
5. Igitangaje ku kamaro kacyo: ni igitabo cy'akamaro gisomwa n'abantu b'ingeri zose; abanyabwenge n'abana, mu muko yose.
6. Igitangaje mu rurimi rwacyo: cyanditswe ahanini n'abantu batize, ariko gifatwa nk'umurimo w'ubugeni w'akataraboneka.
7. Igitangaje mu kurindwa kwacyo: Igihe ndetse n' Abami n'abutegetsi byagerageje kugitwika no kugihagarika burundi. Ariko kandi Imana yarakirinze kugeza aya magingo kandi kiboneka hafi muri buri rugo.

**Ingero zirindwi zikoreshwa mu kugereranya Ijambo ry'Imana:**

1. Inkota, yemeza uyumva (Abaheburayo 4:12).
2. Inyundo, imenagura ukwinangira ku uryumva (Yeremiya 23:29).
3. Imbuto, Ijambo rizima ritera uryumva kubyarwa (1 Petero 1:23).
4. Indorerwamo, rihishurira umuntu uko ari (Yakobo 1:23-25).
5. Umuriro, utwika ibitagira umumaro ku uryumva (Yeremiya 20:9; 23:29).
6. Itabaza, riyobora umwizera umunsi ku wundi (Zaburi 119:105).



3. **Bafite imbaraga** (Zaburi 103:20; 2 Abami 19:35; 2 Samweli 24:15,16).
4. **Ntibapfa:** (Luka 20:35,36).
5. **Ntibabarika** (Ibyahishuwe 5:11; Abaheburayo 12:22; Matayo 26:53).
3. **Kugwa kw'abamarayika.** Mu kuremwa abamarayika bari beza, ariko bamwe baragwa (2 Petero 2:4; Yuda 6). Ntacyo tuzi ku mpamvu zo kugwa kwabo, ahari byatewe n'ubwibone cyangwa kutumvira, aribyo byaha byateye ukugwa kwa Satani. (Ezekiyeli 28).

**Ibiganiro:** Mwige ku mirongo ivuga ku byerekeye ukugwa kwa Satani kandi muganire ku mpamvu z'uko kugwa.

### **ISOMO RYA 33: UMURIMO W'ABAMARAYIKA**

#### **1. Imirimo y'abamarayika bacumuye ubu bigenga**

1. Barwanya imigambi y'Imana (Daniyeli 10:10-14).
2. Bababaza abantu b'Imana (Luka 13:16; Matayo 17:15-18).
3. **Bashyira mu bikorwa imigambi ya Satani** (Matayo 25:41; 12:26,27).
4. Babangamira imibereho yo mu buryo bw'umwuka y'abantu b'Imana (Abefeso 6:12).
5. Bagerageza kuyobya abantu b'Imana (1 samweli 28:7-20).

Nta byiringiro bafite byo gucungurwa (Yuda 6; 2 Petero 2:4; Matayo 25:41). Amaherezo bazarimbuka bajugunywe mu muriro w'iteka.

#### **2. Umurimo w'abamarayika beza.**

1. Mu Ijuru, bubaha Imana, barayiramya, bakanayikorera (Ibyahishuwe 5:11,12; 8:3,4).
2. Ku Isi, bashyitsa ubutumwa bahawe n'Umwami Imana- beretse Hagari iriba; babonekeye Yosuwa bafashe inkota ibanguye; babohoye iminyururu yari iboshye Petero, bakinguye imiryango ya gereza; batanga ibyokurya, basubizamo intege banarengera abantu b'Imana.

3. Bashyira mu bikorwa imanza z'Imana kandi bagashyitsa imigambi yayo (Kubara 22:22; Ibyakozwe 12:23; Matayo 13:41).
4. Bayobora abizera (Ibyakozwe 8:26).
5. Barafasha, bakarinda kandi bagasubizamo intego abera; Eliya (1 Abami 19); Daniyeli mu rwobo rw'Intare (Daniyeli 6:22); Yesu i Getsemani (Luka 22:43, Matayo 4:11).
6. Bazaherekeza Umwami wacu agarutse (Matayo 25:31; 2 Abatesalonike 1:7).
7. Bajyana abana b'Umwami Imana mu Ijuru iyo bapfuye (Luka 16:22).

**Ibiganiro:** Waba umaze guhabwa ubufasha n'abamarayika mu mibereho yawe?

## **IGICE CYA 9: INYIGISHO SHINGIRO ZEREKEYE KURI SATANI.**

### **ISOMO RYA 34: UMWANZI MUKURU W'IMANA N'UMUNTU**

#### **1. Inkomoko ya Satani**

1. Satani avugwa muri Ezekiyeli 28:12-19. Ahari yari mukuru mu bandi bamarayika! Nuko icyaha no gukiranirwa byinjira muri we bitewe n'ubwibone bwe niko kujugunywa hanze y'Ijuru.
2. Kandi avugwa muri Yesaya 14:12-17- yiswe Lucifer, inyenyeri yo mu ruturuturu. Ubwibone bwe bwamuteye gushaka kuba nk'Imana Isumbabyose, Ingarka yabyo ni uko yajugunye hanze y'Ijuru.
3. Satani afite imiterere yuzuye nka muntu, afite ubuzima, afite ubwenge, ugushaka, ubushobozi n'amarangamutima.

#### **2. Imiterere n'imico bya Satani**

1. Ni umujura ahora ashaka gusahura Ijambo ry'Imana mu mutima w'umuntu (Matayo 13:19).
2. Ni indyarya (2 Abakorinto 11:3).
3. Ni umwicanyi (Yohana 8:44).
4. Ni umunyabinyoma (Yohana 8:44).

5. Ni umus hukanyi (arayobya) (Ibyahishuwe 12:9).

**Ibiganiro:** Wibwira ko Satani agenda arushaho gukora cyane mu gihe cya none? Ese abiterwa n'iki, tanga igitekerezo cyawe?

## ISOMO RYA 35: UMWANZI WATSINZWE

### 1. Amazina ya Satani

1. Marayika w'umucyo (2 Abakorinto 11:14).
2. Intare yivuga (1 Petero 5:8).
3. Umwanzi utegeka ikirere (Abefeso 2:2).
4. Umutware w'umwijima (Abakolosayi 1:13).
5. Ikiyoka kinini, inzoka, Umubi, Satani (Ibyahishuwe 12:9).
6. Umwami w'iyi si (Yohana 14:30).
7. Imana y'ab'iki gihe (2 Abakorinto 4:4).
8. Umwami w'umworera utagira iherez (Malayika w'ikuzimu) witwa mu ruheburayo Abadoni (Ibyahishuwe 9:11).

### 2. Iherez rya Satani

1. Uko byagenda kose ku mukristo Satani ni umwanzi watsinzwe – (Yohana 12: 31; 16:11; 1 Yohana 3:8; Abakolosayi 2:15).
2. Yavumwe iteka ryose (Itangiriro 3:14; Yesaya 65:25).
3. Azatabwa ari muzima mu nyanja yaka umuriro, aho azababarizwa iteka n'iteka (Matayo 25:41; Ibyahishuwe 20:10).

**Umwanzuro:** Satani ni umunyabushobozi, ariko Imana niyo Ishobora byose. Satani yatsindiwe ku musaraba iteka ryose. Twamamaze tudahwema intsinzi nyakuri twaboneye mu maraso y'i Kaluvari, ko twanesheje Satani (Ibyahishuwe 12:11).

## IGICE CYA 10: INYIGISHO SHINGIRO ZEREKEYE IBINTU BIHERUKA

## ISOMO RYA 36: KUGARUKA KWA YESU

Kugaruka kwa Yesu kuvugwa inshuro 318 mu bice 260 byo mu Isezerano Rishya. Ni ijambo ry'ingenzi ry'umurongo umwe kuri 25. Muri Bibiliya umurongo umwe muri mirongo itatu (1/30), uvuga kuri iyi nyigisho;

kuri buri murongo umwe uvuga ku kuza kwa Kristo hari imirongo 8 ivuga ku kugaruka kwe.

**1. Kristo azagaruka ate?**

1. Mu ibanga, mu gihe cyo kuzamurwa (1 Abatesalonike 5:2; Matayo 24:44, 50).
2. Ku mugaragaro mu gihe azahishurwa (Ibyahishuwe 1:7).

**2. Kristo azahagarara he?**

1. Mu gihe cyo kuzamurwa, tuzahurira nawe mu kirere (1 Abatesalonike 4:17).
2. Igihe cyo guhishurwa(kwerekana) tuzamanukana nawe ku Isi (Zekariya 14:4).

**3. Ibimenyetso byerekana kuza kwa Kristo.**

Muri 2 Timoteyo 3:1-9, tuhasanga urutonde rw'ibimenyetso 23 byo kugaruka kwe. Byinshi muri byo ubu byamaze kugaragara. Matayo 24:5-7 na Matayo 24:12-38 herekana urutonde rw'ibimenyetso 10. Tugomba gukora gahunda nk'aho Umwami Yesu azaza mu myaka 100, ariko kandi tukabaho imibereho myiza yejejwe nk'aho yaza uyu munsi wa none (1 Abatesalonike 3:12,13). Isengesho riheruka muri Bibiliya ni “Ngwino Mwami Yesu” (Ibyahishuwe 22:20).

**Ikiganiro:** Ku rutonde rw’ “ibimenyetso byo kugaruka Kwe” dusanga mu Byanditswe Byera, ni ibiki ubona biriho muri iki gihe?

**ISOMO RYA 37: UMUZUKO W’ABAPFUYE**

**1. Iyi nyigisho yigishwa byeruye mu Byanditswe Byera.**

1. Mu Isezerano rya Kera (Yobu 19:25-27; Zaburi 16:9; 17:15; Daniyeli 12:1-3). Umuzuko w’ukuri tuwusanga mu (1 Abami 17, 2 Abami 4:32-35 na 13:21)
2. Mu Isezerano Rishya, mu nyigisho za Yesu (Yohana 5:28,29; 6:39, 40, 44, 54; Luka 14:13,14; 20:35-36) no mu nyigisho z’intumwa (Ibyakozwe 24:15; 1 Abakorinto 15; 1 Abatesalonike 4:14-16; Abafilipi 3:11, Ibyahishuwe 20:4-6, 13).

## **2. Imiterere y'umubiri mu izuka**

### **1. Ku mwizera – reba (1 Abakorinto 15).**

- a.** Nta mubiri n'amaraso (Imirongo ya 50-51; Abaheburayo 2:14; 2 Abakorinto 5:1-6; Luka 24:39) – “umubiri n'amagufwa” – Ntabwo ari umwuka musa, ahubwo ni umubiri nyawo.
- b.** Utangirika (umurongo wa 42). Umubiri utabora, utarwara, utababara.
- c.** Umubiri w'ubwiza (umurongo wa 43), nanone guhinduka kw'ishusho muri Matayo 17; (Ibyahishuwe 1:13-18).
- d.** W'imbaraga (umurongo wa 43), utananiirwa, udacika intege.
- e.** Umubiri w'umwuka (umurongo wa 44). Umwuka uzaba ubuzima bw'umubiri.
- f.** W'ijuru (umurongo wa 47-49).

2. Umubiri w'utizera – Ibyanditswe ntacyo bibivugaho.

### **3. Igihe cy'Umuzuko**

- 1. Uw'abakiranutsi (1 Abakorinto 15:23; 1 Abatesalonike 4:14-17). Umuzuko w'abizera ufatanye no kugaruka kwa Yesu Kristo.
- 2. Umuzuko w'inkozi z'ibibi (Yohana 5:28,29; Daniyeri 12:2; Ibyahishuwe 20:5, 12). Umuzuko w'inkozi z'ibibi ufatanye buri gihe no gucirwaho iteka, uzabera rimwe n'umunsi w'Umwami. Ibyahishuwe 20:4-6 herekana ko hari igihe cy'imyaka 1000 hagati y'umuzuko w'abera n'uw'abanyabyaha.

**Umwanzuro:** Imibiru yacu izazurwa izaba ifite irihe tandukaniro n'iyi dufite?

## **ISOMO RYA 38: URUBANZA**

Umunsi w'urubanza warateguriwe Isi, ubwo abakiranirwa bazacirirwaho iteka nahoh abakiranutsi bagahabwa ingororano (Ibyakozwe 17:31; Abaheburayo 9:27): umucamanza ni Kristo – Umuntu wo ku musaraba ni we muntu wo ku ntebe y'Ubwami (Yohana 5:22, 23, 27; 2 Timoteyo 4:1; 2 Abakorinto 5:10; Ibyakozwe 10:42; 17:31).

Nk'uko hariho imizuko atandukanye niko n'imanza zitandukanye. Habayeho gucirwa urubanza mu gihe cy'umwuzure mu minsi ya Nowa, no mu kunyuranya indimi mu gihe cy'umunara wa Babeli.

Bibiliya itubwira byibura imanza z'uburyo burindwi butandukanye.

- 1. Urubanza rwo ku musaraba.** Ubushobozi bwa Satani ku mwizerwa bwarashegeshwe, kandi ibyaha by'umwizera byaciriwe urubanza bikurwaho (1 Yohana 5:24; 1 Petero 2:24).
- 2. Urubanza rw'umwizera we ubwe** – (1 Abakorinto 11:31-32). Ibi niko bihora kandi buri gihe.
- 3. Urubanza rw'abizera:** ku ntebe y'imanza ya Kristo (2 Abakorinto 5:10). Mu gihe cyo kugaruka kwa Yesu, umukiranutsi azacirwa urubanza hakurikijwe ibyo yakoze. Azabona ingororano z'ibikorwa bye bizasigara imirimo ye imaze gucishwa mu muriro (1 Abakorinto 3:13).
- 4. Urubanza ku Bayuda.** Igihe cy'akaga gakomeye (Ezekiyeli 20:34-38; Yeremiya 33:7; Luka 23:18; Ibyakozwe 7:51).
- 5. Urubanza ku mahanga.** (Matayo 25:32); Igihe cyo kugaruka kwa Yesu mu kibaya cya Yehoshafati (Yoweli 3:2; Matayo 25:41, 34)
- 6. Urubanza ku bamarayika baguye.** (1 Abakorinto 6:3; Yuda 6; 2 Petero 2:4)
- 7. Urubanza rw'abapfuye batizeye (Abanyabyaha).** Batigeze babyarwa ubwa kabiri abatarazutse ku muzuko wa mbere, kandi ntibazamuwe mu kirere (Ibyahishuwe 20:12). Urwo rubanza ruzabera imbere y'intebe y'ubwami nini yera (Ibyahishuwe 20:11-12), nyuma y'imyaka 1000 (Ibyahishuwe 20:5) – abatubaha Imana bazajugunywa mu nyanja yaka umuriro (Ibyahishuwe 20:15).

**Ibiganiro:** Ni uzihe manza zikureba?

### **ISOMO RYA 39: IHHEREZO RY'ABANYABYAH.**

Mu Isezerano Rishya harimo ibice 162 honyine ivuga ku kurimbuka gutegereje abanyabyaha batihana, 70 muri izo nshuro ni Yesu ubwe wabitangaje.

Abanyabyaha banga Kristo bazoherezwa mu irimbukiro (Zaburi 9:17).

- 1. Ubusobanuro – Mu Irimbukiro ni iki?**
  1. Gucibwa mu maso y’Imana (2 Abatesalonike 1:9).
  2. Ahantu ho kubabarizwa no guhanwa (Luka 16:23).
- 2. Imiterere yo mu Irimbukiro.**
  1. Mu ntangiriro hari harateguriwe Satani n’abamarayika be (Matayo 25:41). Ariko abantu banga Ijuru batemeye Kristo, bagomba kujyanayo na Satani.
  2. Ni ahantu ho guhanirwa (Matayo 25:46).
  3. Ni ahantu h’Imbabaro (Lika 16:23).
  4. Ni ahantu haka umuriro (Matayo 13:42,50; Ibyahishuwe 20:15; 14:10; Matayo 3:12; Yesaya 33:14).
  5. Ni ahantu urunyo rwabo rudapfa (Mariko 9:44, 46, 48).
  6. Muri Luka igice cya 16 tubonamo ku umuntu afite ubushobozzi bwo kumenya bagenzi be (umurongo wa 23), kandi ashobora kwinginga, ariko ntashobora gusubizwa (Umurongo wa 27); yifuje amazi, yifuje ko hakoherezwa intumwa kuri benewabo kubaburira kugira ngo batazamusanga yo (umurongo wa 24-27).
  7. Irimbukiro ni iry’iteka ryose, rizabaho iteka ryose.

**Umwanzuro:** Ibihamya byerekeye igihano cy’iteka ryose byagombye kuduhatira kugira umwete no **gushishikarira** gukoresha ibishoboka byose kugira ngo tuzane abazimiye kuri Kristo.

#### **ISOMO RYA 40: INGORORANO ZIHERUKA Z’ABAKIRANUTSI.**

Gupfa k’umukristo mu by’ukuri ni ugusinzira muri Yesu Kristo (1 Abatesalonike 4:14). Hanyuma y’ibyo uwo Umuntu ahita akangukira mu maso y’Umwami (Abafilipi 1:23).

- 1. Ikuzo rizaza ry’abizera.**
  1. Bazabana na Kristo (Yohana 14:3).
  2. Bazarebana amaso ku maso (Zaburi 17:15; 2 Abakorinto 4:6; Ibyahishuwe 22:4).
  3. Bazabona ubwiza bwa Kristo (Yohana 17:24).
  4. Bazahabwa ikuzo hamwe na Kristo (Abakorinto 8:17-18).
  5. Bazimana ingoma na Kristo (2 Timoteyo 2:12).
  6. Bazaragwa ibintu byose (Ibyahishuwe 21:7).

7. Bazaka nk'inyenyeri (Daniyeli 12:3).

## 2. Amakamba abizera bashobora gukorera

1. Ikamba ritangirika (1 Abakorinto 9:24,25), ikamba ry'abarushanwa (Abaheburayo 12:1).
2. Ikamba ry'ibishimo (1 Abatesalonike 2:19), ikamba ry'abazana abandi ku gakiza.
3. Ikamba ryo gukiranuka (2 Timoteyo 4:8) ku bagize ibyiringiro byo kugaruka kwe. Buri wese yagombye kubona iri kamba.
4. Ikamba ry'ubugingo (Yakobo 1:12), ababaye abiringirwa ndetse no kugeza ku gupfa. (Ibyahishuwe 2:10).
5. Ikamba ry'ikuzo (1 Petero 5:4) ku bakuru b'itorero, ku bashumba, ku bamisiyoneri, no ku bigisha.

## 3. Ijuru – ni iki?

1. Ni ubuturo bw'Umwami Imana (Matayo 6:9; 2 Abakorinto 12:2). Ijuru rya mbere ni ikitere inyoni zigurukamo, irya kabiri niho inyenyeri ziba, irya gatatu niryo buturo bw'Imana.
2. Ni inyubako itarubatswe n'amaboko y'abantu, ahubwo yubatswe n'Imana (2 Abakorinto 5:1).
3. Ubwami bw'Imana na Kristo (Abefeso 5:5).
4. Urugo rwa Data (Yohana 14:2).
5. Ni ahatagera urupfu, amarira, agahinda, kuboroga, no kuribwa (Ibyahishuwe 21:4; 22:5). Ahantu hataba ijoro n'umwijima (Ibyahishuwe 22:3-5). Hataba inzara, inyota cyangwa icyokere (Ibyahishuwe 7:16).
6. Ahantu byose bizaba byahinduwe bishya: uruzi rw'ubugingo, igiti cy'ubugingo, ubutambyi bushya, Imibanire mishya, umuco mushya (Ibyahishuwe 21:5; 22:1-5).

**Umwanzuro:** Ijuru ni ahantu hateguriwe abantu biteguye. Intego yacu igomba kuba iyo kuzagerayo duherekejwe n'imbaga y'abakijijwe kubw'umuuhate twagize ku Mwami.

## KUBWIRIZA

Inkoranyamagambo (Digisiyoneri) isabanura ijambo “homiletics” nk’umwuga wo kubwiriza. Iri somo rifite intego yo gufasha buri munyeshuri kongererwa ubumenyi muri uwo mwuga wo kubwiriza. Ariko tugomba kumenya ko kubwiriza biruta guhagarara imbere y’abantu no kuvuga neza gusa. Mu by’ukuri ni – cyangwa byagombye kuba – ugutanga ubutumwa wahawe ubwawe n’Imana ku bw’imitima y’abantu. Pawulo yabyanditse kuri uko kuri ku buryo budasanzwe (bugambiriye kwemeza): “Ijambo ry’umusaraba ku barimbuka ni Ubupfu; ariko kuri twebwe abakizwa ni imbaraga z’Imana” 1 Abakorinto 1:18. Izi nyigisho zisaba gukorana umwete wo kurushaho kunononsora umwuga wo kubwiriza kugira ngo ubushobozi bw’Imana buhabwe gukora ku bw’agakiza no gufashwa kwa benshi.

Muri iki cyigisho, muri make, ntabwo tuzashobora kwiga ubuhanga bwose bwo kubwiriza – urugero nk’uburyo bwo gukoresha ijwi, ibimenyetso, n’ibindi ngo bisuzumwe n’umwigisha mu gihe cy’amasomo ubwo ikibwirizo kizaba gitangwa. Inigisho zizatwigisha ku bikubirwa mu bibwirizo no gutanga ingeri z’ibibwirizo bya ngombwa.

Byakagombye kwibukwa ko izindi nyigisho z’Ishuli Ryimuka (Ecole Portative/Portable School) zagabwe mu masomo yigishwa buri munsi, ariko ku bijyanye n’amasomo y’ibibwirizo twagerageje kuyoroshy mu kuyagabanya mu ngingo zigishwa mu gihe cy’icyumweru. Ibi bizatuma habaho uburyo bworoshy kandi bugafasha abanyeshuri gutegura ibibwirizo no kubibwiriza hashyirwa mu bikorwa ibyigishijwe.

.....  
.....

## **ICYUMWERU CYA MBERE (1)**

### **UMUNSI WA 1: KUBWIRIZA NI IKI?**

Kubwiriza ni ukuvugana ijwi Inkuru Nziza y' agakiza umuntu ayibwira abandi. Ibi bisaba ibantu bibiri; umuntu n'ubutumwa – uko umuntu yitwara n'ukuri.

Umubwiriza atandukanywa n'abandi ku bw' Imana ku bw' umurimo wihariye wo kubwiriza Ubutumwa Bwiza. Akorana Imana mu mwanya w'abantu; akorana n'abantu mu mwanya w'Imana. Agomba kuba ari umuntu w'imico myiza wuzuye Umwuка Wera ufite kwizera. Ingaruka z'iyi mibereho n'ikibwirizo nk'iki bizatuma bongerwa ku Itorero rya Kris to (Ibayakozwe 11:24).

Ikibwirizo ni igice cy'imibereho y'umubwiriza, kigomba kugaragaza imibereho ye n'ubunrararibonye bwe. Agomba kuba umunyakuri we ubwe mbere y'uko akwamamaza n'imbaraga zikora ku mutima mu kibwirizo cye.

**Ibiganiro:** Ni ibihe bintu byangombwa bikenewe mu gutegura imibereho y'umubwiriza mwiza? Vuga imwe mu mico yaba inzitizi ku murimo we.

### **UMUNSI WA 2: IGICE GISOMWA CY'IKIBWIRIZO**

#### **1. Hariho inyungu nyinshi zo guhitamo igice gikwiriye**

1. Bikangurira ubushake bw'abantu kumva: “Agiye kuvuga iki kuri biriya?”
2. Bikurura abumva bakabishishikarira. “Iri ni Ijambo ry'Imana”.
3. Biha umubwiriza ububasha no kudashidikanya. “Uku niko Umwami avuga!”, bikerekana ubutware bw'Ijuru.
4. Bituma umubwiriza atajarajaza ibitekerezo bye
5. Bifasha umubwiriza kuguma mu kuri kwa Bibiliya.

#### **2. Amahame rusange afasha mu guhitamo igice.**

1. Umubwiriza agomba kumenya ibyifuzo by'abantu byo mu buryo bw'umwuка.

2. Yakagombye gutekereza ku kuri kugenda kugarakwaho mu byo yabwirijeho, – Ese hari ukuri kw'inyigisho shingiro yaba yibagiwe gutanga? Byaba byiza mu ntangiriro z'umwaka gutegura urutonde rw'ingingo nkuru zo kubwirizaho mu mwaka wose.
  3. Agomba kugenzura niba afite ubushobozi bwo kwigisha ku ngingo runaka yashize kuri urwo rutonde. Ibibwirizo bimwe bishobora gukomerera abwirizwa badafite ubunraribonye, ku buryo byabagora.
- 3. Aya mahame ni ingirakamaro mu guhitamo igice.**
1. Ni ibya ngombwa guhora usoma Ijambo ry'Imana buri munsi.
  2. Kugira ikayi wandikamo ni ingirakamaro.
  3. Gusoma ibitabo byiza bibyutsa izindi ibitekerezo bishya.
  4. Icy'ingenzi kuruta byose ni ngombwa kuyoborwa n'Umwuka Wera. Umuntu ukomeza kuba munsi y'ubuyobozi n'ubushobozi bw'Umwuka Wera ntashobora na rimwe kubura ibitekerezo birebana n'ibyo azabwirizaho.

**Umukoro:** Kora urutonde rw'ibice 10 byo uzabwiriza mu mezi ataha.

### **UMUNSI WA 3: UMUTWE W'IKIBWIRIZO (INSANGANYAMATSIKO)**

Guhitamo neza amagambo ukoresha mu mutwe w'ikibwirizo ni iby'ingenzi cyane. Ifashise ibitekerezo bikurikira:

1. Umubwiriza yagomba kumenya neza Umutwe w'ikibwirizo cye.
2. Umutwe w'ikibwirizo ugomba kuba uwo abantu **bashobora** kumva, si byiza guhitamo ijambo rirenze ubumenyi bwabo.
3. Umutwe w'ikibwirizo ntugomba kutagira agaciro – ugomba kugira imbaraga kandi ufite ireme.
4. Umubwiriza agomba kuba afite intego isobanutse mu gutegura umutwe w'ikibwirizo cye. Ni byiza kubwiriza ugambiriye ko abantu bafate icyemezo cyo kwihana.

5. Umutwe w'ikibwirizo ugomba kuba ukwiranye n'igihe, n'ahantu n'igihe abantu barimo. Mu gihe cya Pasika tugomba kubwiriza ibyerekeye kuzuka kwa Yesu Kristo, n'ibindi nk'ibyo.

**Ibiganiro:** Ni izihe ngero z'Imitwe y'ibibwirizo zitagomba gukorwaho mu kibwirizo cyo ku cyumweru. Vuga zimwe mu ngero z'iyo mitwe y'ibibwirizo.

#### **UMUNSI WA 4: KWEGERANYA IBIKORESHO BY'IKIBWIRIZO.**

Gusoma ibitabo byiza byongera ibitekerezo by'umubwiriza. Nanone akeneye kumenya ibintu byabaye buri munsi, akabitekerezaho, akabisabira akabihuza n'Ibyanditswe Byera. Kristo ubwe yari umugenzi, n'ibibwirizo bye byari byuzuye ingero zituruka ku bintu byose yabonye n'ibyo yumvise.

Buri gihe umubwiriza agomba kuba afite ikayi akorana kugira ngo yandikemo ibyo abonye cyangwa ibyo yumvise n'ibimutangaje hanyuma akabitekerezaho.

Umubwiriza agomba kuba ukusanya ibishobora kumufasha buri gihe mu kibwirizo cye.

**Ibiganiro:** Mu kwezi kwashize ni ibiki byabaye aho wari uri byagombaga kuguha ibitekerezo byakugirira umumaro mu gutegura mu kibwirizo. Wandike ibyo bitekerezo mu gakayi kawe n'inyigisho zavanwamo.

#### **UMUNSI WA 5: GUSHIRA KURI GAHUNDA IBIKORESHO BY'IBIBWIRIZO**

Gushyira kuri gahunda neza ibyangombwa birebana n'ikibwirizo ni iby'ingenzi cyane. Umubwiriza agomba gushyira kuri gahunda ibyo akoresha kugirango byose bigende bigusha ku intego nkuri y'ikibwirizo.

**Ibyiza byo gushyira kuri gahunda ibigufasha mu kibwirizo:**

- Ku mubwiriza:** Ibishyizwe kuri gahunda neza no mu buryo bwiza byoroha gufata mu mutwe.
- Ku kibwirizo:** Imbaraga z'ikibwirizo zituruka ahanini ku gushyira neza kuri gahunda no mu mucyo ibikenewe.

**3. Ku bumva:** ibifasha byose abakumva kwibuka ibyo wababwiye kandi bagafata inyigisho za Bibiliya birakwiye mu gutegura ikibwirizo. Gutegura neza ku ruhande rw'umubwiriza ni ingenzi cyane kugira ngo abamwumva bakomeze kumukurikira.

**Ibiganiro:** Ni izihe ngero z'ikibwirizo giteguwe nabi, tanga impamvu?

## **ICYUMWERU CYA KABIRI**

### **UMUNSI WA 1: GAHUNDA Y'IKIBWIRIZO CYIZA**

Imiterere ikwiye y'ikibwirizo giteguwe neza.

- 1.** Umutwe w'ikibwirizo umwe – Umubwiriza agomba kugira umutwe umwe kuri buri kibwirizo no guhuriza hamwe impamvu atanga, ibihamya, ubuhamya, n'ingero z'iryo jambo ngo ahe ireme uwo mutwe rukumbi.
- 2.** Kugira amagambo akurikiranye neza y'ibice bitandukanye yagababyemo ikibwirizo. Impamvu utanga zishyigikira ikibwirizo zagombye gukora ku **bwenge**, hanyuma zigakora ku marangamutima, amaherezo ku bushake.
- 3.** Buri kibwirizo kigira ingingo nkuru, nk'uko umubiri w'umuntu ukeneye uruti rw'umugongo n'andi magufa. Muri rusange, ingingo nkuru z'ikibwirizo zagombye koroha mu kuzikura. Ingingo nkuru zikozwe mu buryo burasa ku ntego zoroha kuzibuka. Kubera iyi mpamvu, abamwiriza bamwe bategura ingingo nkuru ku buryo buri ntangiriro ya buri ngingo itangizwa amagambo ahuye cyangwa n'amajwi amwe. Abandi bagakoresha ubundi buryo. Ikibwirizo kimwe gishobora kugira izi ngingo:

**Umutwe w'ikibwirizo: Guhindurwa ishusho**, Matayo 17:1-8, cyagombye kugira imitwe y'igice ikurikira:

- 1.** Ahantu;
- 2.** Kwitanga;
- 3.** Kwicisha bugufi;
- 4.** kwamamaza.

**Umukoro:** Tegura ingingo nkuru z'ikibwirizo ukoresheje amagambo ahuje ngingo y'ingenzi.

## **UMUNSI WA 2: INTANGIRIRO Y'IKIBWIRIZO (Introduction).**

Buri kibwirizo cyiza cyangwa ubutumwa byigabanyamo ibice bitatu; intangiriro, igihimba cyangwa impamvu ushingiraho ikibwirizo n'umusozo. Intangiriro ni nk'ibirungo byose byoroshyia umufa (isosi) – birungo nibyo biha uburyohe inyama y'ikibwirizo. N'ubwo bimeze bityo hari ubwo byirengangizwa – ku bw'umwanya muto – cyangwa ikiganiro kidasanzwe – ariko muri gahunda rusange ni byiza gutanga intangiriro y'ikigiye kubwirizwa.

### **1. Intego y'intangiriro.**

1. Kubyutsa amatsiko mu mutwe w'ikibwirizo. Ni umurimo w'uvuga gutanga umusogongero utera amatsiko abamwumva kugira ngo be kumufasha ahubwo bakurikire.
2. Utегurira abukumva ibiri bukurikireho.

### **2. Ahavanwa amagambo y'intangiriro.**

1. Kumenya neza igice cy'ijambo risomwa cyangwa Umutwe w'ikibwirizo. Mu gutanga intangiriro ya Zaburi ya 23:3-6 umubwiriza ashobora gutanga intangiriro atya: Ni inshuro zingahe iki gice kigarura ibyiringiro ku banyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu no gufasha imitima y'abagize ibyago.
2. Amateka yateye iki gice kubaho.
3. Ubumenyibwisi (Geography) bwa Bibiliya.
4. Imigenzo n'amateka ya kera ya Bibiliya.
5. Ibihe byihariye ku mwanditsi n'abo yandikiraga.
6. Igihe gikwiriye: Pasika cyangwa Noheri.

**Umukoro:** Tegura intangiriro y'ikibwirizo cya Pasika.

## **UMUNSI WA 2: IMITERERE MYIZA Y'INTANGIRIRO.**

1. Intangiriro nziza ntigomba gukangana – mu bwenge no ku by'amarangamutima, haba hakiri kare kumvisha imitima. Ni byiza cyane

gutangirana gahoro kandi n'ijwi ryoroheje, ukagenda uzamura amatsiko yabo gake gake ku byo ubwiriza, noneho ukabageza ku ntego nyamukuru.

2. Ntibikwiye kuba ndende cyane. Intangiriro ndende cyane irambira abantu.
3. Igomba guteguranwa ubushishozi. Ni byiza kuyandika yose. Amagambo avuzwe mbere niyo baha agaciro (bagumana), niyo mpamvu umuntu agomba gutegurana ubushishozi intangiriro.

**Umukoro:** Wandike intangiriro nziza ku kibwirizo ku gice cyo mu Abaroma 1:16, 17. Bisangize abandi bari mu ishuri.

### **UMUNSI WA 3: IGIHIMBA CY'IKIBWIRIZO.**

Ikibwirizo gishobora kugira imigabane myinshi ingana n'ingingo nkuru zacyo, kandi iyi migabane igenwa n'ubyo umutwe w'ikibwirizo ukeneweho. Gishobora ahari imigabane itatu cyangwa se irindwi. Iyo migabane ishobora kuba iteguwe bisanzwe kandi itunganyijwe kuri gahunda mu gukurikirana kwabyo mu buryo bw'uko umugabane umwe uhoreza undi. Rimwe na rimwe iravuga ariko si buri gihe.

Imigabane yagombye gusubiza ibi bibazo:

1. **Ni iki?** —umugabane wa mbere wagombye gusubiza no kwerekana impamvu n'ubusobanuro bw'ikivugwaho. Nyuma y'uju mugabane ntihagombye kongera kubaho urujijo ku birebana n'ikiri kubwirizwaho. Uyu mugabane ubereyeho gusubiza amatsiko y'ubwenge, si ay'amarangamutima cyangwa se gukora ku mutima.
2. **Kubera iki?** —Uyu mugabane wagombye gushyira imbere umumaro, impamvu n'ibihamya by'ikibwirizo. Ubaza ikibazo: Ni kuki ari ukuri? Kuki ngomba kwibiyizera no kubyemera? Ibyo byakwemezwa bite? Ese koko ni byo?
3. **Ute?** —Uyu mugabane ugaragaza uburyo n'inzira byakoreshwa kugira ngo umutwe w'ikibwirizo ugaragazwe, cyangwa se ibintu bisabwa kugira ngo umutwe w'ikibwirizo wakirwe cyangwa ube wuzuye. Muri rusange hari ibitekerezo bitatu bikubiye mu itegurwa ry'uju mugabane: Uruhare rw'Imana, uruhare rw'umuntu, n'ikibazo cy'uburyo.

- 4. Ingaruka ni iyiye?** —Ibi biganisha ku ishyirwa mu bikorwa, kandi ahari niwo mugabane w'ingenzi cyane. Ibivugwabihinduka ibireba umuntu ku git'i cye. Tugomba kwemeza abantu guhitamo gusanga Kristo, kubaho imibereho yejejwe mu maso Ye.

**Umukoro:** Tegura ingingo nkuru zigize igihimba cy'ikibwirizo mu Baroma 1:16,17.

#### **UMUNSI WA 4: UMWANZURO W'IKIBWIRIZO.**

Iminota itanu ya nyuma ni iy'ingenzi cyane mu kibwirizo. Mbega ikosa kutita ku gutegurana ubushishozi umwanzuro! Rimwe na rimwe umwanzuro mwiza aba ari incamake y'imigabane n'ibitekerezo bikuru – Incamake irambuye igizwe n'ingingo zakora ku mitima, zatoranyijwe neza, interuro zinyeganyeza umutima, cyangwa urugero rwatoranyirijwe intego runaka. Rimwe na rimwe hashobora gukoreshwa umuvugo cyangwa interuro y'indirimbo izwi neza. Cyangwa dushobora kurangiza ikibwirizo dukoresheje umurongo ukora ku mutima. Umwanzuro ntugomba kuba muremure cyane kuruta intangiriro. Ni ukuvuga ko ugomba kumara igihe cy'iminota 3 kugera kuri 5.

**Umukoro:** Tegura umwanzuro w'ikibwirizo cyawe kiri mu Baroma 1:16-17.

#### **UMUNSI WA 5: INGERO N'UKO ZIKORESHWA.**

Ibiganiro bya Yesu Kristo byuzuyemo imigani, ingero n'ibigereranyo. Akoresheje urugero rwe yashyiraga imbere agaciro k'ingero mu kubwiriza kuruta undi uwo ari we wese. Gukoresha ingero bitanga ubufasha cyane ku bumva bikanabashoboza kugira ukuri batahana ku kibwirizo.

##### **1. Intego y'ingero.**

1. Zitanga umucyo ku kivugwaho. Zimeze nk'amadirishya ku nzu yinjiza umucyo.
2. Zifasha gusobanura.
3. Zitanga ibihamya.
4. Zishygikira kandi zikuzuza ikibwirizo.
5. Zishobora gukora ku mutima (kwemeza umuntu).

## **2. Aho ingero ziva.**

1. **Umuntu yagombye kuzishakira** aho ari ho hose. Kristo yakoresheje uburabyo bwo mu ishyamba, ibikona, umunyu, itabaza, inzoka, irembo rifunganye n'irembo rigari, izuru ry'urushinge, umusemburo mu irobe ry'umutsima, akabuto ka sinapi, urushundura rw'umurobyi, abarimo uwishuzwa, uwishuza, bityo bityo.
2. **Ahandi hava ingero:** ibinyamakuru, amateka, inyamaswa, ibimera, abana, n'ibindi byinshi.

**Ikiganiro:** Shaka zimwe mu ingero nziza zitanga umucyo ku kuri kuboneka muri Yohana 3:1-21 – ko tungomba kubyarwa ubwa kabiri.

**Icyitonderwa:** **Ku bisigaye** kuri iri somo, umunyeshuri azategura ingingo nkuru za buri bwoko bw'ikibwirizo, nyuma abwitiwibagirwe kuzuza ingingo nkuru z'ikibwirizo n'intangiriro, ingero n'umwanzuro.

## **ICYUMWERU CYA 3: IBIBWIRIZO BISHINGIYE KU MIBEREHO Y'ABANTU.**

Imibereho y'umuntu ugaragara muri Bibiliya igaragara muri ubu bwoko bw'ikibwirizo.

Urugero: Ibantu bine Aburahamu yasize:

1. Yasize igihugu cye n'umuryango we (Itangiriro 12:1)
2. Yatandukanye na Loti (Itangiriro 13:9).
3. Yasenze Hagari amwirukana na Ishimayeli (Itangiriro 21: 10).
4. Gutamba Isaka (Itangiriro 22).

## **ICYUMWERU CYA 4: IBIBWIRIZO KU NKURU**

Muri ibi bibwirizo, basobanuru ibyabayeho mu Byanditswe bakabigaragaza. Urugero rw'ingingo nkuru z'ikibwirizo gishingiye ku nkuru.

**Urugero: Daniyeli mu rwobo rw'intare.**

**Umutwe w'ikibwirizo:** Imana yita ku bana bayo.

**Intangiriro:** Inkuru y'abasore bari mu gihugu cy'ubunyage.

**Igice:** Daniyeri 6:16-24.

**Ingingo nkuru:**

1. Ubugambanyi buturutse kuri Satani (Daniyeri 6:1-9).
2. Akamenyero ka buri munsi (Daniyeri 6:10).
3. Ugutabara kw'Imana (Daniyeri 6:21-24).

**Umwanzuro:** Daniyeri yabashaga guhangana n'akaga afite ukwizera guhamye, kuko yari afitanye ubumwe bukomeye n'Imana ye. Waba ugendera mu bumwe bwuzuye na Yo, kugira ngo uhangane n'icyari cyo cyose ubuzima bwaba bukubikiye?

**ICYUMWERU CYA 5: IKIBWIRIZO KU GICE CY'IJAMBO  
RY'IMANA.**

Ikibwirizo cy'igice cy'Ijambo ry'Imana kivuga cyane cyane ku gitekerezo cyihariye mu murongo cyangwa imirongo ibumbiye hamwe. Uwo murongo ugomba gusesenguranwa ubushishozi.

Urugero rw'ikibwirizo gishingiye ku gice.

**Impano itaraho amananiza**

**Umutwe:** Kwitanga nk'igitambo

**Igice:** Abaroma 12:1

**Intangiriro:** Kwitanga bivuze iki? Ni ukwiyegurira, ukwitandukanya, ndetse ukerezwa cyangwa ukwegurirwa ngo Imana ihabwe ikuzo. Kwitanga ni ukureka kwigenga no kwiyobora mu migendere n'imibereho yacu ku bw'inyungu z'Umwami Yesu. Ni nde uyobora imibereho yawe?

1. Ni nde wakitangaho igitambo? – “Nuko ndabbinga benedata ...” Abejejwe n'amaraso ya Yesu Kristo, bagize umuryango w'Imana; si ukomeye, si ufite ubushobozi, si ufite impamo, ahubwo ibi ni iby'uwizera wese.
2. Umuhamagaro wo kwitanga— “Kubw'imbabazi z'Imana...” Ntabwo duhatwa n'imbaraga cyangwa ubutware, ahubwo ni kubw'ubuntu bwe. Ntabwo duhatwa n'ubwoba ahubwo ni urukundo n'imbabazi. Bimwe mu buntu bw'Imana: Agakiza, Ukwewza, Kubatizwa n'Umwuka Wera,

ubufasha bwa buri munsi, ubuzima, Ijuru nyuma y'urupfu, inshuti n'itorero.

3. Igikorwa cyo kwitanga—Imibiri yanyu. “Mutange imibiri yanyu...”
  1. Ni ku bushake – gutanga impano. Ntimuhatwa kubikora.
  2. Ni umuntu ku gititi cye – Imibiri yanyu. imibereho yacu n’ibyo dufite byose.
  3. Ni kubw’igitambo – “igitambo kizima”. Ni ugushyira imibereho yawe ku gicaniro nk’uko Aburahamu yatanze Isaka.
4. Impamvu zo kwitanga— “Kuyikorera gukwiriye”. Niba twaracunguwe by’ukuri, ni ukuvuga ko bidukwiye kuyikorera ducisha bugufi.
5. Ni iki natranga? — “Imibiri yacu”. Imibiri dufite si iyacu bwite. Yacungujwe amaraso ya Yesu.
  1. Imbaraga zacu z’umubiri: Dushime Umwami ku bw’ubuzima aduha kandi imbaraga tuzikoreshe mu murimo we.
  2. Amaguru yacu adufasha kugenda – tujyana Ubutumwa Bwiza ku muntu runaka.
  3. Amaboko yacu—Gukora imirimo myiza y’ubugwaneza no guhagurutsa uwaguye.
  4. Amaso yacu kureba abafite ibyifuzo n’abarimbuka.
  5. Amatwi yacu kumva ugutaka kw’abari mu kaga kugira ngo ujye kubashaka ku Bwe.
  6. Umutima wacu, ikigereranyo cy’umuntu wacu w’imbere, twe nyakuri. Uyu mutima niwo Imana ishaka kuruta ibindi byose. (2 Abakorinto 8:5).

**Umwanzuro:** kwitanga ni ibintu bikomeza. Ni ibya buri munsi, ukwiyanga ukiha Umwami buri munsi na buri mwanya. No muri aka kanya itange wese ku Mukiza.

**Icyitonderwa:** Ntukisubireho ngo wisubize icyatanzwe. Impano ntitangirwa kongera kuyiburana.

## **ICYUMWERU CYA 6: IBIBWIRIZO KU NSANGANYAMATSIKO RUNAKA**

Insanganyamatsiko runaka, cyangwa icyigwa runaka nicyo cyibandwaho muri ubu bwoko bw'ikibwirizo. Igitabo cyitwa “Concordance Biblique / Bible Concordance (ku bazi indimi)”, kirafasha cyane gutegura iki kibwirizo, kuko imirongo ishobora gukoreshwa ivanywe mu bice cyangwa mu migabane itandukanye ya Bibiliya.

Dore urugero rw'ikibwirizo gishingiye ku nsanganyamatsiko runaka:  
**“Muze munywe.”**

**Umutwe w'ikibwirizo:** Amazi y'ubugingo.

**Igice:** Yesu arahagarara ... Avuga n'ijwi rirenga ati: “umuntu nagira inyota aze aho ndi anywe” (Yohana 7:37).

**Intangiriro:** Nturabura amazi na rimwe? Uzi icyo ari cyo gukenera amazi cyane kuruta ikindi cyose?... (komeza gitekerezo cy'akamaro k'amazi.)

### **Ingingo nkuru:**

#### **1. Amazi y'ubugingo – Imiterere yayo**

1. Atanga ubugingo (Yohana 4:10).
2. Arabonerana (Ibyahishuwe 22:1).
3. Ni atanduye (Ibyahishuwe 22:1).
4. Ni menshi cyane (Ezekiyeli 47:1-9).
5. Ni ay'ubuntu (Ibyahishuwe 21:6).

#### **2. Agenewe ba nde?**

1. Ufite inyota (Ibyahishuwe 21:6).
2. Ushaka wese (Ibyahishuwe 22:17).

#### **3. Uburyo bwo kuyabona.**

1. Ngwino (Ibyahishuwe 22:17).
2. Akira (Ibyahishuwe 22:17).

**Umwanzuro:** Ni umunyeshuri ugomba kuwutegura.

## **ICYUMWERU CYA 7 N'ICYA 8: IBIBWIRIZO BISHINGIYE KU GUSESENGUYE IBYANDITSWE BYERA.**

Ikibwirizo gishingiye ku gusesengura Ibyanditswe Byera gitandukanye n'iby'ubundi buryo twamaze kubona mu buryo bw'uko kiba gikubiyemo imiterere inononsoye kandi irambuye y'Ibyanditswe Byera ubwabyo, aho usanga ikibwirizo gishingiye ku gice cyangwa ku nsanganyamatsiko runaka akenshi cyibanda ku gitekerezo kimwe giteganywa n'icyo gice cyasomwe. Bitekerezwa ko kubwiriza gushingiye ku gusesengura Ibyanditswe Byera ari ko kuruta ubundi buryo bwo kubwiriza kose.

- 1. Izi ni zimwe mu nyungu z'ikibwirizo gisesengura Ibyanditswe Byera.**
  1. Byongera ababwiriza n'abumva ibya Bibiliya. Umubwiriza n'abamwumva baguma inyigisho za Bibiliya.
  2. Ibi bikurikiza igitekerezo cy'uburyo bwa Bibiliya bwo kubwiriza. Nibwo buryo bwakoreshejwe na Yesu (Luka 4), Sitefano (Ibyakozwe 7,8), Pawulo (ibyakozwe 28) na Petero (Ibaykozwe 2,3).
  3. Kiba cyagutse. Gitanga amahirwe menshi mu gushyira ukuri kwa Bibiliya mu bikorwa mu mibereho y'abumva.
- 2. Zishobora kugira imbogamizi.**
  1. Zisobora kurambira abumva kuko kidahinduka.
  2. Umubwiriza ashobora guhinduka umunebwe. Hashobora kubaho ingorane zo gusoma umurongo ku murongo mu gice cyihariye binjizamo ibindi bisobanuro aho kwamamaza ukuri kuri muri icyo gice ugisomye cyose.
  3. Igice gishobora kuba kirekire cyane kigatuma abantu baba mu kintu kimwe.
  4. Ubu buryo bw'ikibwirizo butuma umubwiriza aguma mu bintu bimwe. Bikamutera kutita ku birimo kubaho mu mibereho ya buri munsi. Ikibwirizo gisesengura Ibyanditswe Byera cyagombye kugira umutwe mukuru, kugira ngo habaho guhuzwa kw'ibitekerezo. Ibice byagombye gutoranywa mu migabane itandukanye ya Bibiliya kugira ngo twirinde uburyo buguma mu bintu bimwe bwamaze kuvugwa haruguru, ikibwirizo ntiryagombye kuba icy'ubumenyi

gusa ahubwo cyagombye no gushingira ku bintu byashyirwa mu bikorwa.

**Urugero rw'ikibwirizo gisesengura Ibyanditswe Byera:**

“Ubuzima buvanyewe mu rupfu”

**Umutwe:** Urupfu rwa Yesu Kristo.

**Igice:** Abaroma 5:6-11: “Tukiri abanyantege nke, mu gihe gikwiriye Kristo yaradupfiriye”.

**Intangiriro:** Umwanya w’uyu murongo mu nyigisho za Pawulo.

Ingongo nkuru:

**1. Umuntu yapfuye.**

1. Ni ibisanzwe, umuntu wese arapfa.
2. Ariko iki ni igihamya gitangaje iyo twibutse:
  - a. Imiterere n’imico y’Uwo wapfuye.
  - b. Yashoboraga kuba yakwirinda urupfu.
  - c. Ibirego bamuregaga bikamuzanira kwicwa.

**2. Abantu Kristo yapfiriye abo ari bo**

1. Abanyabyaha, abanga Imana, abanyantegenke, abanzi
2. Ubusobanuro bw’amagambo: “Yapfuye ku bwabo.”

**3. Intego y’urupfu rwa Kristo.**

1. Itari iy’ukuri: urupfu ruhatira Imana rukayemeza gukunda abantu.
2. Nyakuri: Ko umuntu agomba guhinduka
  - a. Agatsindishirizwa
  - b. Agahuzwa n’Imana
  - c. Agakizwa umujinya
  - d. Agakizwa n’ubugingo bwa Yesu.

**Umwanzuro:** Ese tumenza umumaro n’ugisobanuro by’uwo mumusaraba?

## KURAGIRA UMUKUMBI

Petero yaranditse: “Muragire umukumbi w’Imana wo muri mwe” (1 Petero 5:2). Nta gushidikanya yari ari kwibuka umunsi Yesu yamabajije inshuro eshatu niba amukunda (Yohana 21:15-17). Buri gihe Yesu yakurikizaga ikibazo amubwira ngo ragira intama zanje. Uyu munsi Yesu aratanga iryo tegeko ku bamukurikira, abo yahamagariye kumuuhagararira mu migi ndetse no mu byaro byo muri iki gihugu.

Hariho ikindi gice cy’amabwiriza ya Petero ku bashumba bakiri bashya. Ntabwo bari abo kugaburira umukumbi gusa, ahubwo bagombaga no kuwugenzura no kuwubera intangarugero. Ibi bishaka kuvuga ko abashumba bagombaga kumenya ingorane z’umukumbi, kumva ibibazo byawo no kureba imitwaro byagombaga kugwirira umukumbi. Muri byose bagombaga kuba intangarugero mu mibereho no mu myitwarire.

Aya masomo avuga ku byigwa byinshi bitandukanye: kubwiriza, ubujyanama, kubaho imibereho y’intumwa z’Imana Isumbabyose. Amagambo ya Petero yerekana intego y’icyigisho. Amagambo ya: “Muragire umukumbi w’Imana ... kandi Umutahiza naboneka muzahabwa ikamba ry’ubugingo ritangirika.” (1 Petero 5: 4).

.....  
.....

## **ISOMO RYA 1: MUBWIRIZE IJAMBO**

Kubwiriza kubyara imbuto ziramba ni ugushingiye ku Ijambo ry'Imana. Kwiga Ijambo ry'Imana byagize akamaro gakomeye cyane mu bubyutse buvugwa mu Isezerano rya Kera, by'umwihariko mu gihe cy'umwami Yosiya (2 Abami 22:8-11) na Ezira (Ezira 7:10). Amosi yahanuye ku by'iminsi y'inzara y'Ijambo ry'Imana (Amosi 8: 11-12), wenda hari ubwo turi muri ibyo bihe! Mu matorero menshi, babara inkuru bakanivugara ibyo bakoze n'ibyo banyuzemo ariko Ijambo ry'Imana rikavugwaho gake cyane.

Amata ni meza, ariko se mu gihe kingana iki? Ntabwo ushobora gukura utariye ibyo kurya bikomeye.

Pawulo yuvuze kubwiriza Ijambo ry'Imana (2 Timoteyo 4:2-4). Ibi ni ingenzi.

**Ikiganiro:** Mwige ibice byavuzwe hejuru kandi muganira ku ngaruka zo kubwiriza gushingiye bikomeye ku Ijambo ry'Imana.

## **ISOMO RYA 2: KUKI DUKENEYE UBUBYUTSE.**

**Ububyutse** si intego ubwabwo, ni uburyo bwo ku ntego, iyo ntego ikaba ivugabutumwa. Ububyutse ntabwo ari ivugabutumwa ahubwo ububyutse bubyara ivugabutumwa. Dawidi yarasenze: “Unsubizemo kunezerwa n'agakiza kawe.... nuko abanyabyaha baguhindukirire.” (Zaburi 51:12-13). Evan Roberts, umubwiriza mu gihe cy'ububyutse mu gihugu cya Galles, yasenze atya: “Mwami, cisha bugufi Itorero kandi uhire Isi!”

Bwinshi mu bubyutse bwatambutse bwabyaye urujya n'uruza rw'abamisyoneri n'ivugabutumwa. Ariko bamwe bapfuye rugikubita, imwe mu mpamvu nyamukuru yari uko abayobozi bananiwe kuyobora imigisha y'ubwo bubyutse mu ivugabutumwa ryari riri gukwirakwira n'umuvuduko udasanzwe no kwigarurira imitima.

Ntabwo Imana ishishikajwe no gusuka Umwuka Wayo ku bantu bayo ngo bumve banezerewe cyangwa kumva baguwe neza. Oya! Ikiyishishikaje ni “Isi”.

Imwe mu mpamvu zituma ububyutse butinda ni uko kugeza magingo aya tutazi impamvu dukeneye ububyutse.

**Ibiganiro:** ni ibihe bintu mu itorero ryawe byerekana ko hakenewe ububyutse? Bigire icyifuzo cy'amasengesho ya rusange.

### **ISOMO RYA 3: IKIBWIRIZO KIGAMIJE KUZANA UBUBYUTSE.**

Ese abantu bawe barakonje, ntibashishikajwe n'iby'Umwami? Mu mukumbi wawe habonekamo impaka, ishyari, no kuzimirirana? Abantu b'itorero ryawe bakora ibyaha – Kwiba, Kubeshya? Basubira mu bikorwa bya gipagani? Bakeneye ububyutse!

Ububyutse busobanura gusubira i buzima – Hariho itandukaniro hagati y'ivugabutumwa n'ububyutse. Umunyabyaha akeneye ivugabutumwa ngo rimuzane ku Mwami, ariko uwamaze kubyarwa ubwa kabiri, akongera akagwa mu byaha, agakanja, uwo akeneye kubyutswa.

**1. Twabona ububyutse** dute? 2 Ingoma 7:14 hatwerekwa intambwe enye, zisobanuye neza:

1. Kwicisha bugufi.
2. Gusenga.
3. Gushaka mu maso h'Uwiteka
4. Kureka inzira zabo mbi.

**2. Umusaruro uva mu bubyutse.**

1. Imana izumva amasengesho yanyu.
2. Izababarira ibyaha byanyu.
3. Izakiza inahe imbaraga ubugingo bwanyu.

Ese ufitiye inyota **ububyutse?** Busengere, kandi ububwirizanye imbaraga!

**Ibiganiro:** Ni gute wakwamamaza inyota y'ububyutse mu mukumbi wawe. Tanga gahunda ifatika yakurikizwa.

### **ISOMO RYA 4: GUSENGERA UBUBYUTSE**

Gukenerwa **kw'amasengesho** nk'itegurwa ntabwo yahabwa agaciro k'umurengera. Aha amasengesho aba arenze gusaba koroheje. Bivize kwisuzuma no kwatura ibyaha (Ibyahishuwe 2:23). Ni igihe umuntu yibuka umuhigo yahize

imbere y'Imana ntawuhigure (Umubwiriza 5: 1-6) n'amakosa tugirira abandi (Matayo 5:23-24).

Isengesho riganisha ku kwicisha bugufi nyakuri, kuko imbere y'Imana dusobanukirwa ko ntacyo turi cyo no kwera Kwayo (Yesaya 6:1-5). Amasengesho ni ikimenyetso cy'uko tutishoboye twe ubwacu bidutera gusaba guhabwa imbaraga n'ubushobobi bwe (Matayo 26: 41).

Ibitambo nk'ibi bishimisha Imana, n'umuriro w'Imana ntuzabura kubamurikira (Zaburi 51: 17-19). Igihe Eliya yasanaga igicaniro cy'Imana, umuriro waramanutse. Igihe Yesu yasengaga, Ijuru ryarakingutse. Igihe Itorero rya mbere ryasengaga habayeho umushyitsi.

Amasengesho akingura ubushobosi bw'Umwuka Wera, bugakora umurimo mu Isi. Imana irema kandi igashenjagura abantu bayo bagiye ku mavi.

**Ikiganiro:** Mutekereze ku mirongo yavuzwe haruguru, kandi mugire icyo muvuga ku ingaruka y'amasengesho muri buri kintu kibayeho.

## **ISOMO RYA 5: URUKUNDO; UMURIMO W'UBURYO BUBURI**

Agiye kujya mu ijuru Yesu yabajiye Petero iki kibazo cy'amatsiko: "Urankunda?" (Yohana 21:15-17). Urukundo ni urufatiro n'ibuye rikomeza imfuruka ku mukozi wa Kristo.

Igihe Yesu yahamagaraga Petero bwa mbere kwari ukugira ngo abe umurobyi w'abantu (Matayo 4:19). Nuko amutuma kuba umushumba w'abantu (Yohana 21:15-17). Ukenewe urukundo kubwo kuzana abantu kuri Yesu no kuragira umukumbi. Kimwe ni urukundo ku bazimiye, ikindi ni urukundo ku babonetse. Ni ngombwa kuzana imitima kuri Kristo no kiyerera.

**Ikiganiro:** Vuga bumwe uburyo bufatika bwerekana uburyo ukunda abazimiye no ku bakijijwe.

## **ISOMO RYA 6: UMURIMO KU BANTU BOSE**

Amahirwe akomeye kuruta ayandi ku mushumba ni uguhagaruka akubwiriza Ubutumwa Bwiza. Ibi bisaba kwiga n'ubunraribonye, kandi ibi bisaba umugisha kugira ngo abashishwe guhindura abanyabyaha no gukomeze abizera.

Agomba kwibuka gutanga ubujyanama bwose bw'Imana, buzaba bugize n'ivugabutumwa, inyigisho shingiro za Bibiliya, kwigisha, gucyaha, guhugura, wihanangirize (Ibyakozwe 20:27).

Agomba kwiga gusenga mu ruhame, kandi ibyo bishobora kwigirwa gusa mu masengesho akorerwa ahantu ha wenylene h'ibanga. Mu isengesho umushumba azamura iteraniro mu maso y'Imana ku rugero rw'ibitekerezo rwo kuramya gushyitse.

Agomba nanone kwiga gusoma Ibyanditswe Byera mu buryo bukwiriye no kubyubaha cyane mu mwihariko wabyo, kugira ngo abantu bose basobanukirwe (Nehemiya 8:8).

Ategetswe kugaburira itorero ry'Imana, (Ibyakozwe 20:28), abwiriza ibibwirizo n' inyigisho za Bibiliya zihuje n'ibyifuzo bwite by'abamwumva.

Agomba kurinda umukumbi inyigisho z'ibinyoma n'abigisha ibinyoma (Ibyakozwe 20:29-30). Kandi afite inshingano zo kwita ku bakene bo mu mukumbi we (Ibyakozwe 11:29-30).

Afite uburenganzira busesuye bwo kuyobora abantu be kugera ku bazimiye n'ahantu hatari amatorero.

Mu gusoza iteraniro ni we ufite inshingano zo guhesha abantu imigisha w'Imana – (Kubara 6:23-26; Ibyahishuwe 1:4-5).

Ikibazo gikomeye mu 2 Abakorinto 2:16: “Ninde wakwisheshoboza ibi bintu?”. Gifite igisubizo cyo kunesha mu 2 Abakorinto 3:5: “Tubibashishwa n'Imana.”

**Ikiganiro:** Mu nshinano zavuzwe haruguru zigoye cyane kuzuza? Ni iyihe ufata ko ari iy'ingenzi kuruta izindi cyane?

## **ISOMO RYA 7: GUHA UMWANYA UKWIRIYE IBIKENEWE MU MURIMO WAWE**

Tugomba kwirinda kurenza urugero mu kubwiriza no mu gushyira mu bikorwa ibygisho, bitabaye ibyo twajya hanze y'iby'Umwuka. Mubwirize urukundo rw'Imana n'ukwera kwayo kudashobora kwihanganira icyaha, mubwirize Ijuru ntimwibagirwe n'Irimbukiro, kugendana n'Imana mu bumwe, no ku bijyanye no gushyira mu bikorwa uburyo bwo gukorera Imana, ku

by'ububyutse no kuby' ivugabutumwa, n'ibindi n'ibindi. Pawulo yabashije kuvuga ati: "sinanze mbigambiriye kubabwira inama yose y'Imana."

Byagufasha kugumana urutonde rw'imitwe yose y'ibibwirizo ubwiriza, no gutegura gahunda yo kubwiriza y'amezi menshi ari imbere. Ibitekerezo byawe n'umutima wawe bizaba byunguka kumenya n' imbaraga, bizagufasha kutava mu kuri kuva mu nama zikize z'Imana.

**Umukoro:** Kora urutonde rw'agateganyo rw'ibibwirizo by'igihe kingana n'amezi atatu.

### **ISOMO RYA 8: ISUZUMA NGARUKAMWAKA**

Ni byiza guharira umunsi umwe wa buri kwezi cyangwa se iminsi ibiri inshuro imwe cyangwa ebyiri mu mwaka kugira ngo wugenzure kandi wisuzume ubwawe. Urashyitsa intego zawe? Urabona imbuto z'umurimo? Kugera ku ntego n'imigisha bishobora kuduhuma amaso ku bunini bw'umurimo usigaye gushyitsa, kandi ikiza gihutiye, gishobora kutwibagiza umurimo umaze gukorwa. Niwitarura kugirango witegerezze urugendo rw'umurimo bizagushoboza gukora igenzura rigufasha. Amakosa ashobora gukenera gukosorwa – ndetse n'intumwa Yohana yakoze ikosa inshuro ebyiri ryo kuranya marayika, arakosorwa (Ibyahishuwe 19:10; 22:8-9) – hanyuma ahindura iyo mikorere. Yesu aravuga ati “Twiheze”.

**Ikiganiro:** Ni izihe mu ntego waharanira mu itangira ry'umurimo wawe?

### **ISOMO RYA 9: UMURIMO W'UBUJYANAMA**

Uri mu murimo w'ubushumba agomba kuba afite ubushobozi bwo kuvugana n'abantu umwe ku wundi ibijyanye n'agakiza n'ibindi bibazo byabo bwite. Ibihe bimwe agomba kubereka ibitagenda neza mu buhamya bwabo (Matayo 18: 15-17).

Agomba kwiga guhumuriza abagize ibyago n'abari mu gahinda. Yagombye gufatanya n'imibereho yihariye y'abantu be kandi akaba nk'uwo mu muryango (Abaroma 12:15).

Agomba kwibuka ko mu buryo bwihariye ari uhagarariye Umwami Yesu hano ku Isi ibihe byose.

**Ikiganiro:** Ni ibihe bikorwa rusange bihuza abantu mu gace kanyu bitanga amahirwe yo gutanga ubujyanama n'ubufasha bwa gikristo?

## **ISOMO RYA 10: GUSHYIGIKIRA UBUMWE BWA KIVANDIMWE**

Ubumwe bwa kivandimwe bushingiye ku mibanire y'ubumwe bw'umuryango ku bwa Kristo n'umuryango we. Abakristo bakeneye kuba hamwe, kuganirira hamwe, gusengera hamwe, kuririmba hamwe, guseka hamwe, kurira hamwe, mbese kubana (1 Yohana 1:7; 1:3).

### **1. Intego y'ubumwe bwa kivandimwe.**

1. Gukomezana bamwe ku bandi, mu bihe by'amateraniro ndetse hamwe no mu bihe by'ibyishimo byo gusangira ibyokurya. Abagabo bagombye guhuzwa no gusangira amafunguro, abategarugoli bagahura mu mugoroba ku bwo gusangira, abakiri bato bagahuzwa kubw'imikino – hanyuma ibi byose byagombye gukorwa biherekejwe n'Ijambo ry'Imana. Ibi bikomeza abakristo kandi bigakurura abo hanze.
2. Guterana umwete mu bihe biruhije by'ubuzima. Biraruhije kumenya umutima uri mu buribwe – dushobora gutuma umutwaro wanguha.
3. Gusangizanya ubyo twanyuzemo n'ubumenyi kugira ngo bose bunguke; ubuhamya bwacu bushobora kubuza undi muntu gukora ikosa risa n'ibyo.
4. Gusangira ibyishimo by'igisubizo cy'amasengesho (Zaburi 50:15). Ibi bitera abandi umwete wo gusenga.
5. Kirirana n'abarira (Abaroma 12:15), abagize ibyago twagombye kwifatanya nabo mu kababaro, mu gahinda no mu bubabare
6. Guhugura abasubira inyuma ngo bagaruke Mana.

### **2. Umusaruro uva mu bumwe bwa kivandimwe.**

1. Twiga kugendera mu mucyo (1 Yohani 1:7).
2. Twiga kubabarizwa hamwe (Abafilipi 3:10).
3. Twiga gukorera hamwe (Abakolosayi 4:7).

4. Twiga guhumurizanya (1 Abatesalonike 4:18).
5. Twiga gusabirana (1 Abatesalonike 5:25).
6. Twiga kwikoreranira imitwaro (Abagalatiya 6:2).
7. Twiga kwishimana n'abishima (Abaroma 12:15). Ibyishimo birakwirakwira.
8. Turakura kandi tukamuriki ku bw' Umwami (2 Petero 3:18).

**Ikiganiro:** Ni ubuhe bwoko bw'ibikorwa bya rusange by'ubusabane aho muba byagirira itorero ryawe umumaro?

### **ISOMO RYA 11: KUBWIRIZA UIBUTUMWA BWIZA**

Hariho ingingo zitagira iherezo umukozi w'Imana agomba gukoresha mu kibwirizo cye. Ariko agomba kwitonda ngo atagira ibyo yibagirwa mu byigisho bye. Hariho ingorane zo kwibwira ibibwirizo ku by'agakiza bidakenewe, hanyuma imbaraga zose zigakusanyirizwa mu kunogereza abera, aho kuzifashisha mu gushaka abashya.

Ikiriho cy'ukuri ni uko usanga akensi abantu ari abayoboke b'itorero ry'ahantu, ariko batarigeze bahinduka ingingo z'umubiri wa Kristo, Itorero nyakuri. Kuko agakiza ari ukuri, kandi katariho umuntu yaba apfuye by'iteka ryose. Itorero ryubakiye ku bantu badakijjwe nta buzima rizagira, nta butumwa, nta bushobozhi buhindura.

Abayobozhi b'itorero bagomba kwibuka amagambo akomeye ya Ezekiyeri ku byerekeye umurinzi utaraburiye rubanda avuza impanda Ezekiyeli (33:6).

**Umukoro:** kora urutonde rw'ibice n'ibyigisho bikwiranye n'ikibwirizo cy'ivugabutumwa.

### **ISOMO RYA 12: IBYIRINGIRO BY'UKO WAHAWE AGAKIZA.**

Ese ubyumva ute umwe mu bayoboke bawe abaye ashidikanya ko yaba akijjwe koko?

Ibyiringiro by'agakiza ni ngomwa cyane niba umukristo agomba gufasha abandi mu buryo bw'Umwuka. Kugira ibyo byiringiro by'agakiza ni

ukwiyumvamo icyizere udashidikanya ko wamaze gukizwa, ko n'yo urupfu rwagugutungura ugomba kujyanwa muri ako kanya mu Ijuru (Yohana 10:28-29).

**1. Ishingiro ry'ibyiringiro by'uko ufite agakiza.**

1. Ubuhamya bw'Umwuka Wera (Abaroma 8:16; Abagalatiya 4:6).
2. Ijambo ry'Imana (1 Yohana 5:10-13; Yohana 5:24; Abaroma 10:13).  
Bwira Satani uti: "Ijambo ry'Imana rihamya ko ninizera Yesu Kristo mfite ubugingo buhoraho. Ku italiki \_\_\_\_\_ (shyiraho italiki) nizeye Yesu, ku bw'ibyo mfite ubugingo buhoraho. Nakiriye agakiza. Ibyaha byanje ndababariwe. Ndi mu nzira ijya mu Ijuru!"
3. Imibereho yahinduwe (1 Yohana 3:14; 2 Abakorinto 5:17).

**2. Ibizana gushidikanya ku byiringiro by'uko ufite agakiza.**

1. Kunanirwa kwiringira Ijambo ry'Imana.
2. Kuba mu by'Isi.
3. Kuba utuzuye Umwuka Wera (Yohana 7:37-39).
4. Icyaha no gusubira inyuma (1 Yohana 1:9).

**Icyitonderwa:** Witondere mu kwemeza abantu ko bakijije (bakiriye agakiza). Uyu ni umurimo w'Umwuka Wera umenya byose akugenzura imitima.

**Umukoro:** Abanyeshuri bashobora kwicara babiri babiri bakaganira, umwe ajye mu mwanya w'umwizera udafite ibyiringiro by'agakiza ke n'undi amugeze ku byiringiro akoresheje Ijambo ry'Imana.

**ISOMO RYA 13: GUHINDURA ABIZERA BASHYA NGO BABE ABIGISHWA**

Umwizera mushya ni umwana muri Kristo, akeneye gukundwa byihariye kimwe n'uruinja rushya kuri iyi si.

Icyumweru cya mbere mu buzima bw'umwizera mushya ni icy'ingenzi kuko Satani agerageza uko ashoboye kose ngo abibe gushidikanya mu mutima we. Mugenderere buri munsi, musomere hamwe Ijambo ry'Imana kandi musengere hamwe.

Umutegurire uburyo n'amahirwe byamufasha kugusangiza ku bijyanye n'ukwizera kwe gushya, ibi bizamutera imbaraga kandi bizaba umuhamya mwiza ku nshuti ze zitari zizera.

Nta gushidikanya itorero ryawe rifite ushinzwe kwigisha inyigisho z'umubatizo ku bizera bashya. Hita utangiza izo nyigisho nyuma y'ubuhamya bwo kwatura agakiza.

Umwizera mushya agomba kuzuzwa n'ijambo ry'Imana mu buryo bwose – niryo mata y'umwimerere azamushoboza gukura (1 Petero 2:2). Umuyobore kugira ngo ashobore kujya mu itsinda ryiga inyigisho za Bibiliya.

Aha hari uburyo n'amahirwe kuri benedata ko umukuru n'umuto mu gakiza cyangwa mushiki wacu yabasha guhura na bene Se bakishyira hamwe babiri babiri. Birakwiye ko umwizera mushya mu buryo bwitondewe yahabwa umuntu ukuze mu gakiza ufite umuco wo kwita ku bantu, uzamuyobora akanamufasha gusenga kugira ngo agere ku butunzi bubonerwa mu rukundo rw'Imana.

**Ikiganiro:** Ni buryo ki watera inkunga abakristo bashya mu itorero ryawe? Ni gute wafasha bene Data umukuru n'umutoya mu gakiza ngo bisungane babiri babiri ngo umukuru afashe umuto?

## ISOMO RYA 14: KUKI DUHAMYA?

Ibyanditswe: Matayo 10:32-33; Abaroma 10:9.

### 1. Akamaro ko guhamya Kristo imbere y'abantu

1. Kristo niwe ubwe wabitutegetse (Matayo 10:32-33).
2. Ni isoko y'ubufasha n'imbaraga mu mibereho yacu ya gikristo. Umukristo uhama ni gake cyane asubira inyuma.
3. Guhamya bikemura ibibazo byinshi. Abandi bamenya ibyo uhagazeho, bakakubahira iyo myifatire yawe. Abantu b'isi basuzugura umukristo w'umunyantegenke, wiyoberanya, umukristo w'ibanga. Ibigeragezo byo gusura ahakorerwa ibyaha biba bihagaze.
4. Ni ngomwa guhamya kubera ibyo Yesu yagukoreye.

## **2. Uburyo bwo guhamya Kristo.**

1. Imbere y'abantu benshi, mu materaniro y'itorero, mu materaniro y'amasesengesho, mu materaniro yo gutanga ubuhamya, n'ahandi n'ahandi.
2. Mu mwiherero mu gihe uganira n'inshuti zawe, n'abavandimwe, n'abaturanyi. Bishoboka ko bwaba ari uburyo buruhije cyane, ariko bufite umumaro cyane.
3. Ku mugaragaro, igehe ubatizwa cyangwa igehe uba umuyoboke w'itorero ryiza.
4. Uterana buri gihe mu materaniro y'itorero ryawe no ku ifunguro (igaburo) ryera buri gihe.
5. Guhamya mu ruhame bigomba kuba buri gihe (Yeremiya 20:9).

**Icyitonderwa:** Buri mibereho ya gikristo itagira guhamya umukiza ihera ku rugero rumwe amaherezo igapfa.

**Ikiganiro:** Mu bo mubana ni nde utanga ubuhamya mu buryo bukwiriye? Ni gute twatera abandi umwete ngo batangire gutanga ubuhamya?

## **ISOMO RYA 15: GUTANGIZA ITSINDA RY'ABAZANA ABANTU KURI KRISTO**

Imana iracyahamagara: “Ndatuma nde? Ni nde watugendera?” (Yesaya 6:8). Aya magambo ni ukuri kugeza n’ubu. “Abakozi ni bake ku bisarurwa” (Luka 10:2). Mu itorero umubare w’abiteguye kohereza abandi ku murimo uriyongera, ariko abiteguye ubwabo kujya gukiza imitima y’abantu ni mbarwa.

Wabikoraho iki? Ugomba gukora uko ushaboye kose ugahindura ibi bintu. Ighugu cyacu ntigishobora kubwirizwa mbere y’uko buri mukristo ahindika umurobyi w’abantu. Hari ibintu 4 byihariye ugomba gukora:

1. Ba uw’imbere mu kuba intangarugero.
2. Bwiriza ibibwirizo by’uruhererekane ku kamaro ko kuzana abantu kuri Kristo (Reba isomo rya 15).
3. Tangariza abantu gahunda y’amahugurwa yo kuzana abantu kuri Yesu kandi utangize inyigisho z’uruhererekane kuri byo.

4. Gerageza ushake igitabo cyo kwifashisha muri ayo masomo cyangwa ibyanditse ku nsanganyamatsiko yo kuzana abantu kuri Kristo ubikwirakwize mu bantu bawe.

Uzananirwa mu muhamagaro wawe niba ugaya uburyo bwo gukwirakwiza abaterankunga bawe mu mihanda hanze –aho- abanyabyaha-bari no kubahindura abarobyi b'abantu!

**Umukoro:** Ni gute twashobora kubera abandi urugero tubigisha gutanga ubuhamya? Tegura ibitekerezo bitatu byihariye.

## **ISOMO RYA 16: IMPAMVU ZO KUZANA ABANTU KURI KRISTO.**

Bake bahamagariwe ubushumba ariko buri mukristo wabyawe ubwa kabiri ahamagariwe kuba umurobyi w'abantu. Ugomba kuyobora abantu bawe mu byishimo byo kuzana abantu kuri Kristo. Umuvugabutumwa Billy Sand yanditse ati: “Kuroba abantu ni ukwyiyemeza kw'imbaraga kuyobora umuntu wiyemeje, ku kwakira Umukiza wabyiyemeje, mu gihe gikwiriye”.

### **1. Impamvu zo kuba umurobyi w'abantu.**

1. Agaciyo gahabwa ubugingo (Mariko 8:35-38).
2. Igihamya cyo kubaho kw'Irimbukiro.
3. Umubabaro wa Kristo ku musaraba ku bwa buri munyabyaha.
4. Ubusa n'ubupfapfa bw'iyi si
5. Icyifuzo cyo guhurira n'umuryango wose mu ijuru
6. Ubwiza bw'Ijuru.
7. Ingororano zihariye zizahabwa ababaye abiringirwa mu kuzana abandi kuri Kristo.

### **2. Ibikenewe kuri uyu mukozi wihariye.**

1. Agomba kuba akijijwe kandi afite ibyiringiro by'agakiza ke.
2. Agomba kugira imibereho yo gukiranuka (Ikwiiriye).
3. Agomba gukorera mu mwuka w'urukundo.
4. Agomba kugira ubumenyi buhagije bwa Bibiliya kandi azi no kuyikoresha.
5. Agomba kuba umuntu usenga.
6. Agomba kuba yuzuye Umwuka Wera.

7. Agomba kuba ugira impuhwe ku bw'ubugingo bw'abazimira.

**Ikiganiro:** Kuki buri kimwe mu bikenewe byavuzwe haruguru ari icya ngombwa cyane?

## ISOMO RYA 17: NI GUTE WAHAMYA

### 1. Uko wahamya.

1. Umuhamya wa Kristo agomba kuba ubwe akijijwe.
2. Vuga mu buryo bworoshye uko wakijijwe n'ibyahindutse mu mibereho yawe.
3. Vuga ibisubizo umaze kwakira ku masengesho yawe (Zaburi 50:15).
4. Vuga uburyo Kristo aguhagije mu buryo bwuzuye.
5. Vuga ibijyanye no kunesha kwihariye kwawe ku cyaha no ku bishuko.
6. Vuga imirongo ya Bibiliya ukunda, yisobanure, uvuge uko Imana yakubwiye iki gitondo ku gice runaka cya Bibiliya.
7. Bwira inshuti zawe iby'Inkuru Nziza ya Kristo. Ubabwire ibye.

### 2. Inzitizi ku guhamya Kristo.

1. Gutinya abantu (2 Timoteyo 1:7; Yohana 4: 18; Abafilipi 4: 13).
2. Kugira isoni z'Ubutumwa (2 Timoteyo 1:8).
3. Imibereho yanduye (1 Yohana 1:9).

**Icyitonderwa:** Soma Ezekielyi 33:8 kugira ngo umenye akaga ko kudahamya.

**Umukoro:** Tegura ubuhamya bushingiye ku byatumye ukizwa kandi uvuge n'impinduka zabaye mu mibereho yawe.

## ISOMO RYA 18: GAHUNDA ZIKORESHWA MU GUHAMYA.

1. “Mbese hari ubwo wumvise agatabo k’amagambo ane y’ingenzi Imana ishaka ko umenya?”. Bigaragara ko ari bwo buryo bukoreshwa cyane muri iki gihe cyacu, kandi bugera ku ntego.
2. “Agatabo katagira amagambo” Impapuro zako zifite amabara y’umukara, umutuku, umweru, urusa na zahabu, n’icyatsi, gakora umurimo uhambaye by’umwihariko ku bana bato.

3. Ubundi buryo bwo kwerekana gahunda y'agakiza ku bana ni **ugukoresha intoki z'ikiganza**. Nta bikoresho nta gitabo gikenerwa.
  1. Urutoki rwa mbere: Imana iragukunda (Yohana 3:16).
  2. Urutoki rwa kabiri: Bose bakoze ibyaha (Abaroma 3:23).
  3. Urutoki rwa gatatu: Kristo yapfuye ku bw'ibyaha byacu (1 Abakorinto 15:3).
  4. Urutoki rwa kane: Izere ko Yesu yapfuye kubera ibyaha byawe (Yohana 1:12).
  5. Urutoki rwa gatanu: Igihe wizeye, wakira ubugingo buhoraho (Abaroma 6:23).
4. Abandi bakunze gukoresha “**Inzira y'Abaroma**”. Erekana imirongo muri Bibiliya mu gihe ugira icyo ujisobanuraho.
  1. Ibyifuzo by'umuntu (Abaroma 3:23).
  2. Ibihembo by'ibyaha (Abaroma 6:23).
  3. Umuteguro w'Imana (Abaroma 5:8).
  4. Icy'umuntu yakora (Abaroma 10:9).
5. **Imirongo iriho utumenyetso y'Isezerano Rishya:** ni uburyo buhambaye bufasha umuntu runaka gufatanya nawe gusoma imirongo yatoranijwe ivuga ku gakiza. Kubera ko uwo ashobora kwishimira ingorane wahuye nazo mu gutegura Bibiliya. Ushyire akamenyetso kariho nimero 1 kerekana hejuru y'urupapuro Abaroma 3:23. Wifashishe ikaramu yo gushyira utumenyetso ku mirongo ngo ikorohe kubona. Andika ku ruhande rw'urupapuro “Reba urupapuro....” ku nimero ya 2, herekana urupapuro rubonekaho Abaroma 6:23, aho washyize ka kamenyetso. Ukomeze utyo no ku mirongo ikurikira, usobanura buri murongo: Yohana 1:12; 1 Yohana 1:9; Ibyahishuwe 3:20; 1 Yohana 5:10-13.

**Umukoro:** Hitamoumwe muri iyi migambi (uburyo) tubonye haruguru ushaka kwigisha. Tanga imyitozo ku banyeshuri bawe ubaha imirongo. Bakine umukino w'umurobyi w'abantu n'umuntu ushaka ukuri. Hinduranya, umurobyi w'abantu ahinduke umuntu ufite inyota y'agakiza. Ushinge agati kuri ibi

bikurikira: buri kiganiro kigomba kurangirana no gufata icyimezo ndakuka, hanyuma hakurikireho isengesho risaba kubabarirwa.

## **ISOMO RYA 19: KWIGISHA KU BYEREKEYE GUTANGA**

Gutanga ku bw'umurimo w'Imana bishobora kugaragara nk'umutwaro uremereye ku bantu b'itorero ryawe. Biba ibi bitekerezo mu mitima yabo, nibwo gutanga bizabahindukira ibyishimo.

### **1. Ni gute tugomba guha Umwami?**

1. Mu buryo buri kuri gahunda – 1 Abakorinto 16:2 – “Ku munsi wa mbere w'icyumweru”. Tugomba gutanga amaturo buri cyumweru umwaka wose. Gutanga ubikore nk'umurimo, Imana izaguha ingororano ku bwo gukiranuka kwave.
2. Buri muntu ku giti cye - 1 Abakorinto 16:2 “Buri muntu muri mwe”. Ibi ntibireba gusa umutware w'urugo, ahubwo na nyina n'abana na bo. Ibi kandi bireba abakire n'abakene.
3. Ku rugero – “Ukurikije uko Imana yaguhaye umugisha.” Tugomba gutanga icyacumi n'amaturo. Imana itanga byinshi ku bayiha.
4. Anezerewe – (2 Abakorinto 9:7) – Atinuba.
5. Nk'utanga igitambo – (2 Abakorinto 8:2) – baratanze n'ubwo bari abakene cyane. Umupfakazi yatanze ibiceri 2, bwari ubutunzi bwe bwose. Imana igeria ibyo tuyiha ikurikije ibyo dusigaranye, ntikurikiza ubwinshi bw'amaturo.

Imigisha ikurikira impano utanga kubw'Umwami unezerewe. (Ibyakozwe 20:35; Matayo 6:20; Malaki 3:10).

**Irindi jambo:** Abantu b'itorero ryawe ntibazatanga icyacumi niba nawe utanga utanezerewe.

**Ikiganiro:** Itorero ryawe ryaba rikurikiza uburyo bw'Ibyanditswe mu kwakira amaturo yaryo? Ni ayahe mavugurura yagombye gukorwa?

## **ISOMO RYA 20: UBURYO BWO GUHUGURANA**

Imana mu buntu bwayo itanga inzira yo kwiyeza mu gihe dutewe n'icyaha. Mu gihe twatuye icyaha (1 Yohana 1:9), Iratweza. Ariko hariho ingorane zo kwinangira iyo tutatuye icyaha. Abaheburayo 3:13 havuga ngo: "ahubwo muhugurane iminsi yose bicyitwa uyu munsi, hatagira uwo muri mwe unangirwa umutima n'ibihendo by'ibyaha." kwirinda ibyaha hakoreshejwe guhugurana ni ingenzi kubw'ubumwe bwa kivandimwe.

Igihe umuyobozi abonye ibitagenda neza kuri mwenedata akwiye kubabazwa n'ibyo abona, kandi ntabure gushaka uko yahugura uwo mwenedata – Ni ubuhe buryo byakorwamo?

1. N'umutima w'ubugwaneza (Abagalatiya 6:1-5; Luka 9:54-56; 1 Abatesalonike 2:11; Matayo 12:20).
2. Tugomba kuvugana ubwitonzi no guca bugufi (Abaroma 12:10; Abefeso 4:2).
3. Tugomba gukoresha Ijambo (2 Timoteyo 3:16-4:2; Abakolosayi 3:16).
4. Bigomba gukorwa hakurikijwe kuyobora k'Umwuka Wera (Abefeso 5:18-19).
5. Uburyo bw'Ibyanditswe bwo gukosora ni uburyo bw'ibanga (Matayo 18:15)

Mu gihe cy'imyaka itatu Pawulo ntiyacogoye gutanga imbuzi kuri buri wese arira ku manywa na nijoro (Ibyakozwe 20:31).

**Ikiganiro:** Ni uwuhe musaruro wo guhugura umuntu ukoresheje amagambo akarishye? Mu ruhame? Ni gute wabyirinda?

## **ISOMO RYA 21: UKO BYAGENDA ICYAHА KIGARAGAYE MU MUKUMBI**

1. **Uburyo bw'inzira ya Bibiliya (Matayo 18:15-17).**
  1. Wegere uri mu cyaha mu mwiherero nuko umugire inama yo kwihana.
  2. Niyanga, umuteze 2 cyangwa 3 nk'abahamya.
  3. Nakomeza kwinangira umutima, ubimenyeshe itorero



2. Kwitotomba mu mutima, umwijima uzatwikira inzira ya buri munsi.
  3. Gutakaza ingororano, umuntu akagira igihombo.
  4. Abandi bigisha ko gusubira inyuma byatuma umuntu abura ubugingo.
- 3. Kurarika kw'Imana k'ukuyigarukira (Yeremiya 3:22; Hoseya 14:4).**

## Dore ibitekerezo bimwe wakwifashisha:

1. Uvuge weruye ko isezerano ryo gushyingiranwa ari iry'iteka, "kugeza urupfu rubatandukanyije," Matayo 19:6. Mu gushyingiranwa Imana ikora igitangaza igehe abantu babiri bahinduka umuntu umwe. Imana niyo gusa yemerewe gushyira iherezo kuri ubwo bumwe itwara umwe muri abo babana bashingiranywe binyuze mu rupfu.
2. Niba hari abana, tugomba kwita ku mibereho myiza yabo, kubera ko aribo bahababarira kuruta bose.
3. Werekane ko gutandukana ari igikorwa cyo kwatura mu ruhame kigaragaza ko abashakanye bananiranwe burundu.
4. Winginge buri ruhande kugira ngo buri umwe yihuze n'Imana, nyuma yihuze na mugenzi we bashakanye. Kwatura no kwhiana mu babyumvikanaho bishobora kugarura ubumwe mu bashakanye.

Niba habayeho ubwiyunge, umugore n'umugabo bagirane amasezerano yo kubana bundi bushya imbere y'abantu, mu "byiza no mu bibi kugeza igehe urupfu ruzabatandukanya." Ubatere umwete wo kwifata nk'abagisabana. Buri muntu muri bo akeneye urukundo rwinshi. Ubemeze ko bagomba buri gihe gusaba Imana gukundana urukundo rwera.

**Ikiganiro:** Ni ibihe bintu by'ingenzi biryosha urugo rwa gikristo? Ni ibihe bintu bishobora kugira uruhare mu kuzana ibikomere?

## ISOMO RYA 24: UBUSAMBANYI

Umuyobozi w'iby'Umwuka agomba kuvuga ku mugaragaro aburira abantu ko Imana yanga icyaha cy'ubusambanyi. Itegeko rya karindwi ntiryigizeze rikurwaho (Kuva 20:14, 17).

Mu kureba gusa uburyo Imana yanga icyaha cy'ubusambanyi dushobora kwitegerezza ukwera ko gushyingiranwa. Wibuka ko Imana yategetse igihano cy'urupfu, urupfu kuri bombi bafashwe basambana (Abalewi 20:10)? Umuyobozi mu by'Umwuka agomba kwirinda icyo ari cyo cyose gisa n'imigendere mibi y'ubusambanyi.

Nta byo gushidikanya, ubusambanyi n'ubuhehei bijyana abantu mu irimbukiro (Imigani 7:27; 9:13-17; 1 Abakorinto 6:9-10).

**Ikiganiro:** Ese abakristo bo mu karere kawe bagenda badohoka ku cyaha cy'ubusambanyi mu gihe cya none? Ni uwuhe musaruro bitanga?

### **ISOMO RYA 25: UBUCUNNYI**

Ikintu gikunze kuboneka kenshi na kenshi, ababyeyi bazana abana babo mu rusengero kugira ngo babatizwe cyangwa ngo basengerwe, kandi iyo uzamuye utwenda tw'umwana usanga afite agashumi yambariyeho kaziritse mu rukenyerero. Ese ibyo biremewe? Habe na gato! Impigi ni ibikoresho by'ubupfumu, Bibiriya ibivuga yeruye ko gukoresha ubucunnyi n'ubupfumu ari ukwifatanya n'imyuka mibi. Musome iyi mirongo: Kuva 22:18; Ibyakozwe 19:18,19; Abagalatiya 5:20; Ibyahishuwe 22:15.

Ubwoba buterwa n'igikombe cy'uburozi n'ubucunnyi, byashyize ibihugu byinshi mu mwijima kugeza ubwo umucyo w'Ubutumwa Bwiza waziye. Ndetse n'uyu munsi Satani agergeza kwemeza abantu ko bagomba gusubira mu mwijima wabo wa kera n'ubupagani. Ariko Kristo nta bumwe n'imibanire agirana n'umwijima. Abantu bakora umwuga w'ubukonikoni, uw'ubupfumu n'ubucunnyi, umugabane wabo uzaba mu nyanja yaka umuriro n'amazuku (Ibyahishuwe 21:8).

Buri mutnu agomba guhitamo uwo ashaka gukorera, ariko ntawukeza abami babiri. Ugomba gutwika ibantu by'ubucunnyi iyo wakiriye Kristo nk'Umwami n'umukiza wawe.

**Ikiganiro:** Ni ubuhe buryo bw'ubucunnyi bukorerwa aho utuye (mu gihugu cyawe)? Wakora iki kugira ngo biveho?

### **ISOMO RYA 26: KUBWIRIZA URWANYA IBISINDISHA**

Abantu bose bazi ko ibusinzi ari umuvumo, busenza ingo n'ubuzima. Ariko bamwe bibwira ko kunywa gake byemewe. Bavuga ko mu bukwe bw'i Kana Umukiza yahinduye amazi divayi (Yohani 2:1-11), n'impuguro ya Pawulo kuri Timoteyo amusaba gukoresha vino nk'umuti (1 Timoteyo 5:23).

Muri ubu buryo bwombi, ijambo ryo mu kigiriki ryakoreshejwe ni "vinos" risobanura umutobe w'imuzabibu, naho ijambo rikoreshwa ku nzoga ikarishye ni "shekar". Aya magambo yombi yakoreshejwe muri Luka 1:15:

“Kuko uwo (Yohana Umubatiza) azaba mukuru imbere y’Umwami kandi ntazanywa vino (vinos) cyangwa inzoga zikaze (shekar).”

Iyi mirongo yerekana uko Imana ibona ibisindisha: Imigani 20:1; 23:29-35; Yesaya 28:7; Hoseya 4:11; 1 Abakorinto 6: 10; Abagalatiya 5:21. Ijambo vino riboneka ubwa mbere mu Itangiriro 9:21, kandi havuga ukuntu Nowa yasinze n’umuvumo wagwiriye umuhungu we Hamu.

**1. Impamvu umukristo atagomba kunywa ibibisindisha.**

1. Umubiri we ni urusengero rw’Umwuka Wera, ntiyagombye kwiyanduza mu buryo bwose.
2. Ni umuhamya wa Kristo, n’ubwo yanywa agakombe gato, mwene se ufite intege nke azageragezwa no kunywa vino nyinshi.
3. Ni umurinzi wa mwene se (Itangiriro 4:9), kandi afite inshingano zo gufasha mwene Se kubaho imibereho yejejwe kandi ikiranuka.

**2. Hari izindi mpamvu zituma umukristo cyangwa utari we, agomba kwirinda burundu ibisindisha.**

1. Ni akamenyero gahenze kandi gasesagura umutungo (Gutegeka 21:18-21; Imigani 23:20-21).
2. Kubw’umutekano w’abandi bantu mu muhanda w’imodoka.
3. Igisindisha gifasha mu gusensa ingo. William Gladstone ati: “Igikombe cy’ibisindisha gisenya kuruta intambara, icyorezo n’inzara.”

Byanze bikunze umusa umwe ugutera kunywa undi n’undi, igikombe kikazana ikindi. Umwanzuro w’Ibyanditswe Byera ni ukubyirinda mu buryo bwose (burundu).

**Ikiganiro:** Ese hari izindi mpamvu zibuza umukristo kunywa ibisindisha?

**ISOMO RYA 26: GUFASHA UMUKRISTO URI MU MIBABARO**

Abakristo benshi batakambira Umwami Imana bagira bat: “Kuki? Kubera iki ngomba kubabazwa muri ubu buryo?” Rimwe na rimwe inshuti, kimwe n’inshuti za Yobu, zikamuciraho iteka zivuga ko ibyo bizanywe n’ibaya bakoze mu buzima bwabo. Umupfumu ashobora kurega umuntu runaka ko

yashyize ku wundi muntu umuvumo akaba ari yo mpamvu ari mu bigeragezo birenze urugero. Ariko ku mukristo w'ukuri, ubuzima bufite gahunda yagenwe, kubera ko Imana ifite umugambi kuri buri mibereho ya buri muntu (Abaroma 8:28).

### **1. Kubera iki imibabaro ibaho?**

1. Rimwe na rimwe, biza ari ingaruka z'icyaha -(Yohana 5:14; Miriyamu mu Kubara 12:10, Umwami Asa mu 2 Ingoma 16:12).
2. Kugira ngo imirimo y'Imana igaragare (Yohana 9:2,3).
3. Ku bw'ikuzo ry Imana (Yohana 11:4; Abafilipi 1:29).
4. Umurimo w'umwanzi – Imana ikabyemera bijyanye n'ubushake bwayo (Yobu mu gitabo cya Yobu; Mariko 5:1-5; Luka 13:16; Ibyakozwe 10:38). Imana izi ibyo wabasha kwihanganira.
5. Bishobora kuba ari ugucyaha, kwigisha umwana (Abaheburayo 12:5-13).

### **2. Imyitwarire yacu ku mibabaro.**

1. Dushobora kubisuzugura, tukigomeka aho kubaha, iyi myitwarire iganisha ku kwinangira.
2. Dushobora gucika intege imbere yayo, ariko ntabwo bikenewe. Kuko ubuntu bw'Imana buhagije (2 Abakorinto 12:9).
3. Dushobora kubyemera no kubyihanganira, ariko mu kababaro.
4. Dushobora kwishyirana n'umunezero mu bushake bw'Imana –uku nikko kunesha ko ku rwego rwo hejuru.

**Umukoro:** Kora urutonde rw'abantu batatu cyangwa kugera kuri barindwi bo mu mukumbi wawe bari mu mibabaro. Kora gahunda yo gufasha buri umwe. Shishikariza abandi bo mu mukumbi wawe gukora uyu mirimo.

## **ISOMO RYA 28: GUFASHA ABARWAYI**

Abakristo bararwara, kandi umukozi w'Imana agomba kubafasha mu bwizerwa, abizeza ko Imana ibakunda kandi ko ibitaho. Reka tuzirikane bumwe mu buryo bushobora gufasha umuntu uri mu burwayi.

### **1. Imana ishoboye gukora ibitangaza ikiza abantu?**

Bibiliya itubwira inkuru z'ukuri z'ibitangaza byinshi. Igitangaza kiruta ibindi ni ukuzuka kwa Yesu Kristo, ariko hari n'ibindi bitangaza byinshi byakozwe. Imana yacu ni Imana ikora ibitangaza. Yehova Rafa (Kuva 15:26) ni rimwe mu mazina yayo. “Ndi Uwiteka ugukiza”. Soma Zaburi 103:3; Matayo 19:26; Luka 18:27 na n'uyu munsi ni Umuganga Mukuru.

## **2. Gusigwa amavuta ku barwayi nk'uko tubibona muri Yakobo 5:14-20.**

1. Umurwayi atumira abakuru b'itorero.
2. Abakuru b'itorero bagomba gusenga isengesho ryo kwizera no gusiga umurwayi amavuta.
3. Yakobo anavuga kandi kubyo kwaturirana ibyaha.

## **3. Indwara zimwe ntizikira.**

1. Mu Ibyakozwe 28, Pawulo yakoze ibitangaza bibili. Ariko yasenze ibihe bitatu ngo akire indwara ntiyemererwa gukira, mu 2 Abakorinto 12:7-10. Umugambi w'iyo ndwara wari uwo kugirango Pawulo akomeze kuba umuntu wicisha bugufi.
2. Iyaba twakizwaga indwara buri gihe cyose, ntitwakwigera dupfa.

Umukozi w'Imana akwiriye gukoresha Ijambo ry'Imana mu gukomeza umurwayi. Byaba bibabaje kureka umurwayi agasubira mu bapfumu gushaka impigi n'imiti maze akarwara indwara yo mu buryo bw'umwuka n'iyo mu buryo bw'umubiri. Iyo umukiranutse atabarutse mu ituze no mu byishimo ari mu bushake kw'Imana aba agendanye umugisha. Isezerano rya Yesu: “Imbaraga zanjye zirahagije” ndetse no mu burwayi.

**Ikiganiro:** Vuga bimwe mu Byanditswe byahumuriza umurwayi?

## **ISOMO RYA 29: GUFASHA MU GIHE HABAYEHO GUPFUSHA.**

Ubuzima ni impano idakomeye kandi ishira vuba. None umuntu aba ariho ejo akaba yapfuye. Mu bantu bose babyawe ku Isi, Eliya na Enoki nibo batigeze bapfa. Buri muntu wese uriho none, umunsi umwe azapfa, uretse abana b'Imana bazasanganira Yesu mu bicu mu gihe cyo kuzamurwa. Ibivugwa mu Abaheburayo 9:27 ni ukuri.

Umukozi w'Imana aba afite inshingano ziremereye iyo umusaruzi asuye abagize itorero rye. Umuryango n'inshuti baba bafite agahinda kenshi, kuko gutandukanya buri gihe bizana umubabaro. Abakristo bagombye gukora gahunda, bamwe bakaba hamwe n'abagize ibyago, abandi bakazana ibyokurya, abandi bagafasha gutunganya umurambo n'imihango yo gushyingura. Mubabarane n'abababara mugaragaze imbabazi za Kristo ku bafite imitima ibabaye.

Iyo uwapfuye yari umukristo, biroroha cyane guhumuriza abagize ibyago, kuko ubugingo bw'umukundwa wabo buba bumaze kuruhukira mu mahoro no mu byishimo. Mu by'ukuri kubana na Kristo ni iby'ingenzi kuruta iby'isi yose yaguha (yatanga). Imihango yo gushyingura, uretse imibabaro yo gutandukana, yagombye kuba umunsi mukuru udasanzwe.

Mu gihe cyo gupfusha umuyobozi wa gikristo yagombye guhagarara ashikamye akarwanya gusubira ku migenzo ya gipagani ku ruhande rw'umuryango. Kuganyira imyuka, guhamba ibintu by'agaciro, kunywa, gukora imigenzo ya gihanga(gipagani), ibyo byose nta mwanya bifite mu gushyingura kwa gikristo. Ariko abanyamuryango badakijije n'inshuti bazagerageza mu buryo bushoboka bwose kwinjiza ibigaragaza kubura ibyiringiro n'ibiteye ubwoba bijyana n'uko babona urupfu. Muhagarare mushikamye murwanye ibyo. Wegeranye abakristo iruhande rwawe kugira ngo babe hamwe kugeza umurambo ushyinguwe: basenge, banaririmbe, kandi bagufashe mu buryo bwose bushoboka.

Ikibwirizo cyagombye kuburira bose ko ubuzima ari ubwa gahe gato gusa, ko umuntu akwiriye kubukoresha ategura ubundi buzima buramba, ubuzima bw'iteka ryose.

Umuntu w'umunyabwenge yabwiye abigishwa be ko bagomba kwitegura urupfu umunsi umwe mbere yo gupfa. Ariko baramuhakanya bat: "Ariko dushobora gupfa ejo!" Arabasubiza ati: "Ni ukuri, rero mukwiye kwitegura ubu!"

**Ikiganiro:** Ni ubuhe buryo bundi bw'ibikorwa wakoresha kugira ngo ufashe mu gihe habonetse umuntu utabarutse mu itorero?

## **ISOMO RYA 30: INAMA KU BASHAKA GUSHYINGIRANWA**

Kwiyemeza kuzabana ni igikorwa cyo kumenyesha cyangwa kuvugira mu ruhame ko abo babiri bateganya gushyingiranwa bidatinze – wenda mu mwaka umwe. Kuri aba babiri nicyo gihe bamenyana neza kandi bagasuzuma ko biteguye kubana cyangwa kutabana no kumenya ko bakwiranye koko. Ariko ntabwo ari cyo gihe cy'umudendezo mu mubano kuko batarahabwa uburenganzira bwo kubana. Ni iby'ingenzi ku bw'ibyishimo by'ahazaza ko buri muntu muri bo yaba yararinze ubusugi/ubumanzi bwe kugeza ku gushyingiranwa. Inyungu zemerewe abashyingiranywe bonyine zigomba kurindwa kugeza nyuma yo guszerana, kugira ngo urukundo rwabo rudahinduka urwango no kubahana hagati yabo kukabura burundi (2 Samweli 13:15).

Ni igihe gikwiriye cyane ku muyobozi w'itorero guha abo bombi bifuza kubana amabwiriza n'impuguro ku bijyanye n'uburyo bwo kubaka urugo rwa gikristo, ashingiye ku Abefeso 5: na Tito 2. Bafashe bombi bige gusengera buri kibazo cyose n'ibidasobanutse bafatanyije. Batere umwete wo kwerekana urukundo rw'umwe ku wundi mu mibereho yabo yose, mu magambo no mu bikorwa.

Ugushyingiranwa ni umuhango w'abantu kuva kera cyane. Nyuma yo guhitamo agakiza, guhitamo uwo muzabana, bishoboka ko ari cyo cyemezo gikomeye cyane ku musore cyangwa inkumi. Umuyobozi mu by'Umwuka agomba gutanga inama zimbitse no kubashyigikira muri icyo gihe gikomeye.

### **Amahame y'ugushyingiranwa gutera umunezero:**

1. Abakristo bagomba gushakana gusa n'abandi bakristo (2 Abakorinto 6:14-17).
2. Ni ngombwa gusenga cyane no gushaka ubushake bw'Imana.
3. Ni byiza kubanza kumenyana cyane mbere yo gusangana, kumenya imico ye myiza n'imibi. Gushyingiranwa guhutiyezo kuzana ingorane.
4. Mutegereze urukundo. Urukundo rushingiye ku bikorwa by'ako kanya ntiruhagije. Gushyingiranwa ni iby'ubuzima bwawe bwose. Kandi

hagomba urukundo rw'Imana kugira ngo wubake urugo rurimo umunezero.

5. Urindire kugeza ugize imyaka ihagije yo gushyingirwa. Ugushyingirinwa ni igikorwa cy'abakuze, ntabwo byagenewe abana, kuko bifite inshingano ziremereye.
6. Urindire kugeza igihe ibibazo bikwiriye gukemuka birangiye. Ntugasangane n'umugabo ufite icyizere cyo kumuhindura.
7. Urindire ko ababyeyi b'umukobwa babyemera. ibi ni iby'ingenzi cyane.
8. Urindire kugeza ugize umutungo wagufasha gukemura iby'ibanze; si ukugira ubukire, ariko ni ngombwa kugira ngo ugire icyo kwitabaza.
9. Kora uko ushoboye kugira ngo ubukwe bukorwe mu ruhame kandi mu buryo bwa gikristo. Ntimugakunde na rimwe ibitekerezo byo kugira ubukwe bw'ibanga cyangwa kwishyingira. Ubukwe ni ikintu cyejeje cyane kuruta ibi.

**Umukoro:** Utegure isomo ryo kwigisha abasore n'inkumi ku ntambwe zigeza abantu ku gushyingiranwa gutera umunezero.

### **ISOMO RYA 31: UBURYO BWO KUGIRA INAMA ABASHAKANYE BAKABURA URUBYARO.**

Igihe abashakanye biteze kubona abana, nuko imyaka igahita nta ruhinja babonye bibongerera gucika intege kandi kenshi bibatera gutakaza kunesha kwabo kwa gikristo. Babona inshuti zabo zije mu mu rusengero batwaye abana babo kandi bacigatiye impinja zabo, bakibaza bati “Kubera iki Imana idasubiza amasengesho yacu?”. Bamwe babatera agahinda bakava no mu matorero yabo, abandi bagasubira mu bapfumu bagatakaza umutungo wabo ndetse – n'ubumwe bwabo n'Imana. Urugo rutagira abana rukeneye amasengesho yawe n'inama zawe n'inkunga yawe. Kenshi na kenshi bavuga kimwe na Rasheli:” Mpa umwana cyangwa mpfe”. (Itangiriro 30:1)

Imyaka yo kutabyara kwa Hana, n'imigendere n'imiyitwarire y'umugabo we yo kumukomeza no kumutera inkunga ishobora gukoreshwa nk'icyitegererezo n'umugisha ku miryango itagira abana. Hana nta mwana yari afite, ariko urukundo rwinshi rwa Elukana umugabo we rwerakanwa ku murongo

wa 5 w'igitabo cya 1 Samweli 1. “Yakundaga Hana n'ubwo Imana yari yaramwimye urubyaro”. Umugabo ufite umugore utabyara nta burenganzira afite bwo kumwirukana ngo asubire iwabo. Agomba kuba Elukana!

Ukuri ugomba kwereka ba “Hana” bo mu itorero ryawe.

1. Bagomba gukomeza gusenga, nk'uko Hana yasengaga. Imana yamuzibye inda ibyara ifite umugambi. Nuko mu gihe cyayo, Imana imuha kubyara. Imana yahaye Aburahamu na Sara umwana mu gihe bari bageze mu za bukuru cyane bitagishobotse kumubona (Itangiriro 21:2). Zaburi 113:9 ni umurongo mwiza!
2. Wishyire mu mutozo wishimire mu Mwami Imana. Ntugahoze urutoto ku mugabo wawe nk'uko Rasheli yabigenzaga. Mushime ku bw'imigisha mufite kandi mu maso hanyu hagaragaze umunezero wanyu. Agahinda ko mu maso hawe gatuma urukundo rw'umugabo wawe rucogora, kandi bizatuma uhindika umuntu w'umunyamibabaro cyane.
3. Niba Imana itaguhaye abana, n'ubwo bimeze bityo ushobora gukomeza kugira umutima wa kibyeyi kandi ukagaragaza urukundo ku bandi bana. Hari imfubyi n'abana batagira kirengera bakeneye kwitabwaho. Kugira itsinda ry'abiga Ijambo ry'Imana cyangwa ishuri ryo ku cyumweru, bizaguha uburyo bwo kugira abana mu buryo bw'Umwuka. Debora yabaye umubyeyi mu Bisiraheli (Abacamanza 5:7).

**Ikiganiro:** Mwungurane ibitekerezo ku byerekeye imirimbo ababyeyi badafite abana bagombye gukora mu Itorero ryawe. Wabatera umwete ute?

## ISOMO RYA 32: GUFASHA ABAPFAKAZI

Itorero ryawe rishobora kuba rifite abategarugori bageze mu za bukuru, abapfakazi, bakunda Umwami kandi b'abizerwa mu murimo. Bashobora kwiyumvamo ko badakenewe kandi ko baretswe. Bagobye gukoresha impano zabo nabo mu murimo w'Imana (1 Petero 4:10), vugana na bo ku byerekeranye n'aba bapfakazi:

1. Nawomi yareze umwuzukuru we (Rusi 4:16), kandi ashobora guhererekanya ukwizera kwe n'igisekuru cyakurikiyeho. Ba nyirakuru bashobora gufasha cyane mu kurera abana bato mu itorero hanyuma nabo bakazakundwa na bo.

2. Umupfakazi w'i Serefati yacumbikiye umuntu w'Imana (1 Abami 17). Abagore bageze mu za bukuru bashobora gukora umurimo ukomeye wo kwakira abashyitsi.
3. Hana yari umupfakazi w'imyaka 84 wakoreraga Umwami yiyiriza ubusa kandi asenga ijoro n'amanywa abwira bose ibya Yesu (Luka 2:36-38). Abagore bageze mu zabukuru baba abarwanyi bahambaye bakoreshaje amasengesho.
4. Undi yahisemo guha Imana ibyo yari afite byose (Luka 21:4).
5. Birashoboka ko Doruka, wahumurizaga benshi abadodera imyambaro, yari umupfakazi, kuko abamuririga yapfuye bari abapfakazi (Ibyakozwe 9:39). Yafashije abari bari mu bukene.
6. Loyisi yagize uruhare mu kurera umwuzukuru we Timoteyo ku bw'umurimo we (2 Timoteyo 1:5).

Igihe nk'iki cy'imibereho gishobora kubyazwa umusaruro mu buryo butangaje. Ni gute ari byiza bitagereranywa kuruta kurindira gusa ko wahamagarwa ibudapfa!

**Ikiganiro:** Mwongere musubiremo ibitekerezo byatanzwe n'ibi Byanditswe ku bijyanye n'imirimo y'abapfakazi. Ese mushobora kongerahó n'iyindi?

### **ISOMO RYA 33: ABAKRISTO BABANA N'ABO BASHAKANYE BADAKIJIJWE**

Abashyingiranywe babana n'abatizerá bakeneye kwitabwaho mu buryo bwihariye no guterwa intege. Inama ubagira zagombye kuba zikubiyemo ibi bikurikira:

1. Ntukemere ko haba usumbane hagati yawe n'uwo mwashakanye kubera ubunararibonye bwawe mu buryo bw'Umwuka.
2. Ntugatere uwo mwashakanye kumva ko ari munsi yawe.
3. Garagaza urukundo rwinshi k'uwo mwashakanye udakijijwe. Ikindi, garagaza urukundo rwawe utishisha kuko ubu umutima wawe wuzuwemo n'urukundo rwa Kristo.
4. Ntuzabwire amabanga (ingorane) y'urugo rwawe abantu bo hanze.

5. Mu rugo rwanyu wowe ukijijwe ugaragaze imico myiza ya gikristo yo kubaha Imana.
6. Ba umuntu unezerewe. Wambare umutima mwiza n'ubwitonzi.

**Ikiganiro:** Ni buryo ki umuyobodzi w'itorero yashyiraho ikiraro n'ubucuti hagati y'abashakanye badakijijwe? Ni ibihe bikorwa wavuga byashobora gukururira mu itorero abo badakijijwe no kubazana kuri Kristo?

## ISOMO RYA 34: KUBAHA UMUNSI W'UWITEKA

Umunsi w'Umwami Imana, icyumweru, ni ukuri ko mu Isezerano Rishya ukaba ufite inkomoko yawo kw'isabato yo mu 'Isezerano rya Kera.

- 1. Itandukaniro riri hagati y'umunsi w'isabato n'umunsi w'Umwami.**
  1. Isabato ni umunsi wa karindwi w'icyumweru, naho Umunsi w'Umwami Imana ni umunsi wa mbere w'iminsi irindwi.
  2. Isabato yibutsa ikiruhuko cy'Imana imaze kurema, naho umunsi w'Imana ukatwibutsa kuzuka kwa Kristo.
  3. Isabato yari iy'Abayuda, ariko umunsi w'Umwami Imana ni uw'itorero rya Kristo.
- 2. Itorero ry'Intumwa ryakurikije umunsi wa mbere w'iminsi irindwi.**
  1. Yesu yamaze igihe gihagije mu mva kugira ngo hubahirizwe Isabato y'Abayuda, azuka ku wambere w'iminsi irindwi (ku cyumweru) ariwo munsi wa Paska. (Matayo 28:1).
  2. Tuhabona ibikorwa bya buri munsi by'itorero (Ibyakozwe 20:7).
  3. Amahugurwa ku bijyanye no gutanga amaturo ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi (1 Abakorinto 16:2).
  4. Yohana avuga ku munsi w'Umwami (Ibyahishuwe 1:10).
- 3. Uburyo bwiza bwo kubahiriza umunsi w'Umwami.**
  1. Kwishimira mu Mwami. Uwo munsi uwugire udasanzwe wo kuramya, gusenga no guhimbaza Imana.
  2. Uhagarike kwishimisha wowe ubwawe. Uwo munsi ni uwo kuyinezza. Usure abarwayi kandi ukore ibindi bikorwa byiza ku bw'Umwami.

- Uwugire umunsi wo guhesha Umwami Imana icyubahiro. Mu minsi itandatu turakora tukabona ibidutunga, ariko umunsi wa karindwi ni uw'Umwami Imana.

**Ikiganiro:** Ni ibihe bikorwa rusange bitagomba gukorwa ku munsi w'Umwami Imana?

### **ISOMO RYA 35: UMUNSI MUKURU KU BABYEYI B'ABAGABO**

Imana yashyizeho umugabo ngo abe umutware w'urugo. (Itangiriro 18:19; Abefeso 5:23). Ababyeyi b'abagabo b'abakristo bawkiriye guterwa inkunga mu kuzuza inshingano zabo z'abatambyi b'umuryango. Kubera iki mudashobora kugira iteraniro ridasananzwe ryo guha icyubahiro ababyeyi b'abagabo mu itorero? Ubimenyeshe bihagiye hakiri kare, kandi ubitangarize abana bose, ndetse n'abakuze ko bazicarana na ba se. Umwe mu bagabo asome Ibyanditswe n'undi asenge. Mwakagombye kumenya umubyeyi w'umugabo ukuze kuruta abandi mu iteraniro, umubyeyi ukiri muto cyane, n'ufite abana bensi kuruta abandi.

Ikibwirizo kigomba kwibanda ku bisabwa n'ijambo ry'Imana ku mubyeyi w'umugabo wubaha Kristo. Agomba kuba akunda umugore we (Abefeso 5:25), mu bihe by'ubuzima bwiza, n'iby'uburwayi, mu gihe cy'ubukire no mu gihe cy'ubukene. Agomba kumubera umwizerwa no kumuhumuriza mu bihe by'umubabaro (1 Samweli 1:8).

Umubyeyi w'umugabo agomba kuba umufatanyabikorwa w'umwete, mu guhugura no gutoza abana kubaha Uwiteka (Imigani 22:6). Afite inshingano zo gushyiraho gahunda y'amasengesho mu muryango ya buri munsi. Niwe urebwa n'ibyo gushimira ku bw'amafunguro. Ababyeyi bombi bagomba gusenga no gukorera hamwe, kugira ngo bazane abana babo ku Mwami, bahereye mu buto bwabo (Matayo 19:13-14).

Agomba gukunda umugore we n'umuryango we, ariko agomba gukunda Kristo kurushaho. Umubyeyi w'umugabo ukijijwe agomba guhora ashyla Kristo mu mwanya w'imbere mu mibereho ye (Luka 14:26)

**Umukoro:** Tegura urutonde rw'imitwe y'ibibwirizo ijyanye n'amateraniro y'iminsi mikuru y'ababyeyi b'abagabo.

## **ISOMO RYA 36: UMUNSI MUKURU W'ABABYEYI B'ABAGORE**

Ababyeyi b'abagore beza n'abagore beza ni impano zitangaje ziva ku Mana (Imigani 31:10). Abagore bakwiye kubahwa no gushimwa, itorero naryo ryari rikwiriye kugira ubushishozi mu guha agaciro imirimo yabo mu rugo n'ubuhanga bwabo.

Iteraniro ryo guha icyubahiro ababyeyi b'abagore ryagombye kugira indirimbo y'abana iririmbirwa abo babyeyi, n'amagambo yo gusingiza umubyeyi avuzwe n'umwana mukuru. Buri mwana yarakwiye byibura guha nyina impano (kabone n'iyo yaba ntoya). Ikibwirizo cy'uwo munsi gikwiriye gushingira ku mugore wo muri Bibiliya.

**Umukoro:** Tegura gahunda y'iteraniro ry'umunsi mu kuru w'ababyeyi mu itorero, ukore urutonde rw'abazawugiramo uruhare n'ibyo buri wese azakora.

## **ISOMO RYA 37: GUSHYIRAHO GAHUNDA Y'AMASENGESHO MU MURYANGO**

Ibanga ryo kunesha mu rugo rwa gikristo ni ukugira iteraniro ryo mu rugo aho Kristo amenyekana nk'umutwe w'urugo, hanyuma umuryango ugahurira hamwe kubwo kumuramya no kwiga ibye.

Nusobanura imiterere y'ibikorwa bijyanye n'amasengesho mu muryango, ugashishikariza abakristo kuyatangira, bamwe bashobora kubyumva ariko abandi ntibashobora gusobanukirwa by'ukuri icyo gukora. Kuki utabereka urugero muri rimwe mu materaniro? Utoranye umuryango runaka maze uhure nabo mbere kugira ngo mutegure urugero rw'amasengesho mu muryango. Bashobora gutangiza indirimbo ngufi cyangwa igice cy'indirimbo muzi neza. Abana bose bakuze bazi gusoma bagombye kugira za Bibiliya bagasoma umwe ku wundi, abatoya bagomba kuvuga umurongo umwe bafashe mu mutwe. Bishoboka ko Umugabo mu ncamate yagira icyo avuga ku Byanditswe Byera byasomwe, akarangizanya uwo mwanya n'amasengesho. Igihe umuryango uzaba uvuye imbere y'abantu umaze kwerekana urugero, hashobora gutangwa ubutumwa bugufi buvuga inyungu ziri mu gutterana kw'ababyeyi n'abana kubwo guhimbaza Imana nk'umuryango.

Umuryango watanze urugero ugomba gushimirwa mu ruhame, kandi indi miryango igashishikarizwa kwemera gutangira ibikorwa by'amasengesho mu ngo zabo.

Mbega impinduka bizazana kuri wese ugize umuryango!

**Umukoro:** Reka abanyeshuri batange urugero rw'iteraniro ry'amasengeso y'umuryango.

### **ISOMO RYA 38: GUZANA UMURYANGO WOSE KURI KRISTO**

Kimwe mu by'ingenzi cyane mu mirimo uzagira uzaba uwo kuyobora imiryango yose mu nzira ijya mu ijuru. Ibi uzabigeraho mu kuyobora ababyeyi kuba abubaha Imana bakamenyekanisha ukuri kwayo ku bana babo. Bimwe mu bitekerezo byakwifashishwa:

1. Ubwirize mu rume kandi utange inama ku muntu ku gitit cye ku nshingano ababyeyi bafite mu gutoza abana babo kumenya Ijambo ry'Imana. (Gutegeka 6:6-9; Imigani 6:20-23; ni imirongo myiza kuri ibi nka Zaburi 119:11).
2. Utete umwete ababyeyi gukingura ingo zabo n'imibereho yabo ku nshuti z'abakristo z'abana babo. Ubagaragarize akamaro ko kuba abakristo b'abanyamwete, b'abizerwa barundukiye muri Kristo, kandi batera inkunga itorero ku bw'inyungu z'abana babo. Kimwe mu by'ingenzi mu muryango ukomeye ni ugukunda Imana kwinjira mu babyeyi.
3. Jyana Itorero ryawe mu cyerekezo cy'umuryango. Utete umwete abizera gusengera no gushygikira abana b'indi miryango. Mushyireho ibikorwa bizahuza abantu bakuze n'abana bose n'urubyiruko bo mu itorero. Mu bantu b'Imana ntihagomba kubonekamo ingaruka z'itandukaniro ry'ikigero cy'imyaka.
4. Mwigishe ababyeyi bafite abana bakuze ku bijyanye n'ububi bw'imyumvire isaba ko hatangwa inkwano zikabije. Abasore benshi bagwa mu cyaha kuko basabwa kwishyura inkwano zirenze bituma ubukwe bwejejwe buba ikintu kidashoboka mu igihe cy'imyaka myinshi.

Abana ni impano itangaje iva ku Mana, kubazana ku Mukiza bizaba umunezero ukomeye ku babyeyi bo mu itorero ryose; umunezero uzahoraho igihe cy'iteka ryose.

**Ikiganiro:** Tekereza kuri buri ngingo muri enye zavuzwe haruguru. Ese zishobora kugira icyo zifasha zishyizwe mu bikorwa mu itorero ryawe? Hari ibindi bitekerezo watanga?

### **ISOMO RYA 39: GUKANGURIRA ABALAYIKI UMURIMO**

Birashoboka cyane ko mu itorero ryawe ari wowe ufite ubushobozi bwo hejuru mu buyobozi, kandi uzageragezwa cyane no kwikorera umutwaro wose w'itorero ku bitugu byawe. Ibi bizaba bibabaje, n'ikosa ribabaje cyane. Kuki?

Mbere ya byose, usome 1 Petero 4:10. Amabwiriza arasobanutse neza. "Buri muntu urugero yahawemo impano ayikoreshe muri mwe." Mu gukurira mu Mwami, abantu b'Itorero ryawe bagomba gukoresha impano bafite. Ugomba kubatoza no kabatera umwete. Ikidendezi kidatembesha amazi kiranuka. Imigezi y'amazi y'ubugingo yagombye gutemba iva mu bahamagariwe kuba abakristo bose b'itorero ryawe.

Kora itsinda ry'Ubutumwa Bwiza. Umwe ashobora kuba umuyobozi w'indirimbo, undi akaba umuririmbyi uririmba wenyine. Bishoboka ko umwe yacuranga gitari, undi agatanga ubuhamya. Ubahe inshingano yihariye mu iteraniro ryo guhimbaza Imana. Usabe bamwe kuyobora amatsinda y'amasengesho cyangwa kuba abayobozi b'amatsinda yo kwiga Bibiliya mu ngo. Bamwe bashobora kwigisha amasomo mu ishuri ryo ku cyumweru, abandi bashobora kuyobora amatsinda atandukanye y'abana mu cyumweru cyose. Abandi bantu bakore, ari wowe uyoboye, umurimo ujye mbere. Ikiruta byose, ubigishe umwuga wo kuzana abantu kuri Kristo.

**Ikiganiro:** Muganire ku bundi buryo abakristo bayoborwamo ngo bagaragaze urukundo bakunda Umwami mu kumukorera.

## **ISOMO RYA 40: GUKORESHA IMPANO Z'ABAGORE**

Abagore bo mu itorero ryawe ntibagomba kwemererwa kuba indorerezi gusa mu murimo w'Imana. Bafite impano zahesha umugisha abagize itorero, zahesha Imana ikuzo, no kugira imbaraga ubwabo mu mitima yabo.

Usuzume abagore bo mu itorero ryawe. Ucore ibishoboka byose mu kubashishikariza no kubategurira gukorera Umwami wabo byibura umwe muri iyi mirimo ikurikura:

### **1. Umurimo mu bagore ubwabo.**

1. Nk'umudiyakonikazi – gusura abarwayi n'abagize ibyago.
2. Mu itsinda ry'amasengesho, kuriyobora cyangwa kuryakira.
3. Kuyobora inyigisho za Bibiliya.
4. Guhindura abakristo bato mu gakiza kuba abigishwa b'Umwami; wenda abagore bakuze bafashe muri gahunda yo gukuza abato mu gakiza.

### **2. Umurimo mu bana.**

1. Kwigisha mu ishuri ryo ku cyumweru.
2. Kuyobora za karabu (Clubs) zibakikije.

### **3. Mu ngo.**

1. Gutoza abana gukurikira Umwami Yesu.
2. Kwakira no gufasha abakristo bagenzi be n'abatari abakristo.
3. Kuba umufasha w'ukuri w'umugabo we, kumutera umwete niba yarakijijwe, niba atarakizwa akore ibishoboka byose ngo amuzane kuri Kristo.

**Ikiganiro:** Ni iyihe mirimo yindi wakongerera abategarugori bo mu itorero ryawe?

## **IMIBEREHO YEJEJWE, KWITEGURIRA UMURIMO WEJEJWE**

**Ijambo ry'ibanze:** Aya masomo ashobora kuba ari yo y'ingenzi cyane mu nyigisho zacu za “Ecole Portative/ Portable School” kuko “Ibyuzuye umutima ari byo akanwa kavuga.” (Matayo 12:34). Imibereho yejejwe niyo yonyine yera imbuto z’Umwuka, kandi ukora umurimo w’Imana agomba buri gihe kwirinda Icyo ari cyo cyose cyashobora kumwiba ubutsinzi bwe no kwica ubuhamya bwe.

.....  
.....  
.....

## **ISOMO RYA 1: GUTINYA IMANA**

Hari ubwoba bwiza n'ubwoba bubi. "Ntutinye" ni bumwe mu butumwa bw'agaciro mu Byanditswe Byera; bukoreshwa hafi inshuro 50 n'inshuro 366 mu bundi buryo bunyuranye. Mwibuke amagambo y'Umwami Yesu: "Ninjye mwitinya!". Ariko kandi gutinya Umwami Imana ni ibintu tugomba kugira. Murebe iyi imirongo: Yobu 28:28; Zaburi 19:9; 2 Samweli 23:3; Gutegeka 6:13.

### **1. Aha hari ibintu tutagomba gutinya.**

1. Ibigirwamana n'ibishushanyo bisengwa (2 Abami 17:38).
2. Abantu: Genzura ikosa Sawuli yakoze muri 1 Samweli 15:24. Wibuke Imigani 29:25.
3. Ibiza n'akaga biba mu Isi, kuko byerekana ko kugaruka k'umukiza kuri bugufi (Luka 21: 25-28).
4. Ibihano mu gihe kizaza (Abaheburayo 10:27).
5. Ntitugomba kuba mu bwoba, kuko uwizera yatura ubwoba bwe ku birenge by'Umukiza (1 Petero 5:7).

Hasigaye gutinya kimwe gusa, ari ko gutinya kwera, gutinya Imana.

### **2. Gutinya Imana ni iki?**

1. Ni ukwanga ibibi (Imigani 8:13).
2. Ni ubwenge (Zaburi 111:10).
3. Ni ubutunzi (Imigani 15:16; Yesaya 33:6).
4. Ni isoko y'ubugingo (Imigani 14:27).
5. Kuraboneye (Zaburi 19:9).
6. Guhoraho iteka ryose (Zaburi 19:10).
7. Guturuka ku Mana (Abaheburayo 12:28)

### **3. Umusaruro uva mu gutinya Imana ni uwuhe?**

1. Binezeza Imana yacu (Zaburi 147:11).
2. Biduha kwemerwa imbere y'Imana (Ibyakozwe 10:35).
3. Bitera Imana guhumuriza abana bayo (Zaburi 103:13).
4. Bizana imigisha (Zaburi 112:1).

5. Bitera kwitandukanya n'ibibi (Imigani 16:6).
6. Bizana ubusabane hagati y'abizera (Malaki 3:16).
7. Bituma amasengesho asubizwa (Zaburi 145:19).
8. Byongera iminsi yo kubaho (kurama)(Imigani 10:27).

**Ibiganiro:** Abanyeshuri baganire ku buryo bunyuranye bwo kunesha inteve nke z'umutima wuzuye ubwoba. Hanyuma baganire ku bwenge bwo kubaha(gutinya) Imana.

## ISOMO RYA 2: IMIBEREHO YUZUYE UMWUKA WERA (Abefeso 5:18)

Buri wese wizeye afite Umwuka Wera (Abaroma 8:16); n'ubwo bimeze bityo, Umwuka ashobora gutura mu muntu ariko ntayobore imibereho ye. Umwuka Wera ashobora gutura mu muntu ariko ntabe umutegetsi. Iyo tumweguriye ubuyobozi bw'imibereho yacu arushaho kutwuzuza ubwe (Luka 11:13). Kuzuzwa kwakirwa iyo umwizera, n'ubwenge bwe, asobanukiwe ko Umwuka Wera ariwe ufite ubugingo bwe bwose mu biganza bye, ko ari we mutegeka wa byose biba muri buri kantu kose k'imibereho.

Mu nyandiko z'umwimerere z'ikigiriki ni itegeko rikomeza: "Mukomeze kuzuzwa". Kuzuzwa bigomba kuba ibya buri gihe kandi bikomeza. Intumwa Petero yujujwe Umwuka Wera mu Ibyakozwe 2:4, 4:8; 4:31. Buri munsi ukeneye kuzuzwa bushya Umwuka Wera.

### 1. Ibikenewe kugira ngo wuzuzwe Umwuka Wera:

1. Kubabarirwa ibyaha (Ibyakozwe 2:38).
2. Kuba umwana w'Imana (Abagalatiya 4:6).
3. Kugira inyota yo kuzuzwa (Yohana 7:37-39; Yesaya 44:3).
4. Kugira ukwizera (Yohana 7:39).
5. Kuba wumvira Imana (Ibyakozwe 5:32).
6. Kurindira (Luka 24:49; Ibyakozwe 1:4. Ntuhutireho)
7. Gusenga (Luka 11:13).
8. Wakire ikimenyeto (Yohana 1:12).

### 2. Ibiva mu kuzuzwa Umwuka Wera:

1. Imbaraga zo guhamya (Ibyakozwe 1:8)

2. Imbaraga zo kubaho imibereho ya gikristo y'ubutsinzi (kunesha)(Ibyakozwe 20:22-24).
3. Umwami azarushaho kubaharizwa (Yohana 16:14).

**Umwanzuro:** Ntituri ibigega ahubwo turi imigende. Tugomba kuzuzwa bikagera ku bandi. Imigisha igomba gukwira hose. Zirikana ingero zo mu Byanditswe Byera zirebana n'umurimo w'Umwuka Wera:

1. Isoko idudubiza (Yohana 4:14).
2. Iriba rifite amazi atemba (Yohana 7:37-39).
3. Ubwinshi bw'amazi mu gitu (Abaroma 8:11).
4. Amazi yuzuye agatembu (Abefeso 5:18).

**Ibiganiro:** Birashoboka ko bamwe mu banyeshuri bamenye ko batujujwe Umwuka Wera. Igihe gito cyo kwatura no gusenga gishobora kuba uburyo bwo kwakira umugisha ukomeye.

### **ISOMO RYA 3: KURWANYA SATANI (UMUBI) (1 Petero 5:8-9)**

Ntitugomba kwibagirwa ko Satani arwanya atera buri mwana w'Imana w'ukuri. Iri somo riraduha uburyo bukoreshwa mu gukumira ibyo bitero.

- 1. Uburyo Satani akoresha mu kurwanya abakristo (2 Abakorinto 2:11).**
  1. Atugira abanebwe.
  2. Atugira abaremerewe n'inshingano nyinshi.
  3. Aratunaniza akatugira abarakare, adulera kugira umunabi, atuma twibwira ibibi
  4. Twumva tubabazwa, nta mutekano no kurindwa.
  5. Kunengwa biduca intege – twibagirwa ko tugomba kwitegura kubyakira.
  6. Turiheba.
  7. Tugira ikigeragezo cyo kwibona mu by'Umwuka.
- 2. Uburyo bwo kurwanya umwanzi Satani:**
  1. Sobanukirwa iyo ingorane nk'igitero cya Satani (yakobo 4:7).
  2. Urwanye, urwane, ufaté inkota (Abefeso 6:11).

3. Ukoresho intwaro ziboneka mu Abefeso 6:10-18.
4. Wambare Kristo (Abaroma 13:14).
5. Ukoresho Ijambo ry'Imana (Matayo 4:4-7, 10).
6. Ukoresho gushaka kwawe uvuga uti: “Sinza gukora icyaha”. “Niyemeje ku bw’ imbaraga za Kristo undimo kunesha, no kuba unesha icyaha”
7. Gusenga (Abefeso 6:18)
8. Usabe gutwikirwa n’amaraso ya Yesu – “Nabo bamuneshesheje amaraso y’Umwana w’Intama” (Ibyahishuwe 12:11).

**Ibiganiro:** Ni ibiki umaze kunyuramo ukabinomo igitero cya Satani? Ni ntwaro ki yakubereye ingirakamaro kuruta izindi mu kukinesha?

#### **ISOMO RYA 4: UBURYO BWO KUMENYA UBUSHAKE BW’IMANA**

Ingorane buri mukristo ahura nayo ni uburyo bwo kumenya adashidikanya ubushake bw’Imana. Hari imigambi y’Imana kuri buri umwe wo mu bantu bayo ikwiranye n’imiterere yacu, impano zacu, ibyo dukeneye n’ibituzenguretse (idubikikije) (abefeso 2:10).

Umugambi Imana igufitiye wowe ubwawe ni umwihariko wawe. (Zaburi 32:8).

- Uvugwa mu buryo burambuye neza (Zaburi 37:23).
- Urasobanutse kandi urihariye (Yesaya 30:21).
- Imana ishaka ko tuyibaza ibijyanye n’umugambi wayo kuri twe (Zaburi 143:8), no gusenga cyane ngo duhabwe birambuye iby’uwo munsi.

Kandi umuteguro wayo uhora uri mwiza, urihanganirwa, utunganiye buri mwizera ku gitи cye (Abaroma 12:2).

#### **1. Umugambi w’Imana buri gihe uba ukubiyemo iyi miterere:**

1. Kwitandukanya n’icyaha kugira ngo twezwe (1 Abatesalonike 4:3).
2. Gusenga no gushima (1 Abatesalonike 5:17-18).
3. Gukora imirimo myiza (1 Petero 2:15).

## **2. Inzira zikoreshwa mu kuyobora umukristo.**

1. Imana ituyobora buri gihe ikoreshheje imirongo y'Ibyanditswe Byera. "Muhazwe n'Ijambo ry'Imana". Gushaka kw'Imana ntikwigera kunyuranya na Bibiliya.
2. Ituyoboza ukwemera kuri muri twe ubwacu duhabwa n'Umwuka w'Imana (Abaroma 8:16; Ibyakozwe 13:2; Yohana 16:13).
3. Ituyobora ikoreshheje ibyo ducamo, Imana ikinga urugi rumwe igakingura urundi. Nta kiba ku mwana w'Imana ari impanuka.
4. Rimwe na rimwe inyuriye mu bimenyetso (Abacamanza 6:37-39), ariko tugomba kwirinda ngo tudakurikiranya ibyagombye kubaho ngo tubyite ibimentyetso.

## **3. Uburyo bwahimbwe na George Mueller ngo ubone ubuyobozi.**

1. Ureke ugushaka kwawe. Ntugire uguhitamo na kumwe watekereje ushyira mu bikorwa. Ntugire aho ubogamira.
2. Ushake ubushaka bw'Umwuka unyuriye mu ijambo ry'Imana.
3. Wibuke ibihe byo guhererwamo ubufasha n'ubutabazi.
4. Usabire kuyoborwa.
5. Utengereze Imana.

**Ibiganiro:** Wigeze ugira ibihe bitomoye byo kumva ubuyobozi bw'Imana bukuriho? Ni mu buhe buryo wasobanukiwe yuko uri kuyoborwa Nayo?

## **ISOMO RYA 5: IGIHE CYO KWIHERERANA N'IMANA**

Igihe cyo kwihererana n'Imana ni ibanga ry'imibereho yo kunesha ku mukristo. Iki gihe kitabayeho, kuneshwa mu mwuka kwabaho nta shiti.

### **1. Urugero rwiza cyane rwa Aburahamu rwo kwihererana n'Imana kwa buri gitondo.**

1. Yabyukaga mugitondo karekare. Uyu ni umwimenyerezo mwiza cyane.
2. Yari afite ahantu he hihereye aho yajyaga guhurira n'Imana. Twagombye natwe gukora dutyo.
3. Yabikoraga buri munsi. Ntiyabikoze rimwe gusa.

4. Yahagararaga imbere y'Uwitaka, akarindira ko Imana imubwira.

**2. Ibya ngombwa mu gihe cyo kwihererana n'Imana.**

1. Bibiliya. Soma Bibiliya buri gihe; ukurikije gahunda washyizeho.
2. Ikaramu n'ikaye ukoresha wandika ibygisho biva mu Byanditswe Byera.
3. Ikayi irimo urutonde rw'ibyifuzo usengera n'umwanya usiga wo kwandikamo ibisubizo.

**3. Ingengabihe yo kwihererana n'Imana.**

1. Gira ibihe byawe byo kwihererana n'Imana mu masaha amwe buri munsi niba bishoboka.
2. Wihe intego yo kubahiriza gahunda idahindagurika, niba bishoboka ukoresha umwanya umwe usoma Ijambo ry'Imana, ugire n'umwanya wo gusenga.
3. Ntutegekwe n'igihe cyane. Niba Umwuka w'Imana akuyoboye gusenga ukomeze usenge. Niba Ijambo ry'Imana riguhishuriye ibindi bishya n'umucyo mushya ukomeze usome rikuzuze.
4. Urugero rwa gahunda ishobora gukurikizwa: Isengeso rigufi, gusoma Ijambo ry'Imana, ugakurikizaho amasengesho. Ukoresha Ijambo ry'Imana nk'urufatiro rw'amasengesho n'ibyifuzo.

**ISOMO RYA 6: KWITANDUKANYA 1 Yohana 2:15**

“Ntimugakunde isi...”. muri uyu murongo ijambo “Isi” risobanura iki? Umurongo ukurikira urarisobanura: risobanura, gahunda y’isi ya none iyoborwa na Satani.

**1. Ibintu bimwe na bimwe bitari byiza.**

1. Gushyingiranwa k’umwizera n’utizera birabujijwe (2 Abakorinto 6:14-17; Amosi 3:3).
2. Gukiranirwa kose n’ibikorwa by’umwijima byose (2 Abakorinto 6:14). Ibi bikubiyemo kandi no kwifatanya mu by’ubucuruzi.
3. Beriyali, Satani, n’abatizera (2 Abakorinto 6:15).
4. Ibihushanyo bisengwa (2 Abakorinto 6:16).
5. Abigisha b’ibinyoma (1 Timoteyo 6:3-5).

6. Uburyo bwose bw'icyaha, imyifatire mibi n'ubusambanyi (ubusinzi, n'ibindi) (1 Petero 1:16).

## **2. Amategeko fatizo yo gukurikiza.**

1. Ngomba kwitandukanya n'icyari cyo cyose cyahungabanya ukwizera kwanje muri Yesu Kristo.
2. Ngomba kwitandukanya n'icyari cyo cyose cyakonona ubuhamya bwanje.
3. Ngomba kwitandukanya n'icyari cyo cyose cyahungabanya imigendere yanje kikanzanira gukora icyaha.
4. Niba ibikorwa byanje byagusha mugenzi wanje si byiza kubikomeza (2 Abakorinto 8:13).
5. Ngomba kwitandukanya n'ibyakonona umubiri wanje; mu mubiri, mu bwenge no mu marangamutima.
6. Ibyo nkora binezeza Kristo? Niba we atabikora, singomba kubikora (1 Petero 2:21).
7. Ibyo nkora byashobora kongerera imbaraga ubuhamya bwanje? Cyangwa byanzanira umugayo (Gusuzugurwa)? (2 Abakorinto 6:14).

**Ibiganiro:** Wigeze ugira intambara zo kugira ngo witandukanye n'ibikorwa bibi? Ese hari ibikikurwanya? Ni gute wabikemura?

## **ISOMO RYA 7: IMIBEREHO BWITE Y'UMUSHUMBA.**

Imibereho bwite y'umushumba ni iy'ingenzi cyane, kuko abantu bumva ikibwirizo ku munsi wo ku cyumweru kandi bakagenzura uburyo bishyirwa mu bikorwa mu minsi y'icyo cyumweru.

Mu nzandiko yandikiye umushumba mushya Timoteyo, intumwa ikuze Pawulo yibanze cyane ku byiza by'imibereho ikiranuka kandi yejejwe. Iyo umubwiriza adakurikiza ibyo abwiriza, abantu bahita bamutahura vuba.

1. Umushumba agomba kuba umuntu wubaha Imana n'ibayayo –ukiranuka, umuntu wejejwe, werekanisha imibereho ye Umwami Yesu Kristo.

2. Agomba kuba icyitegererezo mu mibanire ye n'umugore we ndetse n'umuryango we. Agomba kuba icyitegererezo mu bivuzwe haruguru ku mukumbi.
  3. Agomba kuba umunyamasengesho. Abantu be baba bamwitezeho kumara igihe kinini mu masengesho ya buri musi – ndetse amasaha. Ibi arabikeneye kugira ngo ahore yezwa. Satani yohereza ibishuko byinshi ku umuntu w'Imana.
- Agomba kuguma imbere y'Umwami Imana kugeza igihe arekeye ibitagira umumaro (ibibi) (Yesaya 52:11). Agomba gusabira umukumbi we (1 Samweli 12:23; Abakolosayi 1:9). Mu gusengera abantu be agomba kubavuga mu mazina umuntu ku wundi, kenshi bishoboka.
4. Agomba kuba umuntu **ubabazwa n'abantu bazimira n'abapfira mu byaha** (Ibyakozwe 20:31; Luka 19:10). “Yemwe bahetsi baheka ibantu by'Uwiteka, murajye mwiyeza”. (Yesaya 52:11).

**Ibiganiro:** Tanga amazina y'abayobozi ba gikristo bakubereye intangarugero. Ni iyihе mico ndashyikirwa bari bafite?

## ISOMO RYA 8: IMPAMVU BWITE ZIMUTERA GUKORA

Umukozi w'Imana agomba gukora afite intego nzima – yo guhesha izina ry'Imana icyubahiro. Intumwa Pawulo ntiyashishikazwaga n'icyubahiro cyangwa impiya, ahubwo abantu –agakiza kabo no gushikama mu kwizera. Kwifuza kugira icyo akora n'imbabazi byamuhatiraga gukomeza – (1 Abakorinto 1:15-18). Yifuzaga kureka kurya no kunywa agashyira imbere gusa gufasha abantu ngo bizere (Bakizwe) (1Abakorinto 9:4).

I Korinto yanze ibihembo kugira ngo yirinde gushidikanywaho no kugira ngo aronke imitima ya benshi. Yimenyereje kubana n'ingeri zinyuranye z'abantu (1 Abakorinto 9:19-23). Yari afite ubushake bwo kudashyingirwa, kutagira urugo n'abana mu gihe byahesha abantu benshi gukizwa.

Ubutumwa bw'igitangaza, igihe kigufi, kwegerwa n'urupfu, no kugaruka kwa Yesu; zari impamvu zimuhata gukora byose ku bw'icyubahiro cy'Umwami. (Abakolosayi 3:17; 1 Abakorinto 10:31).

**Ibiganiro:** Ni ubuhe bwitange bwihariye Pawulo yagize ku bw'umurimo? Mwibwira ko bwari ngombwa? Gira icyo uvuga ku mpamvu Pawulo yari ashizye imbere nk'uko bigaragara muri iki cyigisho.

### **ISOMO RYA 9: IMICO N'IMITERERE IKWIRIYE UMUYOBOZI MU BY'UMWUKA**

1. Agomba kuba inyangamugayo, umuntu w'umunyakuri n'ubuhamya bwiza mu bantu, w'imico myiza kandi ushikamye (Tito 1:6).
2. Agomba kuba umugabo w'umugore umwe, washyingiwe rimwe (Tito 1:6).
3. Agomba kuba se w'abana bizerwa, bumvira, kandi bubaha. (Tito 1:6). Uku ni ko bamusuzuma. Niba umuntu ayobora neza abo mu rugo rwe, ashobora no kuyobora itorero.
4. Ntagomba kuba icyigenge; ntagomba kuba umuntu utwaza abandi igitugu (Tito 1:7).
5. Ntagomba kwihutira kurakara (Tito 1:7). Umujinya n'uburakari ntagomba kubiha umwanya.
6. Ntagomba kuba ari umunywi w'inzoga (Tito 1:7).
7. Ntagomba kuba umunyarukoni (Tito 1:7).
8. Ntagomba gukunda impiya (Tito 1:7). Iki ni ingenzi, bitabaye ibyo umutungo w'itorero wamubera umutego (ikigusha).
9. Agomba kuba akunda gucumbikira abashyitsi (Tito 1:8). Yerekana urukundo ku bizera bagenzi be no ku bashyitsi.
10. Agomba gukunda ibyiza byose, ibiboneye n'ibikwiye byose (Tito 1:8).

**Ibiganiro:** Suzuma buri umwe muri iyi miterere ikwiriye umuyobozi kandi werekane impamvu ari ingenzi ku muyobozi w'itorero. Ese hari indi miterere wakongera kuri urwo rutonde?

### **ISOMO RYA 10: UBUSAMBANYI**

Satani azakora n'imbaraga ze zose kugira ngo aneshe umukozi w'Imana, kandi nta kintu kimunezeza cyane nko guteza umuntu ukomeye mu murimo we kugwa – uyu mutu agwa avuye hejuru cyane kandi bikomeye, kandi inshuro nyinshi, akurikirwa n'abandi bari abayoboke be mu gukurikira inzira y'Imana.

Ukuri guteye agahinda, akenshi umuyobozi mu by'Umwuka iyo aguye ava mu gahinga k'umusozi ko kunesha mu buryo bw'Umwuka n'inyungu agenerwa, akamanurwa mu gikombe cy'umwijima cyo kuneshwa bitewe n'uko atabashije kwirinda mu mibanire ye n'abagore. Ingaruka z'ibyo ni uko umurimo we ubwe uhita usenyuka, imico n'imyitwarire ye iba ijemo ikizinga kitakurwaho, itorero rya Kristo rigahindurwa iryo gusuzugurwa.

Buri gihe umukozi w'Imana agomba kwirinda cyane igishuko. Agomba guhunga vuba igishuko icyo ari cyo cyose. Yagombye guherekezwa n'umugore cyangwa umukuru w'itorero mu gihe agira inama umugore cyangwa asengana nawe. Agomba kwirinda ibisa n'ingeso ziganisha ku myitwarire mibi yose.

Ugomba gusenga cyane kugira ngo Imana ikurinde cyane imyambi ya Satini, ariko kandi ugomba kuba maso kuri buri kimenyetso (signal) kigaragaza ko hagiye kubaho ingorane. Tugomba kuba maso kandi tugasenga.

**Ibiganiro:** Mugenzure imigendere ya Samusoni n'iya Dawidi kandi mwerekane uko ubumwe bwabo budahwitse bagiranye n'abagore bwazanye agahinda gakomeye.

## ISOMO RYA 11: UMUYOBOZI MU RUGO

Kubaha Imana ku ruhimbi bigomba guherekezwa no kubaha Imana mu rugo rwawe. Eli yahanwe kubera ko atashoboye kugenzura abahungu be b'inkozi z'ibihe, mu gihe Imana yahaye agaciro ukwitwara neza kwa Aburahamu mu kuyobora urugo rwe, hanyuma imwegurira inshingano zihambaye.

- Umuyobozi ukijijwe agomba kuba umugabo (umutware) w'intangarugero.** Urukundo akunda umugore we ruzaca integre abagore ngo badashyira igishuko mu nzira ye. Uburyo afata umugore we nk'umufatanyabikorwa buzagaragaza urugero rukwiye rw'icyubahiro ku bagore mu itorero.
- Abana be bagomba kwerekana ko bakomoka mu rugo rukundana kandi rubamo gahunda.** (1 Timoteyo 3:12). Bagomba kuba abumvira kandi bubaha. Ku bashyitsi biragoye kubaha umugabo utubawa n'abana be.

- 3. Urugo rw'umuyobozi rugomba kuba rukinguriwe abakristo bagenzi be n'abashitsi.** (Tito 1:8). Bigomba kugaragara ko bafite imiterere myiza yo kubaha Imana, ku buryo abashyitsi bahita babona ko Kristo ari we mutwe w'urwo rugo.

**Ibiganiro:** Ni igiki kizatera abana b'umuyobozi wa gikristo kuba intangarugero ku rundi rubyiruko rwo mu itorero? Ni ryari bagomba gutangira gutozwa?

### **ISOMO RYA 12: KUVUGA UKURI KONYINE**

“Reka ‘Yego’ yawe ibe ‘Yego’, na ‘Oya’ yawe ibe ‘Oya’.” (Matayo 5:37). Nta “binyoma bito byera”, ku mukozi wa gikristo. Agomba kuba umuntu ushobora kwizerwa. Hari amagambo akomeye Imana ivuga ku byerekeryane n’ikinyoma (Zaburi 101:7).

- 1. Kurenza urugero:** Abavugabutumwa akensi bakora icyaha cyo gukabya. Kenshi na kenshi bagatangangaza ko imbagu z’abantu zitabiriye amateraniro ku bwinshi, ibyemezo byinshi bigafatwa kandi mu gihe umurimo mu by’ukuri ari muto. Ibi bikorwa ngo biheshe ikuzo umuvugabutumwa ariko ntibikorwa ku bw’ikuzo ry’Imana.

- 2. Kudashyitsa amasezerano:** Iyo isezerano ritanzwe rigomba gushyitswa. Iyo bidakozwe, isezerano rihinduka ikinyoma. Kandi Imana ntiha imigisha abanyabinyoma.

**Ibiganiro:** Usome imirongo ikurikira no ugire icyo uyivugaho: Zaburi 101:7, Imigani 12:22; 19:5; Abakolisayi 3:9; Ibyahishuwe 21:8.

### **ISOMO RYA13: UMUTUNGO**

Umuntu yakwitezze ko, mu bantu bose bo ku Isi, umukristo mu mirimo ye yakagombye kuba umunyakuri kuruta abandi, no kuba umwiringirwa kuruta abandi mu kwishyura imyenda. Ikibabaje, ibyo si ko bimeze. Bensi mu bakora imirimo ibyara inyungu banga kuguriza (amafaranga) cyangwa kongera kuguriza abakozi b’Imana kubera ko babariganya. Mbega ukuntu ari akaga ku muyobozi wa gikristo gukoza isoni izina ry’Umwami Imana!

Impuguro za Pawulo zirasobanutse cyane: – Ntimukagire umwenda wose keretse gukundana (Abaroma 13:8). Ku byerekeranye n’umutungo bwite w’umuntu no mu gukoresha umutungo (amafaranga) w’itorero, umuyobozzi agomba kuba umunyakuri. Isezerano ryo kwishyura riba rigomba kubahirizwa. Bitabaye ibyo, umurimo we birangira usenyutse, kandi n’izina ry’Uwiteka rigasuzugurwa.

**Ibigabiro:** Usome Abaroma 12:17. Ku bwawe, ibisobanuro byabyo ni ibihe? Waba uzi abakozi b’Imana batagize icyo bitaho, ntibabe abanyakuri mu bijyanye n’imitungo yabo? Ibi byazanye ngaruka ki mu nyungu z’umurimo wa Kristo?

## ISOMO RYA 14: KUGIRA GAHUNDA YO GUCUKUMBURA MU KWIGA

Intumwa Pawulo yagiriye inama Timoteyo, umukozi mushya kugira umwete wo gusoma (1 Timoteyo 4:13). Umuntu wese ubwiriza Ijambo ry’Imana agomba gucukumbura Ijambo akoresheje imfashanyigisho zose ziboneka (zishoboka) – Ibuka iki gitekerezo cy’ingenzi: abantu bagombye kwiga ibantu bishya buri gihe bakumva kabone n’iyo byaba bike cyane.

Wagombye gukoresha ibitabo bisobanura Bibiliya (Commentaries/ na Study Bibles) kimwe n’inyandiko z’abantu b’Imana z’imyaka yose n’ibihe byose. “Gusoma cyane bitera umuntu kuzura”

**Ibiganiro:** Ni ibiki wasomye vuba aha mu Ijambo ry’Imana byagukomeje? Viga ibikubiye muri zimwe mu nsanganyamatsiko?

## ISOMO RYA 15: KURINDA UMUBIRI WAWE

Umubiri ni urusengero rw’Imana kandi ukwiriye kufatwa neza (1 Abakorinto 3:16). Urye indyo yuzuye wirinde kurya ngo urenza urugero. Ujye kuryama hakiri kare kandi ubyuke hakiri kare. Ukore imyitozo ngororangingo buri munsi.

Kwimenyereza imico igambiriye kugira ubuzima bwiza, bizakongerera indi myaka yo kurama mu murimo w’Imana. Ubeho mu buryo bworoheje, ariko ugire ibitekerezo bihanitse. Ibyo bikubere intero (intego).

**Ibiganiro:** Mwerekane imwe mumyitozo ngororangingo ifitiye umubiri akamaro. Muganire ku zindi mpamvu zigira uruhare mu kugira ubuzima bwiza.

### **ISOMO RYA 16: UBUNEBWE**

Pawulo yari afite impamvu ye mu kwandika, “ntidushaka ko muba abanebwe.” (Abaheburayo 6:12). Umukristo uri mu murimo w’Imana ntgomba undi muntu wo kugenzura amasaha nyakuri aba yakoresheje kuri uwo murimo. Ajya ku ruhimbi agasubira mu butumwa bumwe yatanze inshuro nyinshi mu bihe byashize. Akensi nta mbaraga ziba ziherekeje ikibwirizo cye kubera ko aba yakoresheje umwanya muto mu masengesho. Abagize itorero bashobora kwibwira ko nta mushumba bafite, kuko amara umwanya muto mu gusura abakristo no kubagira inama.

Igihe cy’isarura ni kigufi kandi uryamira mu gihe cy’isarura ni umwana ukoza isoni (Imigani 10:5). Ubu ni igihe cyo gukanguka ukava mu bitotsi byawe. (Abaroma 13:11). Uri umukozi wa Kristo umwe mu bakiriye umuhamagaro utangaje kandi ushinzwe umurimo w’icyubahoro. Uzinduke kare, ukurikize gahunda y’amataeraniro yo gusenga n’umurimo kugira ngo buri saha ikubere ingirakamaro uko ingana yose. “Usinziriye we, kanguka!” (Abefeso 5:14).

**Ibiganiro:** Ni ibihe bintu bishobora gutera umubwiriza kuba umunebwe? Ese waba uziabbwiriza b’abanebwe? Ese abantu babo barubaha?

### **ISOMO RYA 18: GUSHIMA/GUHIMBAZA**

Ese waba uri kunyura mu gihe cy’umwijima mu by’Umwuka? Ese umaze kurambirwa ku bw’ibyo unyuramo mu butayu? Umaze kuribwa n’umutwe utewe n’umutwaro wikoreye?

Urufunguzo rwo gufungura umuryango w’urwijiji no kuneshwa mu by’Umwuka ni ugushima. Gushima niwo muti wawe, ibyo bizakora ibitangaza mu mubiri wawe, mu bugingo no mu mwuka. (Imigani 15:13; 17:22). Shima! Ntugatakaze igihe cyawe n’imbaraga zawe witotombera Imana n’abandi kubera ibyo unyuramo. Kura amaso yawe ku byo unyuramo n’ibyo uhura nabyo ahange amaso ku Mwami Imana. Wibagirwe inguma zawe n’uburibwe bwawe. Aha niho

hari amahirwe yawe yo guhindura ibibazo byawe mo ishimwe, ngo wamamaze ku bari mu Isi Umwe Ukwiriye amashimwe, ndetse no mu bihe by'umwijima.

Rimwe na rimwe ntibiba byoroshye gushima Imana, ni yo mpamvu duhugurirwa gutanga igitambo cy'ishimwe ku Mana ubudasiba.

Igihe upfukamwe usenga wibagirwe ibyifuzo byawe nuko usome Zaburi 103 cyangwa Zaburi yindi yo gushima ya Dawidi, kandi ushyire ibitekerezo byawe byose ku gushima Imana mu kuramya.

Nongere mbivuge nti: Mwishime!

**Ibiganiro:** Usome 2 Ingoma 20:22 kandi urebe inyungu ziva mu gushima. Usome igitabo cya Zaburi kandi urebe mo amabwiriza ajyanye no gutanga amashimwe ku Imana.

## ISOMO RYA 18: MU GIHE IBIGERAGEZO BIJE

Ibigeragezo bizaza ku mukozi w'Imana: ni we ugomba kubyirinda no kubirwanya. Igihe wiyumvamo uhatwa kujya mu nzira y'ibyaha, Umwuka Wera arakugarura akwibutsa ibi bikurikira:

1. Tekereza ku Mana (Itangiriro 39:9; 1 Samweli 2:22-25; Yakobo 4:4).
2. Itekerezeho ubwawe (1 Abakorinto 6:18; Imigani 6:32).
3. Tekereza ku mugore wawe (Malaki 2:1-16).
4. Tekereza ku wo mukorana icyaha (Matayo 18:6).
5. Tekereza ku bana bawe (Kubara 14:33).
6. Tekereza ku muryango wawe (Itangiriro 12:17; 20:18).
7. Tekereza ku isoni uzagira no kwicuza kwawe (Imigani 5:11-14; 6:32-33).
8. Tekereza ku itorero (1 Abakorinto 5:1-6; 1 Samweli 2:24).
9. Tekereza ku batarizera (Abaroma 2:22-24).
10. Tekereza ku banzi b'Ubutumwa Bwiza (2 Samweli 12:13-14).
11. Tekereza ku murimo wawe (Abacamanza 16:19-20; 1 Abakorinto 9:27).
12. Tekereza ku rubanza rw'Imana (Abaheburayo 13:4; Ezekielyi 16:38).
13. Tekereza ku iteka ryose (Abagalatiya 5:19-21).
14. Mu kurangiza, tekereza ku cyubahiro kizaza ubaye unesheje (Ibyahishuwe 14:4).

**Ibiganiro:** Ni iyihe mu mpamvu ubonye haruguru ufata nk’iyingenzi kuruta izindi? Kubera iki?

### **ISOMO RYA 19: ABIGANA**

Twabishaka tutabishaka, abantu bazigana umuntu ubahagarara imbere (ku ruhimbi) abigisha, bazigana ibyiza akora n’ibibi nabyo. Pawulo yavuze mu Abefeso 5:1: “Mwigane Imana”, ntitwagira ingorane iyi nama iramutse ikurikijwe. Ariko umuntu upfa we akunda kwigana umuyobozi. Umuyobozi mu by’Umwuka agomba kwirengera ingaruka z’imyifatire ye imbere y’umukumbi.

Niba ari umuntu urinda cyane imigendere ye imbere y’Imana, abandi bazakurikira inzira yo gukiranuka. Ariko nabona bimworoheye ko gukina n’ibya n’tacyo bitwaye akanyuranya n’imyitwarire ibereye ya gikristo, birashoboka ko abayoboke be bo bazarenzaho bagakora ibyaha ku mugaragaro. Niba afite ishyaka ryo gushaka abazimiye no kuzana abantu kuri Yesu, azabona abakorerabushake batangira guhugura ngo batange ubuhamya. Ariko niba umuyobozi ari umunebwe mu gushaka abazimiye, abantu be bazaba abakristo bo ku cyumweru gusa; bazaba abumva Ijambo ry’Imana gusa ariko batarishyira mu bikorwa. Niba imibereho ye ari iyo kwitanga, akabaho ubuzima butanga, abakristo b’abanyabugugu mu gahe gato bazafungura imifuka yabo banezerewe batange ku bw’Umwami.

Pawulo yategetse abanyatesalonike mu 1 Abatesalonike 1:6, agira ati: “Namwe niko mwadukurikije mukurikiza Umwami wacu.” Nawe yi yemeje kubaho imibereho itariho umugayo aravuga, “Ndabinginga kugira ngo munyigane.” (1 Abakorinto 4:16).

**Ikiganiro:** Urugero utanga ruzabyara abakristo ba bwoko ki?

### **ISOMO RYA 20: KUNESHA NTIGUSHIDIKANWA!**

Soma Abafilipi igice cya 3 n’icya 4.

Bensi mu bakozi b’Imana bagira ipfunwe ryo kwiyumvamo ko bari ku rwego rwo hasi bikabatera kwigaya no kwiyumvamo ko n’tacyo bashoboye. Bakagira ubwoba bwo kwiyerekana nk’abakozi b’Imana. N’ubwo bimeze bityo,

Imana yo ibabara “nk’abakozi b’Isumbabyose” (Daniyeli 3:26). Iyi niyo yari imyitwarire ya Pawulo mu gukorera Imana (1 Timoteyo 1:11,12).

Imana yaduhaye Umwuka w’ubushobozi. Ijambo ry’ikigiriki rikoreshwa mu mwanya w’ “Ubushobozi” mu Ibyakozwe 1:8 ni “Urutambi” (Dynamite). Nta bushobozi bwahangara imbaraga z’Imana.

Ntugasuzugure ubushobozi Imana yaguhaye. Gerageza ibidashoboka. Gera ahashoboka hose. Ntugatekereze na rimwe ko udashobora kugera ku bakire n’abize cyane.

“Umuto” Pawulo yakoze ibikomeye kubera ko yashyize ibyiringiro bye ku bushobozi bw’Imana. Wemere ubwo bushobozi kandi ujye ku murimo. Uhe Imana amahirwe (uburyo) ngo yerekanire ubushobozi bwayo butangaje muri wowe.

Imana iragukeneye.

**Ibiganiro:** Usome iyi mirongo kugira ngo ugenzure bimwe mu binyantegenke Imana yakoreshje kugira ngo yerekane ubushobozi igasohoza ibikomeye: Kuva 4:2; Abacamanza 15:15; 1 Samweli 17:40; Zekariya 4:10; Matayo 13:32; Yohana 6:9. Ukuri gukomeye kuboneka mu 1 Abakorinto 1:27-29, - iyi mirongo uyige uyifate mu mutwe.

## **UBUMWE HAGATI Y'AMATORERO**

Buri dini rigira imico yaryo ryihariye, kubera ko iri somo ryibanda ku matorero yose, ntibizashoboka gutanga ubusobanuro bwuzuye kuri buri somo mu masomo ari ku rutonde. Abarimu bazifashisha uburyo bukurikira bwagenewe kubayobora, muri ubwo buryo, bazerekana amateka y'amatsinda babarizwamo n'uburyo atandukanyemo n'ayandi.

Iri somo rirangiye, umwigisha mushya w'umukumbi, yagombye kwiyumvamo ubushobozi no gутегурва guhagije ku bijyanye n'ibyo ahamagarirwa mu murimo we, no kumva ntabwoba afite mu gutangira umurimo we nk'umubwirizabutumwa mushya.

**ISOMO RYA 1:** Amateka y'idini mu mahanga; inkomoko yaryo mu yandi matorero, abaritangije, ababanje kuriyobora, impamvu

**ISOMO RYA 10:** Amashuri y'idini ahugura abarimu b'amatorero n'abavugabutumwa.

**ISOMO RYA 11:** Ibyo umwarimu mushya ashinzwe mu itorero rye, umubare w'imirimo agenewe gukora.

**ISOMO RYA 12:** Gutegura abizera bashya kubatizwa, hakoreshejwe gahunda y'itorero yeteganirijwe kuyobora icyo gikorwa.

**ISOMO RYA 13:** Icyo umwarimu yagombye gukora mu gihe abakristo bo mu itorero rye baguye mu cyaha, inzira idini/itorero rikoresha mu gukemura iki kibazo.

**ISOMO RYA 14:** Icyo umwarimu yagombye gukora mu gihe abapfumu n' abatware b'imiryango bamuhagurukiye?

**ISOMO RYA 15:** Uburyo bwo gutegura ubukwe.

**ISOMO RYA 16:** Gukusanya amaturo n'uburyo bwo kuyakoresha.

**ISOMO RYA 17:** Kubaka amazu y'itorero mu midugudu/insisiro.


**ISOMO RYA 18:** Gushinga amatorero mu turere twa hafi, amatsinda y'ivugabutumwa.

**ISOMO RYA 19:** Ubufatanye mu byumweru byahariwe ivugabutumwa ku rwego rw'akarere, guhinduranya ababwiriza n'ibindi nk'ibyo.

**ISOMO RYA 20:** Iyo habayeho ikibazo cy'ingorabahizi/ gikomeye ni nde mwarimu agomba gusanga ngo amuyobore cyangwa ngo amugire inama.

## BIBLIOGRAPHIE

- Alban, Douglas. *100 Bible Lessons*. Gospel Literature Service: Bombay, India
- Balchin, John. *Compact Survey of the Bible*. Bethany House Publishers: Minneapolis. MN.
- Evans, William. *The Great Doctrines of The Bible and How to Prepare Sermons*. Moody Bible Institute of Chicago, Moody press: chicago, IL. Used by permission.
- McGee. J. Vernon. *Books of the Bible and Briefing the Bible*. Thru the Bible Books: Pasadena, CA.
- Mead, Henrietta. *What Bible is All About*. Regal Books Div. of Gospel Light: Ventura, CA. Used by permission.
- Stanley, Dr. Liliane. *The Ideal Woman*. Blessing Books: Vellore India.
- Stanley, Rev. R. *Preachears and People*. Blessing Books. Vellore India.



*Turashimira byimazeyo  
abanditsi b'ibi bitabo  
batwemereye ku bw'ubuntu  
gukoresha amasomo yabo bateguye  
mu Mashuri Yimuka*